a) transportation of persons by road in a bus and a coach licensed under the law on vehicles in traffic and which have a seating capacity for fourteen (14) persons or more;

a) transport des personnes par route dans des minibus et bus autorisés à cet effet par la loi régissant la circulation routière et ayant une capacité de quatorze (14) places assises ou plus;

b) gutwara abantu mu ndege;	b) transportation of persons by air;	b) transport des personnes par avion;
c) gutwara abantu cyangwa imizigo mu mato;	c) transportation of persons or goods by boat;	c) transport des personnes ou des biens par bateau;
d) gutwara ibintu ku nzira y'ubutaka;	d) transport of goods by road;	d) le transport des biens par voie terrestre;
6° gutiza, kugwaturiza no kugurisha:	6° lending, lease and sale:	6° prêt, bail et vente:
a) kugurisha cyangwa kugwaturiza isambu;	a) sale or lease of a land property;	a) vente ou bail d'une propriété foncière;
b) kugurisha igice cyangwa inzu yose yagenewe guturwamo bisanzwe;	b) sale of a whole or part of a building meant for residential purposes;	b) vente en tout ou en partie d'un immeuble à usage résidentiel;
c) kukodesha cyangwa gutanga uburenganzira bwo kuba mu nzu yagenewe by'umwihariko guturwamo n'umuntu umwe hamwe n'umuryango we, igihe cyose ubwo burenganzira bwo kuyibamo burengeje iminsi mirongo cyenda (90);	c) renting of or grant of the right to occupy a house used predominantly as a place of residence of one person and his/her family, if the period of accommodation for a continuous term exceeds ninety (90) days;	c) location ou la cession du droit d'occupation d'une maison conçue principalement comme résidence d'une seule personne et sa famille, lorsque la période d'occupation dépasse quatre vingt dix (90) jours ;
7° serivisi zerekeye imari n'ubwishingizi:	7° financial and insurance services:	7° services financiers et d'assurances :
a) amafaranga yerekeye ubwishingizi bw'umubiri no kwivuza;	a) premium charged on life and medical insurance services;	a) primes relatives à l'assurance vie et médicale ;
b) amafaranga banki ikura ku bantu bakoresha konti zitunguka;	b) fees charged on the operation of current accounts;	b) frais bancaires imposés sur les opérations des comptes courants ;
c) ihererekanya ry'imigabane;	c) transfer of shares;	c) transfert d'actions ;
d) ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane.	d) capital market transactions for listed securities.	d) les titres cotés sur le marché des capitaux.

8° amabuye y'agaciro:	8° precious metals:	8° métaux précieux:
kugurisha Banki Nkuru y'u Rwanda ibimanyu bya zahabu;	sale of gold in bullion form to the National Bank of Rwanda;	la vente à la Banque Nationale du Rwanda de lingots d'or;
9° ibintu cyangwa imirimo ijyana no gushyingura cyangwa gutwika umurambo harimo n'itangwa ry'uruhushya cyangwa icyemezo cyo gushyingura;	9° any goods or services in the course of burial or cremation of a body, including the provision of any related licence or certificate;	9° biens ou services se rapportant à l'inhumation ou à l'incinération d'un cadavre y compris l'octroi d'une licence ou d'un certificat ad hoc;
10° ibikoresho bitanga ingufu:	10° energy supply equipment:	10° équipements de fourniture d'énergie:
a) amatara akoresha umuriro muke;	a) energy saving lamps;	a) lampes économiseurs d'énergie;
b) ibikoresho bishyushya amazi bikoresha imirasire y'izuba;	b) solar water-heaters;	b) réchauffeurs solaires d'eau;
c) uburyo bukoresha ingufu z'umuyaga;	c) wind energy systems;	c) systèmes énergétiques éoliens ;
d) gazi, amacupa yayo n'ibindi bijyana nayo;	d) gas, gas cylinders and related materials;	d) gaz, cylindres à gaz et le matériel y relatif;
e) ibikoresho bya biogazi;	e) equipment used in the supply of biogas energy;	e) matériel utilisé dans la fourniture de l'énergie du biogaz ;
f) peteroli icanwa, lisansi na mazutu.	f) kerosene intended for domestic use, premium and gasoil.	f) pétrole lampant pour l'usage domestique, essence et diesel.
11° imigabane itangwa mu mashyirahamwe y'abakozi ;	11° trades union subscriptions;	11° cotisations dans les organisations syndicales ;
12° ikodesha gurisha ry'ibintu bisonewe ;	12° leasing of exempted goods;	12° locations-ventes des biens exonérés ;
13° ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byose, uretse ibitunganyijwe bisonewe umusoro ku nyongeragaciro. Cyakora, amata yatunganyijwe mu nganda zo mu gihugu asonewe uwo musoro ;	13° all agricultural and livestock products, except processed ones, which are exempted from value added tax. However, milk which is processed in local industries is exempted from this tax;	13° tous les produits agricoles et d'élevage, sauf s'ils sont transformés, sont exonérés de la taxe sur la valeur ajoutée. Toutefois, le lait transformé dans les industries locales est exonéré de cette taxe ;
14° inyongeramusaruro n'ibindi bikoresho byo	14° agricultural input and other	14° intrants agricoles et autres matériels et

mu buhinzi n'ubworozi bigenwa n'iteka rya Minisitiri;

15° ibintu na serivisi bikurikira bitumijwe mu mahanga n'abantu bafite icyemezo cy'ishoramari bisonewe umusoro ku nyongeragaciro:

- a) imashini zo mu nganda;
- b) ibikoresho fatizo byo mu nganda;
- c) ibikoresho by'ubwubatsi n'ibikoresha mu kurangiza neza ibyubatswe bitumijwe n'umushoramari wujuje ibyangombwa bigenwa n'Iteka rya Minisitiri;
- d) imodoka zifite ibyuma bikonjesha, izikoresha mu bukerarugendo, izitwara abarwayi, izizimya inkongi y'umuriro n'izitwara imirambo;
- e) imodoka n'ibikoresho byimukanwa by'abashoramari b'abanyamahanga n'ab'abanyarwanda batuye mu mahanga n'abakozi babo b'abanyamahanga;
- f) ibikoresho byo mu bukerarugendo no mu mahoteli n'iby'ahantu ho kuruhukira biri ku rutonde rugenwa n'Iteka rya Minisitiri;
- g) ibikoresho na serivisi bigenewe ahantu hakorerwa ibikorwa by'ubukungu bidasoreshwa;
- h) ibikoresho by'ubuvuzi, imiti, ibikoresho byo mu buhinzi, ubworozi, uburobyi

agricultural and livestock equipments provided by an Order of the Minister;

15° the following goods and services imported by persons with investment certificate are exempted from value added tax:

- a) Industrial machinery;
- b) raw materials for industries;
- c) building and finishing materials imported by an investor fulfilling the requirements determined by an Order of the Minister;
- d) refrigerating vehicles, tourist vehicles, ambulances, fire-extinguishing vehicles and hearses;
- e) vehicles and movable property and equipment for foreign investors and Rwandans living abroad and their expatriate staff;
- f) equipment for tourism and hotel industry and relaxation places appearing on the list determined by an Order of the Minister;
- g) goods and services meant for free economic zone;
- h) medical equipment, drugs, agricultural equipment input, livestock and fishing

équipements agricoles et d'élevage établis par un arrêté du Ministre;

15° biens et services suivants importés par des personnes détentrices d'un certificat d'investissement sont exemptés de la taxe sur la valeur ajoutée:

- a) machines industrielles;
- b) matières premières pour les industries;
- c) matériaux de construction et finissage importés par un investisseur remplissant les conditions fixées par arrêté du Ministre;
- d) véhicules frigorifiques, véhicules pour touristes, ambulances, camions-citernes pour services d'incendie et les corbillards;
- e) véhicules et biens meubles et équipements des investisseurs étrangers et rwandais résidant à l'étranger ainsi que leur personnel expatrié;
- f) équipements destinés au tourisme, à l'hôtellerie et aux lieux de détente figurant sur la liste déterminé par un arrêté du Ministre;
- g) biens et services destinés à une zone économique franche;
- h) équipements médicaux, médicaments, matériel et équipement agricoles,

*Official Gazette n° Special of 05/02/2013*

n'inyongeramusaruro;	equipment and agricultural input;	d'élevage, piscicole et intrants agricoles;
i) ibikoresho byo mu rwego rw'uburezi;	i) didactical equipment ;	i) matériel didactique;
j) indege zihariye zitwara ba mukerarugendo.	j) special tourist aeroplanes.	j) avions spéciaux pour touristes.
Ubuserwe buvugwa mu gace ka a), h) na i) bugenewe abashoramari bese n'iyi baba badafite icyemezo cy'ishoramari.	Exemptions referred to under Sub Paragraph a), h) and i) concern all investors even if they do not possess the investment certificate.	Les exonérations prévues aux points a), h) et i) concernent tous les investisseurs même ceux qui ne possèdent pas de certificat d'investissement.
16° telefoni zigendanwa na SIM card;	16° mobile telephones and SIM card;	16° téléphones portables et carte SIM;
17° ibikoresho by'ikoranabuhanga, itumanaho n'ikwirakwizwa ry'amakuru biri ku mugereka w'iri tegeko.	17° information, communication and technology equipment appearing on annex of this law.	17° matériel de la technologie, de la communication et de l'information dont la liste se trouve en annexe de la présente loi.

**Ingingo ya 7: Ibintu na serivisi byakwa umusoro ku ijanisha rya zeru ndetse bikaba binasonewe**      **Article 7: Zero rated and exempted goods and services**      **Article 7: Biens et services imposés au taux zéro et exonérés**

Ku byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko, ibintu cyangwa serivisi bisoreshwa ku ijanisha rya zeru nk'uko bivugwa mu ngingo ya gatanu (5) ndetse bikaba binasonewe nk'uko bivugwa mu ngingo ya gatandatu (6) bifatwa nk'ibisoreshwa ku ijanisha rya zeru.

For the purpose of enforcement of this Law, zero-rated goods or services under Article 5 which are exempted under Article 6 are considered as zero-rated.

Aux fins de l'application de la présente loi, les biens ou services imposés au taux zero conformément à l'article 5 et exonérés conformément à l'article 6 sont considérés comme imposés au taux zéro.

**UMUTWE WA III: AMABWIRIZA YEREKEYE IBINTU NA SERIVISI**      **CHAPTER III: RULES RELATING TO GOODS AND SERVICES**      **CHAPITRE III: REGLES RELATIVES AUX BIENS ET SERVICES**

**Ingingo ya 8: Ibintu na serivisi**

**Article 8: Goods and services**

**Article 8: Biens et services**

Ibikorwa bikurikira byitwa gutanga ibintu:

The following acts constitute the supply of goods:

Les actes suivants constituent une livraison des biens:

1° igurisha, igurana, cyangwa gutanga uburenganzira bwo gutunga ibintu nka nyir'umutungo;	1° sale, exchange, or other transfer of the right to dispose goods by the owner;	1° vente, échange ou autre cession de droit à disposer des biens par le propriétaire;
2° kugwaturiza ibintu mu rwego rw'amasezerano y'ikodesha-gurisha;	2° lease of goods under a leasing agreement;	2° bail des biens dans le cadre d'un contrat de crédit-bail;
Ikintu cyose gikozwe kitari ugutanga ibintu cyangwa amafaranga kiba ari ugutanga serivisi, habariwemo :	Any act done but not supply of goods or money is considered as an act of service delivery which include:	Toute autre opération qui n'est pas une livraison de biens ou d'argent est une prestation de services, y compris :
1° gutanga cyangwa kurekera undi muntu uburenganzira ;	1° the transfer or surrender of any right to any other person;	1° la cession ou la remise d'un droit;
2° gutanga uburyo bwo korohereza;	2° provision of any means for facilitation;	2° la mise à disposition de toute facilité ou d'un avantage ;
3° kwihanganira ibyabaye;	3° the toleration of any situation;	3° la tolérance d'une situation ;
4° kwirinda gukora ikintu icyo aricyo cyose;	4° the refraining from doing any act;	4° s'abstenir de poser un acte quelconque ;
5° kugwaturiza ibintu mu rwego rw'amasezerano y'ikodesha-gurisha rigamije ahanini gukodesha.	5° the lease of goods under operating leasing agreement.	5° le bail des biens dans le cadre d'un contrat de crédit-bail d'opération.

**Ingingo ya 9: Ibintu cyangwa serivisi byunganirana**

Haseguriwe ibivugwa muri iri tegeko, gutanga ibintu cyangwa serivisi zihariye nk'igikorwa cyunganira ikindi cy'ubundi bwoko cy'ibanze bifatwa nk'aho ari igice cy'igikorwa cy'ibanze.

**Article 9: Complementary goods or services**

Subject to the provisions of this Law, supply of goods or particular services as complementary goods or services of another kind is treated as part of the principal goods or services.

**Article 9: Biens ou services complémentaires**

Sous réserve des dispositions de la présente loi, une fourniture de biens ou services de nature particulière qui est complémentaire à un bien ou service d'une autre nature est considérée comme faisant partie de la fourniture principale.

**Ingingo ya 10: Igihe cyo kwaka umusoro**

Haseguriwe ibivugwa mu bika bikurikira, igihe giteganijwe umusoro wakirwa ku bintu no kuri

**Article 10: Taxation period**

Without prejudice to the following paragraphs, the taxation period for the supply of goods and

**Article 10: Moment d'imposition**

Sans préjudice des alinéas suivants, le moment d'imposition pour les biens et services est celui



serivisi ni ikibanziriza ibindi mu bihe bikurikira:	services shall be the one that is the earliest among the following:	qui précède les autres parmi les moments suivants:
1° ku itariki inyemezabuguzi itangiweho ;	1° the date on which the invoice is issued;	1° la date à laquelle la facture est établie;
2° ku itariki igicuruzwa cyangwa serivisi byishyuriweho harimo n'ubwishyu bw'igice. Cyakora, aka gace ntikareba avansi ihabwa abubaka nyuma bakazayisubiza bayikura mu nyemezabuguzi bakorera umukiriya ;	2° the date on which payment of goods and services, including a partial payment is made. However, this Paragraph does not concern the advance payment made to the constructors who later re-imburse it by deducting it from the invoices presented to the client;	2° la date à laquelle tout paiement y compris le paiement partiel est effectué. Cependant, ce point ne concerne pas l'avance accordée au constructeur qui, par la suite, la rembourse en la déduisant de la facture adressée au client ;
3° ku itariki ibintu bivaniwe mu mazu ya nyiri ukubitanga cyangwa biherewe uwo bigenewe ;	3° the date on which goods are either removed from the premises of the supplier or when they are given to the recipient;	3° la date à laquelle les biens sont enlevés des locaux du fournisseur ou sont mis à la disposition du bénéficiaire;
4° ku itariki iyo serivisi yakorewe.	4° the date on which the service is delivered.	4° la date à laquelle le service est réellement accompli.
Ku birebana n'amashanyarazi, amazi cyangwa ikindi kintu, ibintu cyangwa umurimo bibarwa hakoreshejwe mubazi, igihe cyo guca umusoro kiba igihe mubazi cyangwa ubundi buryo bwose bwo kubara bukoreshwa bwerekana umubare ukurikira ibipimo biheruka gukoreshwa.	In case of electricity, water or any other supplies, goods or services measured by meter or any other calibration, the taxation period shall be the time when the meter or any other calibration reads the number that follows the previous consumption of the supply.	S'agissant de l'électricité, de l'eau ou de tout autre bien, les biens ou services mesurables par compteur, le moment d'imposition est celui auquel le compteur ou un autre appareil de mesure indique les unités relevées après la consommation.
Igihe cyo kwaka umusoro ku muntu uhagaritse kwiyandisha ku musoro ku nyongeragaciro kiba ako kanya mbere y'uko ukwiyandikisha kuvanwaho.	The taxation period to a person who suspends registration of the value added tax occurs immediately before the registration is cancelled.	Le moment d'imposition en cas de cessation d'enregistrement à la taxe sur la valeur ajoutée est celui qui précède immédiatement la levée de l'enregistrement.
Ibintu cyangwa serivisi bisoreshwa bivugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko, bikoreshejwe muri gahunda z'umuntu ku giti cye cyangwa byakoreshejwe mu buryo busonewe kwaka	Taxation of goods or services under Article 4 of this Law used for personal purpose or used as exempted goods and services occurs on the date on which goods or services are consumed.	L'imposition prévue à l'article 4 de la présente loi sur les biens ou services utilisés à des fins personnels ou comme des biens et services exonérés devient effective à la date à laquelle les

umusoro biba ku itariki ibintu cyangwa serivisi byakoreshejweho.

biens ou services sont consommés.

**Ingingo ya 11: Agaciro k'ibintu na serivisi**

**Article 11: Value of goods and services**

**Article 11: Valeur des biens et services**

Agaciro gasoreshwa kuri buri kintu cyangwa serivisi kagenwa ku buryo bukurikira :

The taxable value of each good or service is determined as follows:

La valeur imposable de chaque bien ou service est déterminée comme suit:

1° uretse ibyo iri tegeko riteganyanya ukundi, agaciro gasoreshwa ku kintu cyangwa kuri serivisi ni ikiguzi cyabyo cyarishywe n'abaguzi mu mafaranga ;

1° except where this Law provides otherwise, the taxable value on goods or services is the consideration paid in money by the recipient;

1° sauf disposition contraire de la présente loi, la valeur imposable d'un bien ou service est la contrepartie payée en argent par le bénéficiaire ;

2° agaciro gasoreshwa ku kintu no kuri serivisi ni ako bihabwa iyo bishyizwe ku masoko, hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro, iyo ibintu byaguzwe cyangwa serivisi zakozwe:

2° the taxable value on goods and services is the fair market value, exclusive of the value added tax, if goods or services are supplied for:

2° la valeur imposable de biens et de services est la juste valeur marchande des biens ou services, la taxe sur la valeur ajoutée non incluse, lorsque les biens sont vendus ou les services sont prestés pour:

a) hadatanzwe ikiguzi mu mafaranga; cyangwa ;

a) a non-monetary consideration;

a) une contrepartie non monétaire;

b) hatanzwe ikiguzi igice kimwe mu mafaranga n'ikindi mu bitari amafaranga;

b) a monetary consideration for one part and non-monetary for the other;

b) une contrepartie qui est partiellement monétaire et partiellement non monétaire ;

c) hatanzwe ikiguzi kiri muni y'agaciro ibintu cyangwa serivisi bifite ku isoko.

c) consideration that is less than the market value of the goods or services.

c) une contrepartie qui est inférieure à la valeur du marché des biens ou des services.

**Ingingo ya 12 : Kugura serivisi zo mu mahanga**

**Article 12: Acquisition of foreign services**

**Article 12: Achat de services étrangers**

Iyo umusororeshwa yakiriye serivisi ahawe n'umuntu uri hanze y'u Rwanda, umusororeshwa afatwa nk'uwatanze serivisi zisoreshwa kandi akaba yarakiriye umusoro wakiriwe ahawe

If a taxpayer gets services from a person who is outside Rwanda, the taxpayer is considered as if he/she has delivered taxable services and has received an output tax from that person residing

Si un contribuable reçoit les services d'une personne résidant en dehors du Rwanda, il est considéré comme s'il avait rendu des services imposables et a reçu un impôt aval de la part de

n'wwo muntu utaba mu Rwanda.

outside Rwanda.

cette personne qui réside en dehors du Rwanda.

Gutanga serivisi bifatwa nk'ibyakozwe ku itariki izo serivisi zatangiweho n'umuntu uba hanze y'u Rwanda ku gaciro kagenwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko. Umusoro wakiriwe utangwa ku itariki yo gutanga imenyeshya ry'umusoro ku nyongeragaciro mu gihe cy'isoreshya izo serivisi zatanzwemo. Umusoro wakiriwe ugomba kugaragara ku mpamyabwishyu yakoreshejwe mu kwishyura uwatanze serivisi zivuye mu mahanga, kandi iyo nyandiko ifatwa nk'inomezabuguzi y'umusoro ku nyongeragaciro.

The service delivery is treated as it was made on the date on which the services were performed by the person residing outside Rwanda for a value determined under Article 11 of this Law. The output tax is payable on the date of filing the value added tax declaration for the value added tax period in which those services were performed. The output tax must appear on the receipt that justified the payment to the foreign services provider, and that document is considered to be the value added tax invoice.

La prestation des services est considérée comme ayant été effectuée à la date où lesdits services ont été accomplis par la personne qui réside en dehors du Rwanda pour une valeur déterminée prévue à l'article 11 de la présente loi. L'impôt aval est payable à la date de la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée pour la période au cours de laquelle les services ont été accomplis. L'impôt aval doit figurer sur le reçu justifiant le paiement au prestataire des services provenant de l'étranger, et ce document est considéré comme une facture de la taxe sur la valeur ajoutée.

Hatitawe ku bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, abaguzi ba serivisi zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda, bemerewe kuvana umwenda w'umusoro ku kiranguzo mu musoro wakiriwe.

Notwithstanding the provisions of Paragraphs One and 2 of this Article, recipients of foreign services which are not available in Rwanda are allowed to deduct input tax on output tax.

Nonobstant les dispositions des alinéas premier et 2 du présent article, les bénéficiaires des services provenant de l'étranger qui ne sont pas disponibles au Rwanda sont autorisés à déduire l'impôt amont de l'impôt aval.

Serivisi zifatwa nk'aho zitaboneka mu Rwanda iyo nta muntu n'umwe utangwa serivisi nk'izo cyangwa iziza na zo ku masoko yo mu gihugu.

Services are considered not to be available in Rwanda if there is no any person who can deliver identical or similar services on the local market.

Les services sont considérés comme n'étant pas disponibles au Rwanda s'il n'existe aucune personne qui offre des services identiques ou similaires sur le marché local.

#### **UMUTWE WA IV : AMABWIRIZA YEREKEYE IBINTU NA SERIVISI BITUMIZWA HANZE Y'IGIHUGU**

#### **CHAPTER IV: RULES RELATING TO IMPORTED GOODS AND SERVICES**

#### **CHAPITRE IV: REGLES RELATIVES AUX BIENS ET SERVICES IMPORTES**

#### **Ingingo ya 13: Igihe cyo gutumiza ibintu mu mahanga**

#### **Article 13: Time for importation of goods**

#### **Article 13: Moment de l'importation des biens**

Ibintu biba bitumijwe mu mahanga ku itariki byinjiriyeho ku butaka bw'u Rwanda hakurikijwe

Importation of goods occurs on the date on which the goods enter Rwandan territory under

L'importation des biens a lieu à la date à laquelle ces biens entrent sur le territoire du Rwanda conformément à la législation douanière.

iby amategeko ya gasutamo ateganya.

the Customs legislation.

**Ingingo va 14: Agaciro fatizo mu gusoresha ibintu bitumizwa mu mahanga**

**Article 14: Basic value for taxation of imported goods**

**Article 14: Valeur de base pour l'imposition des biens importés**

Haseguriwe ibivugwa mu bika bikurikira, agaciro fatizo mu gusoresha ibintu bitumizwa mu mahanga ni igiteranyo cy'ibi bikurikira :

Without prejudice to the provisions of the following Paragraphs, the basic value of imported goods is the sum of:

Sans préjudice des dispositions des alinéas suivants, la valeur des biens importés est la somme de (s):

1° agaciro k'ibintu ku byerekeye ishyira mu bikorwa ry'imisoro n'amahoro ya gasutamo hakurikijwe amategeko ya gasutamo, uwo musoro waba wakwa cyangwa utakwa kuri ibyo bintu bitumizwa mu mahanga;

1° the value of the goods for the implementation of customs duty under the customs legislation, whether or not such a duty is payable on such imported goods;

1° la valeur des biens pour l'application des droits douaniers dans le cadre de la législation douanière, que ces droits soient applicables ou non sur ces biens importés;

2° ku bitavugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo:

2° for matters not specified under Sub Paragraph 1° of this Article:

2° matières non prévues par le point 1° du présent article:

a) ikiguzi cy'ubwishingizi n'icy'ubwikorezi bw'ibintu biva mu mahanga bizanwa mu Rwanda ;

a) the cost of insurance and freight incurred in bringing the goods to Rwanda;

a) le coût de l'assurance et du transport encouru pour importer les biens au Rwanda;

b) ikiguzi cya serivisi zifatwa nk'izagize uruhare mu gutumiza ibintu mu mahanga.

b) the cost for services which facilitate the import of goods.

b) le coût des services ayant permis l'importation des biens.

3° umubare w'amahoro ya gasutamo, umusoro ku byacurujwe, amahoro y'icyambu, cyangwa indi misoro itari umusoro ku nyongeragaciro yakwa ku bintu bitumijwe mu mahanga.

3° the amount of customs duty, excise, port charges, or other fiscal charges other than value added tax payable in respect of the import.

3° le montant de toute taxe douanière, accise, frais portuaires, ou autre charge fiscale autre que la taxe sur la valeur ajoutée payable en rapport avec l'importation.

Iyo ibintu byongeye kugarurwa mu Rwanda nyuma yo gusubizwa mu mahanga kugira ngo bisanwe, bigirwe bishya cyangwa binononsorwe kurushaho, kandi imiterere yabyo ikaba itarahindutse, agaciro kabyo ni umubare

If goods are re-imported after being exported for repair, renovation or improvement, and the nature of the goods has not changed, the value of the import is the amount of the increase in value of the goods as a result of the repair, renovation

Si les biens sont réimportés après être exportés pour réparation, rénovation ou amélioration, et que leur nature n'a pas changé, la valeur de l'importation est le montant de l'augmentation de la valeur des biens résultant de la réparation, de la

w'ubwiyongere bw'agaciro k'ibyo bintu katewe or improvement.  
n'uko gusanwa, kugirwa bishya cyangwa  
kunonosorwa.

rénovation ou de l'amélioration.

**UMUTWE WA V: UMUSORO KU KIRANGUZO**

**CHAPITRE V: IMPOT AMONT**

**Ingingo ya 15: Kwemererwa umusoro ku kiranguzo**

**Article 15: Allowance of input tax**

**Article 15: Acceptation de l'impôt amont**

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, iyo ibintu byose cyangwa serivisi bitanzwe n'umusoreshwa mu gihe cy'isoreshwa ry'umusoro ku nyongeragaciro ari ibintu na serivisi bisoreshwa, umusoreshwa yemererwa umusoro ku kiranguzo ku byerekeye ibyaguzwe bisoreshwa cyangwa ibintu bitumizwa mu mahanga bisoreshwa mu gihe cy'isoreshwa kugira ngo agurishye ibintu cyangwa atange serivisi zisoreshwa.

Without prejudice to the provisions of this Law, if all goods or services supplied by a taxpayer during a value added tax period are taxable goods and services, the taxpayer is allowed a credit of the input tax paid in respect of taxable acquisitions or taxable imported goods during the tax period for the purposes of selling or delivering taxable goods and services.

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, si tous les biens ou services fournis par un contribuable au cours de la période de la taxe sur la valeur ajoutée sont des biens ou services imposables, il est accordé au contribuable un crédit d'impôt amont payé sur les acquisitions ou les biens importés imposables au cours de la période d'imposition dans le but de vendre des biens imposables ou de prester des services imposables.

Iyo umusoreshwa yaguze mu gihugu cyangwa yatumiye mu mahanga ibintu cyangwa serivisi bisoreshwa bifite aho bihuriye, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku ruhande rumwe n'igice cy'ibicuruzwa cyangwa serivisi bisoreshwa no ku rundi ruhande n'igice cy'ibintu cyangwa serivisi bisonewe, igiteranyo cy'umusoro ku kiranguzo wemewe ni igice cy'umusoro utangwa ku bicuruzwa cyangwa serivisi bisoreshwa bijyanye n'ubucuruzi bwe busoreshwa.

If a taxpayer purchased in the country or imported taxable goods or services which are directly or indirectly related, on one hand partly to taxable goods or services and partly to exempted goods or services on the other, the sum of the input tax is a portion of the tax paid to the taxable goods or services in relation with his/her taxable business.

Si un contribuable a acquis au pays ou a importé les biens ou services imposables ayant des liens directs ou indirects d'une part en partie avec les biens ou services imposables et d'autre part en partie avec les biens ou services exonérés, la somme de l'impôt amont autorisé est une portion de la taxe attribuée aux biens ou services imposables en relation avec ses affaires imposables.

Nta musoro ku kiranguzo wemewe iyo ibyaguzwe mu gihugu cyangwa ibyatumiye mu

No input tax is allowed if goods purchased in the country or taxable imported goods or services are

Aucun impôt amont n'est accordé tant que l'acquisition imposable ou l'importation des biens

mahanga bigamije gukoreshwa n'umuntu ku giti cye.

ou services imposables est destinée à des fins personnelles.

Umusoro ku kiranguzo usubizwa iyo ibintu bisoreshwa byaguzwe cyangwa byatumijwe mu mahanga. Cyakora, iyo mu gihe cyo gutanga imenyeshya ry'umusoro ku nyongeragaciro ugendanye n'igihe cy'isoreshwa ry'umwenda w'umusoro ku kiranguzo ubundi wari ukwiye kuba watangwa ukundi hakurikije ibyo iri tegeko riteganywa, umuntu udafite inyandiko za ngombwa zimwemerera gusaba umusoro ku kiranguzo, umusoro ku kiranguzo ntutangwa muri icyo gihe ahubwo utangwa mu gihe cya mbere cy'umusoro ku nyongeragaciro umusororeshwa afitiye ibya ngombwa biba gusa bitarengeje imyaka ibiri (2) nyuma y'igihe ibyaguzwe bisoreshwa cyangwa ibyatumijwe mu mahanga bisoreshwa uwo mwenda usabirwa.

An input tax is allowed when the taxable goods are acquired or imported. However, if at the time of a value added tax declaration for a tax period in which an input tax would otherwise be allowed under this Law, a taxpayer who does not have the relevant documents for input tax claim, the input tax is not allowed in that period but instead it is allowed in the first value added tax period in which the taxpayer holds such documents provided that they are not exceeding two (2) years after the time of the taxable goods are acquired or imported for which the credit relates.

Un impôt amont est accordé au moment de l'acquisition ou de l'importation des biens imposables. Cependant, si, au moment de la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée pour une période d'imposition dans laquelle un impôt amont serait autrement attribuable en vertu de la présente loi, le contribuable ne dispose pas des documents nécessaires pour appuyer sa demande d'impôt amont, celui-ci n'est pas accordé dans cette période d'imposition mais est plutôt accordé au cours de la première période d'imposition de la taxe sur la valeur ajoutée pour laquelle ce contribuable détient les documents nécessaires à condition que la validité de ces derniers ne dépasse pas deux (2) ans à compter du moment de l'acquisition ou de l'importation des biens imposables auxquels l'impôt amont se rapporte.

**Ingingo ya 16: Umusoro ku kiranguzo ku musororeshwa wiyandikishije vuba**

**Article 16: Input tax for a newly registered taxpayer**

**Article 16: Impôt amont pour un contribuable nouvellement enregistré**

Haseguriwe ibivugwa muri iri tegeko, umuntu wiyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro ashobora gusaba, mu imenyeshya rye rya mbere, umusoro ku kiranguzo ugenwa hakurikijwe ingingo ya 15 y'iri tegeko wishyuwe ku bicuruzwa yari afite ku muni yiyandikishijeho, iyo ku muni wa nyuma ubanziriza itariki yiyandikishijeho, umusororeshwa yari afite ibintu mu bubiko.

Without prejudice to the provisions of this Law, a value added tax registered person may claim, in his/her first declaration, an input tax determined in accordance with Article 15 of this Law for the input tax paid in respect of goods held at the date of registration, if at the end of the last day before the date of the registration, the taxpayer held the goods in store.

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, une personne enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée peut demander, dans sa première déclaration, l'impôt amont déterminé conformément à l'article 15 de la présente loi, payé sur les biens détenus à la date d'enregistrement, si à la fin du dernier jour précédant la date d'enregistrement, le contribuable détenait les biens en stock.

Usaba umusoro ku kiranguzo agomba

The taxpayer who claims for an input tax shall

Le contribuable qui demande l'impôt amont doit

*Official Gazette n° Special of 05/02/2013*

kugaragaza impapuro zikurikira:	provide the following documents:	présenter les documents suivants :
1° impamyabuguzi y'umusoro ku nyongeragaciro, ku byerekeye ibintu na serivisi bisoreshwa;	1° the value added tax invoice, in the case of taxable goods and services;	1° la facture de la taxe sur la valeur ajoutée, lorsqu'il s'agit de biens et services imposables;
2° impapuro za gasutamo zemewe zigaragaza ko yishyuye, ku byerekeye ibintu byatumijwe mu mahanga bisoreshwa;	2° any customs document that proves the payment, in the case of taxable imported goods;	2° tout document de la douane qui atteste le paiement, lorsqu'il s'agit des biens importés imposables;
3° inyandiko igaragaza ko umusoro ku nyongeragaciro wavanywemo hakurikijwe ingingo ya 23 y'iri tegeko, ku byerekeye umusoro ku kiranguzo ufatwa nkaho wishyuwe hakurikijwe ingingo ya 15 y'iri tegeko;	3° the value added tax debit note issued in accordance with Article 23 of this Law, in the case of input tax considered as paid under Article 15 of this Law;	3° la note de débit de la taxe sur la valeur ajoutée délivrée en vertu de l'article 23 de la présente loi, lorsqu'il s'agit d'un impôt amont considéré comme payé en vertu de l'article 15 de la présente loi;
4° ku byerekeye umusoro ku kiranguzo utangwa hakurikijwe ingingo ya 15 y'iri tegeko, kopi y'inyandiko igaragaza ko umusoro ku nyongeragaciro wavanywemo yahawe umuguzi.	4° a copy of the value added tax credit note issued to the recipient, in the case of an input tax allowed under Article 15 of this Law.	4° une copie de la note de crédit de la taxe sur la valeur ajoutée délivrée au bénéficiaire, lorsqu'il s'agit d'un impôt amont accordé en vertu de l'article 15 de la présente loi.

**Ingingo ya 17: Kutemererwa umusoro ku kiranguzo**

**Article 17: Refus d'accorder l'impôt amont**

Nta musoro ku kiranguzo wemewe ku bintu bikurikira:	No input tax is allowed on the following goods:	Aucun impôt amont n'est accordé sur les biens suivants:
1° imodoka itwara abagenzi, cyangwa ibyuma by'imodoka cyangwa ku mirimo yo gukoresha no gufata neza iyo modoka, keretse iyo ubucuruzi bw'umusoreshwa bugamije gucuruza iyo modoka cyangwa kuyikodesha kandi iyo modoka ikaba yaraguriwe gukoreshwa muri ubwo bucuruzi;	1° passenger vehicle, or spare parts or repair and maintenance services for such a vehicle, unless the taxpayer's business involves the re-sale or rent of such a vehicle and the vehicle was solely acquired for the purpose of such taxpayer's business;	1° un véhicule de transport de personnes, ou des pièces de rechange ou des services de réparation et de maintenance pour un tel véhicule, à moins que les affaires du contribuable ne consistent dans la revente ou la location de ce véhicule et que le véhicule a été acheté en vue de telles affaires ;

*Official Gazette n° Special of 05/02/2013*

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 2° ibintu byaguzwe cyangwa byatumijwe mu mahanga kugira ngo bikoreshwe mu bikorwa byo kwidagadura, keretse ubucuruzi bw'umusoreshwa burimo ibijyanye no kwidagadura kandi uko kwidagadura kukaba guteganyijwe mu mirimo isanzwe y'ubwo bucuruzi kandi bitarahawe umufatanyabikorwa cyangwa umukozi ; | 2° goods acquired or imported for entertainment purposes unless the taxpayer's business involves providing entertainment and the entertainment is provided in the ordinary course of that business and was not entrusted to a partner or employee; | 2° des biens acquis ou importés à des fins de divertissement, sauf si les affaires du contribuable comprennent le divertissement et que ce divertissement est prévu dans le cours normal de ces affaires et n'a pas été confié à un partenaire ou à un employé; |
| 3° ibintu byaguzwe bikoreshwa mu rwego rw'amacumbi, keretse:   | 3° goods acquired for accommodation purposes, unless:  | 3° les biens acquis pour être utilisés dans le cadre de logement, sauf si:  |
| a) ubucuruzi bw'umusoreshwa burimo no gucumbikira abantu kandi amacumbi akaba ateganyijwe mu mirimo isanzwe y'ubwo bucuruzi;   | a) the taxpayer's business involves providing accommodation services and the accommodation is provided in the ordinary course of that business;  | a) les affaires du contribuable comprennent la fourniture de logements et que les logements sont prévus dans le cours normal de ces affaires;   |
| b) icumbi ryarahawe umuntu wari kure y'urugo rwe ku nyungu z'ikigo uwacumbikiwe akorera cyangwa ku nyungu z'umukoresha we;   | b) the accommodation was provided to the person who was away from his/her usual residential home for the interest of the business or employer's interests;   | b) le logement a été fourni à une personne se trouvant loin de sa résidence habituelle pour les intérêts des affaires de son employeur;   |
| 4° ibintu byaguzwe biha umuntu uwo ariwe wese uburenganzira bwo kuba umunyamuryango cyangwa kwinjira mu ishyirahamwe rikora ibikorwa bya siporo, gusabana, clubs zo kwidagadura no kuruhuka n'ibindi.  | 4° the acquired goods give right to membership or accession for any person to an association of sporting, social, recreational clubs.  | 4° les biens acquis donnent lieu au droit d'adhésion ou d'accès de toute personne à une association sportive, sociale, clubs récréatifs, etc.   |
| Umusoro ku nyongeragaciro utangwa kubera inyungu ikomoka kuri bene ubwo bucuruzi nko gucuruza telefoni n'amashanyarazi, ku buryo imikoreshereze yabyo idashobora gutandukanywa ngo hamenyekane ibyakoreshejwe mu mirimo ireba umuntu ku giti cye n'iyoy mu bucuruzi bwe, uhwanyeye na 40%            | Value added tax paid on such business overheads as in the case of telephones and electricity whose use cannot be practically separable from private and business use shall be equal to 40% of the input tax.                                       | La taxe sur la valeur ajoutée payée sur les frais généraux de ce genre d'affaires comme pour les téléphones et l'électricité dont l'utilisation ne peut pratiquement être séparée d'une affaire privée est égale à 40% de l'impôt amont.                        |



by'umusoro ku kiranguzo.

Komiseri Mukuru agena umusoro ku kiranguzo ushobora kutemerwa ku bintu byaguzwe bisoreshwa cyangwa ibyaturutse mu mahanga bisoreshwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

The Commissioner General shall determine deniable input tax on taxable goods acquired or taxable goods imported mentioned in Paragraph One of this Article.

Le Commissaire Général détermine l'impôt amont qui n'est pas accordé sur les biens acquis imposables ou sur les biens importés imposables mentionnés à l'alinéa premier du présent article.

**UMUTWE WA VI: IBISHOBORA GUKORWA NYUMA YO KUGURISHA**      **CHAPTER VI: ADJUSTMENTS**      **POST-SALE**      **CHAPITRE VI: AJUSTEMENTS APRES VENTE**

**Ingingo ya 18: Ibishobora gukorwa nyuma yo kugurisha**      **Article 18: Post-sale adjustments**      **Article 18: Ajustements après vente**

Impamvu zatuma haba impinduka nyuma y'igurisha ni izi zikurikira:

The reasons for post-sale adjustments are as follows:

Les circonstances d'ajustement après-vente sont les suivantes:

1° ibintu bisoreshwa cyangwa serivisi zisoreshwa byavanyweho;

1° if taxable goods or services no longer existing;

1° les biens ou services imposables n'existent plus;

2° imiterere y'ibintu bisoreshwa cyangwa serivisi zisoreshwa yahindutse cyangwa yononekaye;

2° if the nature of taxable goods or services is changed or damaged;

2° la nature des biens ou services imposables est modifiée ou endommagée;

3° ikiguzi cy'ibintu bisoreshwa cyangwa serivisi zisoreshwa cyahindutse;

3° if the consideration of taxable goods or services is changed;

3° la contrepartie des biens ou services imposables a été modifiée;

4° ibintu cyangwa igice cyabyo byasubijwe ku wo byavuyeho.

4° if goods or part of the goods are returned to the supplier.

4° les biens ou une partie des biens sont retournés au fournisseur.

**Ingingo ya 19: Impinduka ku musoro ku nyongeragaciro nyuma y'igurisha**      **Article 19: Value added tax post-sale adjustments**      **Article 19: Ajustements de la taxe sur la valeur ajoutée après vente**

Iyo habayeho impinduka zatewe n'impamvu zivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko ku bintu na serivise bisoreshwa bigatuma umusoro

In case post-sale adjustments on taxable goods and services are due to reasons referred to in Article 18 of this Law, which lead to the value

Si un ajustement intervient en vertu des circonstances visées à l'article 18 de la présente loi sur les biens et services imposables de telle

<p>watanzwe n’ugurisha ujya hejuru y’uwagombaga kwishyurwa, ugurisha afata uwo musoro w’inyongera nk’umusoro ku kiranguzo wishyuwe ku bintu cyangwa serivisi akawusubizwa. Cyakora, iyo ugurisha yagurishije ibyo bintu cyangwa serivisi ku muntu utariyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro, yemererwa gusubizwa umusoro w’inyongera ari uko agaragaje ko yawusubije uwaguze.</p>	<p>added tax paid in respect of the taxable goods or services exceed the value added tax to be duly payable by the supplier, the seller benefits the balance as a deductible input tax. However, if the seller, delivered taxable goods or services to a value added tax non-registered person, the seller shall be allowed to benefit the balance as a deductible input tax only when he/she substantially proves that the balance was repaid to the recipient.</p>	<p>sorte que la taxe sur la valeur ajoutée réellement déclarée et payée par le fournisseur dépasse la taxe sur la valeur ajoutée qui devait être initialement payée sur ces biens ou services, le fournisseur doit considérer le montant de l’excédent comme un impôt amont déductible. Toutefois, si le fournisseur a vendu les biens ou services à une personne non enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée, la déduction de cette taxe supplémentaire n’est autorisée que si le fournisseur justifie qu’il a remis cette taxe sur la valeur ajoutée au bénéficiaire.</p>
---	--	---

<p>Uwaguze wiyandikishije afata umusoro w’inyongera nk’umusoro wakwa ku bintu cyangwa serivisi byacurujwe.</p>	<p>The registered buyer shall consider the additional tax as output tax on taxable goods or services.</p>	<p>Le bénéficiaire enregistré considère la taxe supplémentaire comme un impôt aval des biens ou services vendues.</p>
--	---	---

<p>Iyo habayeho impinduka ku bintu na serivisi bisoreshwa bigatuma umusoro wishyuwe n’ugurisha uba hasi y’ugomba kwishyurwa, icyo gihe uwaguze wiyandikishije asabwa kwishyura umusoro ku nyongeragaciro uhwanyeye n’ako gaciro kiyongereye katewe n’iyo mpinduka.</p>	<p>If adjustments to the taxable goods and services lead to the diminution of the tax to be duly paid against the tax paid by the seller, the registered recipient is requested to pay the value added tax related to the additional value due to the adjustment.</p>	<p>Si un ajustement sur les biens et services imposables entraîne la diminution de la taxe payée par le fournisseur par rapport à la taxe normalement imposable, le bénéficiaire enregistré est invité à payer la taxe sur la valeur ajoutée correspondant à la valeur additionnelle provenant de l’ajustement après vente.</p>
--	---	---

<p>Uwaguze wiyandikishije afata umusoro w’inyongera nk’umusoro usubizwa.</p>	<p>The registered recipient shall consider the additional tax as a refundable tax.</p>	<p>Le bénéficiaire enregistré considère la taxe supplémentaire comme une taxe remboursable.</p>
--	--	---

**Ingingo ya 20: Ihinduka rikorwa nyuma yo kugurisha rijyanye n’imyenda idashobora kugaruzwa**      **Article 20: Post-sale adjustment for unrecoverable debts**      **Article 20: Ajustement après vente pour créances irrécouvrables**

<p>Iyo usoreshwa wiyandikishije afite ibintu cyangwa serivisi yagemuye ku kiguzi kandi akaba yarishyuye Komiseri Mukuru imisoro yose</p>	<p>If a registered tax payer has supplied goods or services for consideration and paid all the tax on those goods and services to the Commissioner</p>	<p>Si un fournisseur enregistré a livré des biens ou des services moyennant contrepartie et a payé toutes les taxes y relatives au Commissaire</p>
--	--	--

*Official Gazette n° Special of 05/02/2013*

yakwa kuri ibyo bintu n'izo serivisi, ariko mu gihe cy'amezi makumyabiri n'ane (24) nyuma yo kugemura ibyo bintu akaba atarishyurwa amafaranga yose cyangwa igice cyayo n'umuguzi, uwagemuye ibintu cyangwa serivisi wiyandikishije yemerwa gusubizwa umusoro wishyuwe atabonye, amaze kuzuza ibisabwa bikurikira:

1° umubare w'amafaranga ahwanye n'umwenda yari yarabariwe mbere ku bintu cyangwa serivisi bisoreshwa ;

2° umwenda wasibwe mu bitabo by'ibaruramari by'uwagemuye ibintu cyangwa watanze serivisi ;

3° uwagemuye ibintu cyangwa uwatanze serivisi yanyuze mu nzira zishoboka zose kugira ngo yishyuzwe kandi akerekana ibimenyetso bifatika bigaragaza ko umufite umwenda adashobora kwishyura.

General, but has not within twenty (24) months after the delivery of such goods and services received payment in whole or in part from the recipient, the registered supplier is allowed a refund of the tax paid for which he/she did not receive upon fulfilling the following conditions:

1° an amount equivalent to the debt previously included in the value of taxable goods or services;

2° the debt is written off in the books of accounts of the supplier of goods or services;

3° the supplier of goods or services who has taken all possible steps in pursuing payment and has shown convincing evidence that the debtor is insolvent.

Général, mais n'a pas reçu, au cours des vingt quatre (24) mois suivant cette fourniture, le paiement intégral ou partiel de la part du bénéficiaire, il lui est accordé la restitution de la taxe payée qu'il n'a pas reçue si les conditions suivantes sont remplies:

1° un montant correspondant à la dette qui était déjà inclus dans la valeur des biens ou services imposables ;

2° la dette est rayée dans les documents comptables du fournisseur des biens ou services;

3° le fournisseur des biens ou services a suivi toutes les étapes possibles pour obtenir le paiement et a montré des preuves convaincantes que le débiteur est insolvable.

**UMUTWE WA VII: KUBARA UMUSORO KU NYONGERAGACIRO WAKWA N'UKO USUBIZWA**

**Ingingo ya 21: Kubara umusoro ku nyongeragaciro wakwa mu gihe cy'isoreshwa**

Umubare w'umusoro ku nyongeragaciro umusororeshwa agomba kugeza ku Buyobozi bw'Imisoro mu gihe cy'isoreshwa ni wo musoro wakwa muri icyo gihe. Uwo musoro ubarwa havanyeho umusoro ku kiranguzo wemerewe

**CHAPTER VII: COMPUTATION OF VALUE ADDED TAX PAYABLE AND REFUND**

**Article 21: Computation of the value added tax payable for a taxation period**

The amount of value added tax that a taxpayer must remit to the tax administration in the taxation period is the tax payable for the period. The tax is calculated by deducting the input tax allowed to the taxpayer under Articles 15, 16 and

**CHAPITRE VII: CALCUL DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE PAYABLE ET SON REMBOURSEMENT**

**Article 21: Calcul de la taxe sur la valeur ajoutée payable pendant la période d'imposition**

Le montant de la taxe sur la valeur ajoutée qu'un contribuable doit remettre à l'administration fiscale pendant la période d'imposition est la taxe payable pendant cette période. La taxe est calculée en déduisant l'impôt amont accordé au

umusoreshwa uvugwa mu ngingo ya 15, iya 16 n'ya 17 z'iri tegeko mu gihe cy'isoreshwa ukavanwa mu musoro ku kiguzi wakwa ku bintu bisoreshwa cyangwa serivisi zisoreshwa zatanzwe cyangwa ugafatwa nk'aho watanzwe n'uwo muntu mu gihe cy'isoreshwa.

17 of this Law in the taxation period from the total output tax payable in respect of taxable goods or services supplied or considered as if it was paid by the person in the taxation period.

contribuable conformément aux dispositions des articles 15, 16 et 17 de la présente loi pendant la période d'imposition du total de l'impôt aval payable sur les biens ou services imposables fournis ou est considérée comme ayant été payée par le contribuable au cours de la période d'imposition.

**Ingingo ya 22: Isubizwa ry'umusoro ku nyongeragaciro**

**Article 22: Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée**

Iyo, mu gihe cy'isoreshwa cyihariye cyagenwe, umusoro ku kiranguzo wemewe urenze, Komiseri Mukuru asubiza uwo muntu wagemuye umubare yamusigayemo nk'umwenda kubera icyo kirenga, amaze kubona inyandiko igaragaza imenyeshya yakoze mu minsi mironko itatu (30):

If during a particular prescribed taxation period, the input tax exceeds output tax, the Commissioner General shall refund the supplier the due amount to which the supplier stands in credit by reason of the excess, on receipt of the relevant tax return document within thirty (30) days:

Lorsque, relativement à un exercice fiscal particulier déterminé, l'impôt amont autorisé dépasse l'impôt aval pour cet exercice, le Commissaire Général rembourse au fournisseur le montant correspondant au crédit du fournisseur en raison de l'excédent, dès la réception du document relatif à la déclaration faite dans un délai de trente (30) jours:

1° nyuma y'umunsi igihe cyagenwe cyo gukora imenyeshya kirangiriye ;

1° after one day from the expiry of the prescribed period for tax declaration;

1° un jour après l'expiration de la période prescrite pour présenter la déclaration;

2° nyuma yo kubona gihamya ko imenyeshya rya nyuma ryari risigaye ryakozwe.

2° after receipt of proof of the last outstanding tax declaration.

2° réception de la dernière déclaration en retard.

Mbere y'iyishyura, Komiseri Mukuru ashobora gutegeka ko hakorwa igenzura ku busabe bwo gusubizwa cyangwa kugabanyirizwa bwamugejeweho. Iyo bigenze bityo, igihe igisubizo kigomba kuba cyahawe uwasabye ntikirenga amezi atatu (3) guhera ku itariki ubusabe bwatangiwe.

Prior to payment, the Commissioner General may order for verification of the claim for refund or deduction submitted to him/ her. In such a case, the period for the response to be communicated shall not exceed three (3) months from the date when the claim was lodged.

Avant que le paiement ne soit fait, le Commissaire Général peut ordonner la vérification de la demande de remboursement ou de déduction lui présentée. Dans ce cas, le délai pour communiquer la réponse ne doit pas excéder trois (3) mois à partir de la date à laquelle la demande a été présentée.

**UMUTWE WA VIII : INYANDIKO CHAPITRE VIII: VALUE ADDED TAX CHAPITRE VIII: DOCUMENTATION DE  
ZIJYANA N'UMUSORO KU DOCUMENTATION LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE  
NYONGERAGACIRO**

**Ingingo ya 23: Inyemezabuguzi, umwenda n'impapuro zigaragaza ko umusoro wakuwe mu kiguzi Article 23: Invoices, credit and debit notes Article 23: Factures, crédit et notes de débit**

Umusoresha wiyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro ugurishije ibintu cyangwa utanze serivisi agomba, igihe abitanze, guha uwo abihaye inyemezabuguzi y'umwimerere. Ibigomba gushyirwa kuri iyo nyemezabuguzi bisobanurwa mu itegeko rigena imitunganyirize y'isoresha.

A value added tax registered person who sells taxable goods or services must, at the time of the supply, issue the recipient with an original invoice. The particulars of the invoice are specified in the Law on tax procedures.

Une personne enregistrée à la taxe sur la valeur ajoutée qui effectue une livraison de biens ou services imposables doit, au moment de la livraison, donner au bénéficiaire une facture originale. Les détails de la facture sont précisés dans la loi relative aux procédures fiscales.

Iyo habaye impinduka nyuma yo kugurisha nk'uko biteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko: In case of post sale adjustment as specified in Article 18 of this Law: En cas d'ajustement après vente en vertu de l'article 18 de la présente loi:

- |  |  |   |
|--|--|---|
| <p>1° uwagurishije wiyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro agomba guha uwaguze wiyandikishije ku musoro ku nyongeragaciro inyandiko y'umwimerere isobanura uko umwenda w'ikirenga w'umusoro ku nyongeragaciro uzagabanywaho. Iyo nyandiko y'umwimerere ishingira ku nyemezabuguzi yakozwe. Ibigomba gushyirwa muri iyo nyandiko biteganywa n'iteka rya Minisitiri;</p> <p>2° umusoresha wiyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro wagurishije ibintu kandi umusoro wakwa kuri ibyo bintu ukaba urenga umubare ugagarara ku nyemezabuguzi</p> | <p>1° the value added tax registered seller must give to the Value added tax registered recipient an original credit note showing how the credit on the value added tax will be reduced. The credit note shall be based on the invoice produced. The details of this credit note shall be provided by an Order of the Minister;</p> <p>2° a value added tax registered taxpayer who sold goods while the amount of tax payable exceeds the amount shown on the invoice as the value added tax charged, the supplier must provide the</p> | <p>1° le fournisseur enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée doit donner au bénéficiaire enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée une note de crédit originale montrant comment le crédit sur la taxe sur la valeur ajoutée sera diminué. Cette note de crédit se réfère à la facture établie. Les détails de la note de crédit sont déterminés par un arrêté du Ministre;</p> <p>2° un contribuable enregistré à la taxe sur la valeur ajoutée qui a vendu les biens alors que le montant de la taxe exigible dépasse le montant qui est sur la facture, le fournisseur doit donner au bénéficiaire</p> |
|--|--|---|

nk'umusoro ku nyongeragaciro watswe, uwagurishije agomba guha uwaguze inyandiko y'umwimerere isobanura uko umusoro uzongerwaho. Ibigomba gushyirwa muri iyo nyandiko biteganywa mu Iteka rya Minisitiri.

recipient with an original debit note showing how the tax will be increased. The details of the debit note shall be provided by an Order of the Minister.

une note de débit originale montrant comment cette taxe sera augmentée. Les détails de cette note de débit sont déterminés par Arrêté du Ministre.

**Ingingo ya 24: Ikoreshwa ry'imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi z'ibyacurujwe**

**Article 24: Use of certified electronic billing machines**

**Article 24: Utilisation des machines de facturation électronique**

Abantu biyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro bafite inshingano yo gukoresha imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi igaragaza umusoro. Iteka rya Minisitiri rigena imiterere, uburyo n'inshingano bigomba kuba byujujwe mu gukoresha izo mashini.

Value added tax registered persons are obliged to use a certified electronic billing machine that generates invoices indicating the tax as agreed by the tax administration. An Order of the Minister shall determine the design of these machines as well as modalities and conditions to be met in the use of those machines.

Les personnes enregistrées à la taxe sur la valeur ajoutée ont l'obligation d'utiliser une machine de facturation électronique agréée par l'administration fiscale qui imprime des factures mentionnant les taxes. Un Arrêté du Ministre détermine le format de ces machines ainsi que, les modalités et les conditions à observer dans l'utilisation de ces machines.

**UMUTWE WA IX : KUMENYEKANISHA NO GUTANGA UMUSORO KU NYONGERAGACIRO**

**CHAPTER IX: DECLARATION AND PAYMENT OF VALUE ADDED TAX**

**CHAPITRE IX: DECLARATION ET PAIEMENT DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE**

**Ingingo ya 25: Kumenyekanisha umusoro ku nyongeragaciro**

**Article 25: Value added tax declaration**

**Article 25: Déclarations de la taxe sur la valeur ajoutée**

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'igihe cy'umusoro ku nyongeragaciro, umusororeshwa wiyandikishije agomba gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro hakurikijwe impapuro n'uburyo bugenwa na Komiseri Mukuru.

Within fifteen (15) days after the end of the period of the value added tax, a registered taxpayer must submit value added tax declaration, in accordance with forms and formalities determined by the Commissioner General.

Endéans quinze (15) jours après la fin de la période de la taxe sur la valeur ajoutée, le contribuable enregistré doit remettre une déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée, conformément aux formulaires et formalités déterminés par le Commissaire Général.

Ku basoreshwa bafite ibyacurujwe bingana

For taxpayers whose annual turnover is equal to

Pour les contribuables dont le chiffre d'affaires

<p>cyangwa biri minsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 Frw) ku mwaka, imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro rikorwa buri gihembwe kandi rigatangwa riherekejwe n'ubwishyu bw'umusoro mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) nyuma y'icyo gihembwe.</p>	<p>or less than two hundred million Rwandan francs (200,000,000 Rwf), the value added tax declaration is quarterly and shall be submitted with payment of the tax due within fifteen (15) days after the end of the quarter.</p>	<p>annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 Frws), la déclaration de la TVA est trimestrielle et doit être déposée avec paiement de la taxe due endéans quinze (15) jours après la fin du trimestre.</p>
--	--	---

<p>Icyakora, abasoreshwa bafite ibyacurujwe bingana cyangwa biri minsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 Frw) ku mwaka babishaka bemerewe gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro rya buri kwezi.</p>	<p>However, taxpayers whose annual turnover is equal to or less than two hundred million Rwandan francs (200,000,000 Rwf) who wish may opt for a monthly value added tax declaration.</p>	<p>Toutefois, les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 Frws) qui le désirent peuvent opter pour la déclaration mensuelle.</p>
--	---	---

<p>Umusoreshwa wiyandikishije agomba gukora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro, yaba yacuruje, yaba atacuruje, haba hari umusoro yishyura, yaba asaba gusubizwa umusoro cyangwa ikinyuranyo ari zero.</p>	<p>A registered taxpayer must submit value added tax declaration, whether he/she made sales or not, whether he/she is claiming for refund or whether the difference is zero.</p>	<p>Le contribuable enregistré doit remettre la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée, que ce contribuable ait vendu ou pas, qu'il soit dans la position de restitution ou que la différence soit nulle.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 26: Kwishyura umusoro ku nyongeragaciro</u></b></p>	<p><b><u>Article 26: Payment of value added tax</u></b></p>	<p><b><u>Article 26: Paiement de la taxe sur la valeur ajoutée</u></b></p>
---	---	--

<p>Umusoro ku nyongeragaciro utangwa n'umusoreshwa mu gihe cy'isoreshwa ubarwa hakurikijwe ingingo ya 21 y'iri tegeko uba ugomba kwishyurwa kandi ugatangwa ku itariki imenyekanisha rigomba gukorerwaho muri icyo gihe cy'isoreshwa.</p>	<p>The value added tax payable by a taxpayer for a tax period shall be computed in accordance with Article 21 of this Law and it shall be payable on the date of submission of a value added tax declaration for that taxation period.</p>	<p>La taxe sur la valeur ajoutée payable par un contribuable pour une période d'imposition calculée conformément à l'article 21 de la présente loi est exigible et payable à l'échéance pour la soumission de la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée pendant cette période d'imposition.</p>
---	--	---

<p>Umusoro ku nyongeragaciro utangwa n'utumiza uba ugomba kwishyurwa kandi ugatangwa igihe ibintu byatumijwe bigeze mu gihugu.</p>	<p>The value added tax payable by an importer is due and payable when imported goods reach the country.</p>	<p>La taxe sur la valeur ajoutée payable par un importateur est exigible et payable lorsque les biens importés entrent au pays.</p>
--	---	---

**Ingingo ya 27: Kwakira umusoro ku nyongeragaciro ku bintu bitumijwe mu mahanga** **Article 27: Collection of value added tax on imported goods** **Article 27: Perception de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens importés**

Gutumiza mu mahanga ibintu bisoreshwa bigomba gutangirwa umusoro ku nyongeragaciro kuri gasutamo hakurikijwe itegeko rya gasutamo. Importation of taxable goods is subject to value added tax at the customs point in accordance with the customs legislation. L'importation de biens imposables est soumise au paiement de la taxe sur la valeur ajoutée au poste de douane, conformément à la législation douanière.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE**

**CHAPTER X: MISCELLANEOUS PROVISIONS**

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES**

**Ingingo ya 28: icyemezo cyo kwiwandikisha**

**Article 28: Certificate of registration**

**Article 28: Certificat d'enregistrement**

Uwiyandikishije agomba gushyira ahagaragara aho akorera, icyemezo cy'uko yiyandikishije. A registered taxpayer must display the certificate of registration at his/her principal place of business. Le contribuable enregistré est tenu d'afficher à son lieu de travail le certificat d'enregistrement.

**Ingingo ya 29: Ikigo n'amashami yacyo**

**Article 29: Enterprise and subsidiaries**

**Article 29: Entreprise et succursales**

Ibikorwa by'ubucuruzi umusoreshwa akorera mu mashami atandukanye bifatwa nk'ikigo cy'ubucuruzi kimwe rukumbi ku byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko. Umuntu ukorera ubucuruzi mu mashami atandukanye afite inshingano yo kwandikisha ubwo bucuruzi mu izina rye aho kubwandikisha mu izina ry'ayo mashami. A taxpayer who manages an enterprise which has subsidiaries is treated as a single enterprise for the purposes of this Law. A person who conducts a business in various subsidiaries of an enterprise is obliged to register the business in his/her name and not in the names of the subsidiaries. Une entreprise gérée par un contribuable et qui comporte des succursales est considérée comme une seule entreprise pour l'application de la présente loi. Une personne qui exploite une entreprise comportant des succursales doit être enregistrée sous son nom et non pas aux noms desdites succursales.

**Ingingo ya 30: Amafaranga akoreshwa**

**Article 30: Currency conversion**

**Article 30: Conversion monétaire**

Amafaranga akoreshwa mu gushyira iri tekego mu bikorwa ni amafaranga y'u Rwanda. The currency used in implementation of this Law is expressed in Rwandan francs. Tout montant en argent pris en compte en vertu de la présente loi doit être exprimé en Franc Rwandais. Iyo umubare uwo ariwo wose wanditswe If any amount is expressed or paid in a currency Si un montant quelconque est exprimé ou payé en



cyangwa wishyuwe mu mafaranga atari ay'u other than Rwandan francs:  
Rwanda:

1° ku bintu bitumijwe mu mahanga, uwo mubare ugomba guhindurwa mu mafaranga y'u Rwanda ku gipimo cy'ivunjisha gikoreshwa hakurikijwe amategeko agenga gasutamo hagamijwe kubara umusoro wa gasutamo wakwa ku bintu bitumijwe mu mahanga;

2° ku bindi byose, uwo mubare ugomba guhindurwa mu mafaranga y'u Rwanda ku gipimo gitangwa na Banki Nkuru y'u Rwanda gikoreshwa hagati y'ifaranga ry'amahanga n'ifaranga ry'u Rwanda ku itariki uwo mubare w'amafaranga y'amahanga utangiwe ku byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko.

Iyo nta gipimo cy'ivunjisha gikurikizwa kiriho ku mafaranga y'amahanga runaka gikoreshwa na Banki Nkuru y'u Rwanda, igipimo gikoreshwa kigomba kubarwa hakurikijwe igipimo Banki Nkuru y'u Rwanda ikoresha ku madolari y'amanyamerika, n'igipimo cyashyizwe ahagaragara cy'iryo faranga ry'amahanga rigereranyijwe n'Idolari ry'Abanyamerika.

**Ingingo ya 31: Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga**

Komiseri Mukuru, abisabwe kandi mu gihe asanga ari ngombwa, ashobora kwemera gusubiza igice cy'umusoro ku nyongeragaciro

1° in the case of importation of goods, the amount shall be converted into Rwandan francs at the exchange rate applicable under the Customs legislation for the purposes of computing the customs duty payable on the import;

2° in any other case, the amount is to be converted into Rwandan francs at the National Bank of Rwanda exchange rate applying between the foreign currency and Rwandan franc on the date on which the amount is given for the purposes of this Law.

If there is no existing applicable exchange rate for a certain currency used by the National Bank of Rwanda, the applicable rate shall be computed on the basis of the National Bank's rate for the U.S. Dollar, and a published cross-rate for that currency in question against the U.S Dollar.

**Article 31: Foreign diplomatic missions in Rwanda and international agreements**

Upon request and if he/she considers it necessary, the Commissioner General may authorize the refund of part or all of the value

une monnaie autre que le Franc rwandais:

1° dans le cas d'une importation de biens, le montant doit être converti en Francs rwandais au taux de change applicable conformément à législation douanière pour le calcul de la taxe douanière sur l'importation;

2° dans tout autre cas, le montant doit être converti en Francs rwandais au taux de change de la Banque Nationale du Rwanda applicable entre la devise étrangère et le franc Rwandais à la date à laquelle ledit montant est pris en compte pour l'application de la présente loi.

Lorsqu'il n'y a pas de taux de change applicable pour la devise en question par la Banque Nationale du Rwanda, le taux doit être calculé sur base du taux de la Banque Nationale du Rwanda pour le Dollar Américain, et un cours croisé publié pour la devise en question par rapport au Dollar Américain.

**Article 31: Missions diplomatiques et accords internationaux**

Sur demande et s'il le juge nécessaire, le Commissaire Général peut autoriser le remboursement d'une partie ou de la totalité de la

cyangwa se umusoro wose ku bintu bisoreshwa biguzwe cyangwa bitumijwe mu mahanga na: added tax incurred on goods acquired or imported by: taxe sur la valeur ajoutée encourue en rapport avec une acquisition ou importation imposable par:

- |  |   |  |
|--|---|--|
| <p>1° ambasade cyangwa ibiro by'uhagarariye inyungu z'igihugu runaka mu burucuzi cyangwa abakozi babyo babifitiye ubudahangarwa busesuye cyangwa budasesuye hakurikijwe amategeko agenga abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'itegeko rigenga imibanire hagati y'ibihugu mu rwego rw'ubucuruzi;</p> | <p>1° a diplomatic or consular mission, or by a diplomat or consular official who enjoy full or limited immunity, rights, according to the law governing diplomats accredited to Rwanda as well as the law governing trade cooperation between the countries;</p> | <p>1° une mission diplomatique ou consulaire ou ses agents jouissant d'une immunité totale ou limitée, en vertu de la loi sur les privilèges et immunités diplomatiques ou la loi portant coopération entre les pays en matière de commerce;</p> |
| <p>2° umuryango mpuzamahanga ugengwa na Leta cyangwa Guverinoma y'igihugu cy'amahanga, ku rwego bikeneweho hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga.</p>   | <p>2° a governmental international organisation or foreign Government to the extent required under an international agreement.</p>  | <p>2° une organisation gouvernementale internationale ou un gouvernement étranger, dans la mesure requise en vertu d'un accord international.</p>  |

Gusaba gusubizwa amafaranga nk'uko biteganyijwe muri iyi ngingo, bigomba gukorerwa ku rupapuro rwuzuzwa rwemejwe mu buryo bwagenwe na Komiseri Mukuru kandi rugaherekezwa n'inyandiko za ngombwa Komiseri Mukuru ashobora gutegeka gushyikirizwa. Zimwe muri izo nyandiko ni :

The application for a refund under this article must be made on the approved form and in the manner prescribed by the Commissioner General and be accompanied by supporting documents as the Commissioner General may require. Some of such documents are the following:

La demande de remboursement en vertu du présent article doit être faite dans la forme approuvée et de la manière prescrite par le Commissaire Général et doit être accompagnée des documents à l'appui que le Commissaire Général peut exiger. Ces documents sont notamment les suivants:

- |   |   |   |
|---|---|---|
| <p>1° ikimenyetso kigaragaza ko umusoro ku nyongeragaciro usabirwa gusubizwa wabayeho koko ;</p>          | <p>1° evidence that the value added tax for which the refund is sought was incurred;</p>                | <p>1° la preuve que la taxe sur la valeur ajoutée dont le remboursement est sollicité a été effectivement encourue;</p> |
| <p>2° ikimenyetso ko usaba gusubizwa umusoro afite uburenganzira bwo kubisaba hakurikijwe iyi ngingo.</p> | <p>2° evidence of the applicant's entitlement to make an application for refund under this Article.</p> | <p>2° la preuve que le requérant est habilité à faire une telle demande en vertu du présent article.</p>                |

Muri iyi ngingo, amasezerano mpuzamahanga bisobanura amasezerano hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na Guverinoma y'igihugu cy'amahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga ugegwe na Leta ajyanye no gufasha Guverinoma mu rwego rw'imari, urwa tekini, urw'ubutabazi cyangwa mu rwego rw'ubutegetsi.

In this article, international agreement means an agreement between the Government of Rwanda and a foreign Government or a governmental international organisation for the provision of financial, technical, humanitarian, or administrative assistance to the Government.

Dans le présent article, un accord international signifie un accord entre le Gouvernement du Rwanda et un Gouvernement étranger ou une organisation gouvernementale internationale pour la fourniture d'une assistance financière, technique, humanitaire ou administrative au Gouvernement.

**Ingingo ya 32: Agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko**

**Article 32: Market value of goods or services**

**Article 32: Valeur marchande des biens ou services**

Agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ni ikiguzi ibyo bintu cyangwa serivisi byagira bijanywe ku isoko ku munsu bitangiweho.

The market value of taxable goods or services is the consideration the goods and services would obtain in the open market at the time of supply.

La valeur marchande des biens ou services est la contrepartie que les biens ou services auraient normalement sur le marché libre au moment de la fourniture.

Iyo bidashoboka kugena agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ku gihe runaka cyihariye, agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko ni ikiguzi ibimeze nkabyo byagira ku isoko muri icyo gihe hitawe ku itandukaniro riri hagati y'ibintu bimeze kimwe n'ibintu ubwabyo nyakuri. Kugira ngo bishoboke, ibintu biba bisa n'ibindi iyo ari bimwe, cyangwa bisa cyane n'ibyo bindi hitawe ku miterere yabyo, ubwiza bwabyo, imikorere, icyo bikoze n'ubwamamare bwabyo.

If it is impossible to determine the market value of taxable goods or services at a particular time, the market value is the consideration similar goods or services would ordinarily obtain in the open market in consideration of the difference between the similar goods or services and the actual goods or services. For this purpose, goods are similar if there are the same or closely resemble the other goods taking into account the character, quality, functionality, materials, and their reputation.

S'il n'est pas possible de déterminer la valeur marchande des biens ou services à un moment donné, la valeur marchande est la contrepartie que des biens ou services similaires auraient normalement sur le marché libre à ce moment-là, ajusté pour tenir compte des différences entre les biens ou services similaires et les biens ou services proprement dits. A cette fin, les biens sont similaires à d'autres s'ils sont les mêmes, ou ressemblent étroitement à d'autres, compte tenu du caractère, de la qualité, de la fonctionnalité, des matières et de leur réputation.

Iyo agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko kagomba kugenwa ku bintu cyangwa serivisi byihariye, cyangwa ku mutungo utunzwe n'umuntu, ako gaciro kagenwa hifashishijwe agaciro ku isoko k'ibyo bintu cyangwa serivisi, cyangwa k'uwo mutungo, nk'uko kagenwa

If the value of goods and services on the market is to be determined on specific goods or services or on the value of a person's acquisitions, the value shall be determined in consideration of the market value of those goods or services or of such acquisitions as determined by this Article in

Si la valeur marchande des biens ou services doit être déterminée pour les biens ou services spécifiques ou pour les acquisitions d'une personne, la valeur marchande est déterminée en tenant compte de la valeur marchande de ces biens ou services ou acquisitions telle que prévue

*Official Gazette n° Special of 05/02/2013*

hakurikijwe iyi ngingo, ku gihe runaka.

a given period.

par cet article, pour une période donnée.

Iyo agaciro k'ibintu cyangwa serivisi biri ku isoko kadashobora kugenwa hakurikijwe ibivugwa mu bika bibanziriza iki, agaciro kabyo ni ikiguzi kigenwa na Komiseri Mukuru abicishije mu mabwiriza nyuma yo kubikorera ubushakashatsi bufite ibipimo ngenderwaho.

If the market value of goods or services cannot be determined according to the provisions of the previous paragraphs, it shall be determined by the Commissioner General by rules after conducting a research in accordance with standards.

Si la valeur marchande des biens ou services ne peut être déterminée en vertu des paragraphes précédents, elle doit être déterminée par le Commissaire Général par voie des directives après une recherche répondant aux normes standards.

**UMUTWE WA XI: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER XI: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE XI: DISPOSITIONS INALES**

**Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzuma n'itorwa ry'iri tegeko**

**Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Article 34: Repealing provision**

**Article 34: Disposition abrogatoire**

Itegeko n° 06/2001 ryo kuwa 20/01/2001 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Law n° 06/2001 of 20/01/2001 on the Code of Value Added Tax, as modified and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

La Loi n° 06/2001 du 20/01/2001 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 35: Commencement**

**Article 35: Entrée en vigueur**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 09/11/2012

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 09/11/2012

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal  
of the Republic:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 09/11/2012

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**UMUGEREKA KU ITEGEKO N°37/2012 RYO KUWA 09/11/2012 RISHYIRAHO UMUSORO KU NYONGERAGACIRO UGARAGAZA IBIKORESHO BY'IKORANABUHANGA, ITUMANAHO N'IKWIRAKWIZWA RY'AMAKURU BISONWE**

**ANNEX TO THE LAW N°37/2012 OF 09/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX RELATING TO THE INFORMATION, COMMUNICATION AND TECHNOLOGY EQUIPMENT THAT ARE EXEMPTED**

**ANNEXE A LA LOI N°37/2012 DU 09/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE RELATIVE AU MATERIEL DE LA TECHNOLOGIE, DE LA COMMUNICATION ET DE L'INFORMATION EXONERE**

<b>CODE SH</b>	<b>INYITO</b>	<b>PRODUCT DESIGNATION</b>	<b>DENOMINATION DU PRODUIT</b>	<b>Igipimo Rate Taux</b>
84711000	Imashini itunganya amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga	Analogue or hybrid automatic data processing machine	Machine automatique de traitement de l'information, analogique ou hybride	0%
84713000	Mudasobwa igendanwa itarengeje ibiro 10	Portable digital computer weighing not more than 10 kg	Ordinateur portable d'un poids n'excédant pas 10 kg	0%
84714100	Ubundi bwoko bwa mudasobwa iri kumwe cyangwa itari kumwe n'ibindi bice biyiherekeje	Any other type of computer with or without other accessories	Autre type d'ordinateur comportant ou ne comportant pas d'autres accessoires	0%
84714900	Izindi mashini z'ubwoko butandukanye zifite imiterere nk'iya mudasobwa kandizuzuzanya	Other various machines of the same structure with the computer that complement each other	Autres diverses machines automatiques se présentant sous forme d'un ordinateur et qui se complètent	0%

<b>CODE SH</b>	<b>INYITO</b>	<b>PRODUCT DESIGNATION</b>	<b>DENOMINATION DU PRODUIT</b>	<b>Igipimo Rate Taux</b>
84715000	Ibindi bice bitandukanye n'ibivugwa muri n° 84.71.4100 na 84.71.49.00 bishobora kuba bifungiyeho hamwe n'ibiherekeza birimo ibyinjiza amakuru, ibiyasohora n'ibiyabika	Other digital processing units different from those mentioned in n° 8471.4100 and 8471.49.00 which may be packed together with accessories including storage input units, output units and storage units	Autres unités de traitement numériques autres que celles prévues aux n° 84.71.4100 et 84.71.49.00 pouvant comporter sous une même enveloppe des accessoires y compris les unités de mémoire, unités d'entrée et unités de sortie	0%
84716000	Bimwe mu bigize mudasobwa birimo ibyinjiza amakuru, ibiyasohora biri kumwe cyangwa bitari kumwe n'ibibika amakuru	certain accessories of the computer including input or output units of the computer, whether or not containing storage units	Unités d'entrée ou de sortie d'un ordinateur, pouvant comporter ou non les unités de sortie	0%
84717000	Ibibika amakuru muri mudasobwa	Storage units	Unités de mémoire	0%
84718000	Ubundi bwoko bwa mudasobwa butunganya amakuru	Other units of automatic data processing computer	Autres unités d'ordinateur de traitement de l'information	0%
84719000	Ubundi bwoko bwa mudasobwa butunganya amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga	Other digital automatic data processing computers	Autres types d'ordinateur automatique de traitement de données	0%
84733000	Bimwe mu bigize mudasobwa n'ibiyiherekeza	Certain parts of the computer and its accessories	Certaines parties et accessoires d'un ordinateur	0%
85044000	Imashini yagenewe kubika umuriro yifashishwa na mudasobwa	Static converters /uninterrupted power supplies (UPS)	Convertisseur statique (onduleur)	0%
85171100	Ubwoko bwa telefoni zitagendanwa bukoresha igice cyitaba kidakoresha imigozi	Line telephone sets with cordless handsets	Postes téléphoniques d'usagers par fil à combinés sans fil	0%

<b>CODE SH</b>	<b>INYITO</b>	<b>PRODUCT DESIGNATION</b>	<b>DENOMINATION DU PRODUIT</b>	<b>Igipimo Rate Taux</b>
85171900	Ubundi bwoko bwa telefoni zitagendanwa	Other fixed telephones	Autres postes téléphoniques	0%
85172100	Imashini zikoreshwa mu itumanaho mu gusohora amakuru ku mpapuro	Teleprinters	Téléscripteurs	0%
85172200	Imashini zikoreshwa mu guhuza imiyoboro ya telefoni	Telephonic or telegraphic switching apparatus	Appareil de commutation pour la téléphonie ou la télégraphie	0%
85175000	Izindi mashini zikoreshwa mu itumanaho	Other apparatus, used in communication systems	Autres appareils, pour la télécommunication	0%
85178000	Izindi mashini	Other apparatus	Autres appareils	0%
85179000	Ibindi bice	Other parts	Autres parties	0%
85229000	Ibikoreshwa mu kubika amajwi n'amashusho hatarimo ibiyasoma	Audio and visual storage equipment excluding decoders	Appareils d'enregistrement du son et d'image autres que les lecteurs phonographiques	0%
85243190	Ibikoreshwa mu kubika amajwi n'amashusho hatarimo ibiyasoma	Discs for laser reading systems for reproducing phenomena other than sound or image other	Disques pour système de lecture pour faisceau laser pour la préparation des phénomènes autres que le son ou l'image: Autres (disques et disquettes)	0%
85244000	Amakaseti akoreshwa mu kubika amakuru atarimo amajwi n'amashusho	Magnetic tapes for reproducing phenomena other than sound or image	Bandes magnétiques pour la reproduction des phénomènes autres que le son et l'image	0%
85249100	Amakarita afite agace ka rukuruzi	Cards incorporating a magnetic stripe	Cartes munies d'une piste magnétique	0%
85421200	Amakarita elegitoronike	Cards incorporating an electronic integrated circuit ("smart" cards)	Cartes munies d'un circuit intégré électronique	0%



<b>CODE SH</b>	<b>INYITO</b>	<b>PRODUCT DESIGNATION</b>	<b>DENOMINATION DU PRODUIT</b>	<b>Igipimo Rate Taux</b>
85421300	Ibikoresho bikoresha ikoranabuhanga	Metal-oxide semi conductors (MOS)	Semi-conducteurs à oxyde allique	0%
85421400	Sirikwi ikoresha ikoranabuhanga rya “bipolaire”	Circuits obtained by bipolar technologies	Circuits obtenus par technologie bipolaire	0%
85421900	Izindi sirikwi zikoresha ikoranabuhanga rya “monolithiques numériques” zituruka ku ruvange rw’ikoranabuhanga “bipolaire”, irya MOS na BIMOS	Other circuits obtained by a combination of bipolar and MOS and BIMOS technologies	Autres circuits intégrés monolithiques numériques, y compris les circuits obtenus par l'association des technologies MOS et bipolaire technologie BIMOS	0%
85423000	Izindi sirikwi zikoresha ikoranabuhanga “monolithique”	Monolithic integrated circuits	Autres circuits intégrés monolithiques	0%
85424000	Sirikwi ikoresha ikoranabuhanga rya “hybride”	Hybrid integrated circuits	Circuits intégrés hybrides	0%
85429000	ibice	Parts	Parties	0%
85425000	Udukoresho duto dukoreshwa mu guteranya ibintu elegitoronike	Electronic microassemblies	Micro-assemblages électroniques	0%
94031000	Utubati dukoze mu byuma babikamo “serveur”, “swich” (Racks)	Metal cupboard for servers, switch (Racks)	Armoire métallique pour conserver les serveurs, swich (Racks)	0%

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro**

**Seen to be annexed to the Law n° 37/2012 of 09/11/2012 on establishing the value added tax**

**Vu pour être annexé à la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée**

Kigali, kuwa **09/11/2012**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **09/11/2012**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **09/11/2012**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/13/10/TC  
RYO KUWA 31/07/2013 RIGENA  
IMIKORESHEREZE Y’IMASHINI  
Y’IKORANABUHANGA YEMEWE MU  
GUTANGA INYEMEZABUGUZI

MINISTERIAL ORDER N° 002/13/10/TC OF  
31/07/2013 ON MODALITIES OF USE OF A  
CERTIFIED ELECTRONIC BILLING  
MACHINE

ARRETE MINISTERIEL N° 002/13/10/TC DU  
31/07/2013 PORTANT MODALITES  
D’UTILISATION DE LA MACHINE DE  
FACTURATION ELECTRONIQUE AGREEE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article Premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Ibisobanuro by’amagambo

**Article 2:** Definitions of terms

**Article 2:** Définitions des termes

**Ingingo ya 3:** Kwiwandikisha k’ukoresha  
imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga  
inyemezabuguzi

**Article 3:** Registration as Electronic billing  
machine user

**Article 3:** Enregistrement en tant qu’utilisateur  
de machine de facturation électronique

**Ingingo ya 4:** Isonerwa ku bisabwa n’iri teka

**Article 4:** Exemption from the obligations under  
this Order

**Article 4:** Exonération des obligations prévues  
par le présent arrêté

**Ingingo ya 5:** Kugenzura imashini  
z’ikoranabuhanga mu gutanga  
inyemezabuguzi

**Article 5:** Inspection of certified electronic billing  
machines

**Article 5:** Inspection des machines de  
facturation électronique agréées

**Ingingo ya 6:** Ibiranga uburyo bwo gutanga  
inyemezabuguzi bwemewe

**Article 6:** CIS Features

**Article 6:** Composantes du SFC

**Ingingo ya 7:** Ibigomba kugaragara ku  
nyemezabwishyu

**Article 7:** Receipt data requirements

**Article 7:** Données à faire figurer au reçu

**Ingingo ya 8:** Kwemererwa gukoresha  
imashini y’Ikoranabuhanga mu gutanga  
inyemezabuguzi

**Article 8:** Electronic billing machines  
accreditation

**Article 8:** Accréditation des machines de  
facturation électronique

<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Ikoreshwa ry'Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<b><u>Article 9:</u></b> Use of a certified electronic billing machine	<b><u>Article 9:</u></b> Usage de machine de facturation électronique agréée
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Kugenzura no gutuma imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ihora ikora neza	<b><u>Article 10:</u></b> Maintenance of a certified electronic billing machine	<b><u>Article 10:</u></b> Entretien de machine de facturation électronique agréée
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<b><u>Article 11:</u></b> Obligations of a certified electronic billing machine user	<b><u>Article 11:</u></b> Obligation de l'utilisateur de machine de facturation électronique agréée
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Gutanga uburenganzira k'ugurisha n'ushyikiriza abaguzi ibicuruzwa uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe n'iimashini y'inyemezabwishyu	<b><u>Article 12:</u></b> Licensing of CIS and SDC supplier and its distributors	<b><u>Article 12:</u></b> Octroi de licence aux fournisseurs et distributeurs des SFC et des machines à reçu
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Inshingano z'ugurisha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu	<b><u>Article 13:</u></b> Obligations of a supplier of CIS or SDC	<b><u>Article 13:</u></b> Obligations du fournisseur du SFC ou de la machine à reçu
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Iyemerwa ry'ukora imashini y'inyemezabwishyu (SDC)	<b><u>Article 14:</u></b> Approval of SDC manufacturers	<b><u>Article 14:</u></b> Agrément du fabricant de la machine à reçu
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<b><u>Article 15:</u></b> Failure to use a certified Electronic billing machine	<b><u>Article 15:</u></b> Refus d'utiliser la machine de facturation électronique agréée
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu buryo bw'uburiganya	<b><u>Article 16:</u></b> Fraudulent use of a certified electronic billing machine	<b><u>Article 16:</u></b> Usage frauduleux de machine de facturation électronique agréée
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Kutubahiriza ibiteganyijwe	<b><u>Article 17:</u></b> Failure to comply with any of the obligations	<b><u>Article 17:</u></b> Défaut de se conformer à l'une des obligations

Ingingo ya 18: Kwangiza Imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi	<u>Article 18</u> : Tampering with a certified electronic billing machine	Article 18: Altération du fonctionnement de machine de facturation électronique agréée
<u>Ingingo ya 19</u> : Kutubahiriza ibiteganywa n'iri teka	<u>Article 19</u> : Other prohibitions	<u>Article 19</u> : Autres interdictions
Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 20</u> : Repealing provision	<u>Article 20</u> : Disposition abrogatoire
Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 21</u> : Commencement	<u>Article 21</u> : Entré en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/13/10/TC RYO KUWA 31/07/2013 RIGENA 31/07/2013 ON IMIKORESHEREZE Y'IMASHINI Y'IKORANABUHANGA YEMEWWE MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI**

**MINISTERIAL ORDER N° 002/13/10/TC OF 31/07/2013 PORTANT MODALITIES OF USE OF CERTIFIED ELECTRONIC BILLING MACHINE**

**ARRETE MINISTERIEL N° 002/13/10/TC DU 31/07/2013 PORTANT MODALITES D'UTILISATION DE LA MACHINE DE FACTURATION ELECTRONIQUE AGREEE**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,**

**The Minister of Finance and Economic Planning,**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012 of 02/05/2012 instituting the Penal Code;

Vu la Loi Organique n° 01/2012 du 02/05/2012 portant Code Pénal;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2012 ryo kuwa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Pursuant to Law n° 37 /2012 of 09/11/2012 Establishing Value Added tax, especially in Article 24;

Vu la Loi n° 37 /2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée, spécialement en son article 24;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/05/2013, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/05/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/05/2013;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

### **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri Teka rigena imiterere y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoresha mu gutanga inyemezabuguzi igaragaza umusoro, uburyo n'inshingano bigomba kuba byujijwe mu gukoresha iyo mashini.

### **Ingingo ya 2: Ibisobanuro**

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

- 1° **“Ubuyobozi”**: Ikigo cy'Imisoro n'Imahoro;
- 2° **«Ukoresha»**: umusoreshwa ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi;
- 3° **«TIN»**: inomeru iranga umusoreshwa;
- 4° **“Umusoreshwa munini”**: umusoreshwa wamenyeshejwe n'Ubuyobozi ko yanditswe mu basoreshwa banini;
- 5° **“Umusoreshwa wisumbuye”**: umusoreshwa ukora ibikorwa by'ubucuruzi bibyara amafaranga y'ibyacuujwe arenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000) y'amanyarwanda mu mwaka w'isoresha ushize kandi Ubuyobozi bukaba butaramushyize mu basoreshwa banini;

### **Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the design of a certified electronic billing machine that generates invoices indicating taxes as agreed by the Tax Administration, modalities and conditions to be met in the use of the machine.

### **Article 2: Definitions**

In this Order, the following terms are defined as follows:

- 1° **“Authority”**: Rwanda Revenue Authority;
- 2° **“User”**: a taxpayer who uses electronic billing machine;
- 3° **“TIN”**: taxpayer identification number;
- 4° **“Large taxpayer”**: any taxpayer who has been notified by the Authority that he or she is registered as a large taxpayers;
- 5° **“Medium taxpayer”**: any taxpayer whose turnover is more than fifty million (50,000,000) Rwandan francs during the previous tax period and not designed as a large taxpayer by the Authority;

### **Article premier: Objet du présent Arrêté**

Le présent arrêté détermine le format de la machine de facturation électronique agréée par l'Administration Fiscale qui imprime les factures mentionnant les taxes, les modalités et les conditions à observer dans l'utilisation de cette machine.

### **Article 2: Définitions**

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations ci-après:

- 1° **“Autorité”**: Office Rwandais des Recettes;
- 2° **«Utilisateur»**: un contribuable qui utilise la machine de facturation électronique;
- 3° **«NIF»**: numéro d'identification fiscale;
- 4° **« Grand contribuable »**: tout contribuable auquel l' Autorité a notifié son enregistrement en tant que tel ;
5. **« Moyen contribuable »**: tout contribuable ayant une activité dont le chiffre d'affaires est supérieur à cinquante million (50.000.000) de francs rwandais au cours de l' exercice fiscal précédent et que l' Autorité n'a pas désigné comme grand contribuable ;

- 6° “ **Umusoresha uciriritse**”: umusoresha ukora ibikorwa by’ubucuruzi bibyara amafaranga y’ibyacuujwe ari hagati ya miliyoni cumi n’ebiri n’ifaranga rimwe (12.000.001) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000) y’amafaranga y’u Rwanda mu mwaka w’isoresha ushize;
- 6° “ **Small taxpayer**”: any taxpayer whose turnover is between twelve million and one (12,000,001) and fifty million (50,000,000) Rwandan francs during the previous tax period;
6. « **Petit contribuable** » : tout contribuable ayant une activité dont le chiffre d’affaires est compris entre douze million et un (12,000, 001) et cinquante million (50, 000,000) de francs rwandais au cours de l’exercice fiscal précédent ;
- 7° “**Umusoresha muto**”: umusoresha ukora ibikorwa by’ubucuruzi bibyara amafaranga y’ibyacuujwe ari muni ya miliyoni cumi n’ebiri (12.000.000) mu mwaka w’isoresha ushize;
- 7° “ **Micro taxpayer**” : any taxpayer whose turnover is equal or less than twelve million (12,000,000) Rwanda francs during the previous tax period million;
7. « **Micro taxpayer** » : tout contribuable ayant une activité dont le chiffre d’affaires est égal ou inférieur à douze million (12.000.000) de francs rwandais au cours de l’exercice fiscal précédent ;
- 8° «**Komiseri Mukuru**»: Komiseri Mukuru w’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro;
- 8° “**Commissioner General**”: Commissioner General of Rwanda Revenue Authority;
8. «**Commissaire Général**»: Commissaire Général de l’Office Rwandais des Recettes;
- 9° “**Uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe**” (CIS): uburyo bw’ikoranabuhanga bwagenewe gukoreshwa mu bucuruzi, mu rwego rwo gushyiraho uburyo buhamye bwo gucunga neza ibijyanye n’ubucuruzi ndetse n’ububiko byujuje ibisabwa n’Ubuyobozi;
- 9° “**Certified Invoicing System (CIS)**”: electronic system designed for use in business for efficiency management controls, in areas of sales analysis and stock control system which fulfil the requirements specified by the Authority;
9. “**Système de facturation certifiée**” (SFC) : système électronique conçu pour usage dans le commerce en vue des contrôles efficaces de gestion, dans le domaine d’analyse des ventes et du système du contrôle de stock qui remplit les exigences prescrites par l’Autorité;
- 10° “**Imashini y’inyemezabwishyu**” (SDC): imashini itanga kandi ikanabika inyemezabwishyu ikorana n’uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe ;
- 10° “**Sales Data Controller (SDC)**”: device connected to CIS used for processing and storing receipts;
10. “**Machine à reçu**” (MR): appareil connecté au SFC utilisé pour la livraison et le stockage des reçus ;
- 11° «**Imashini y’ ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**»: uburyo
- 11° “**Electronic billing machine**”: the system composed by CIS and SDC connected
11. «**Machine de facturation électronique**»: système comprenant le SFC et la machine



- bugizwe na CIS na SDC bikaba bikorana nk'uburyo bumwe;
- 12° «**Gihamya**»: ibimenyetso byo ku nyemezabuguzi bikoreshwa n'Ubuyobozi mu igenzura ry'ubudakemwa;
- 13° «**Inyemezabwishyu**»: inyandiko igaragaza ko habayeho kudandaza cyangwa kuranguza ibicuruzwa cyangwa inyandiko igaragaza ko hatanzwe serivisi ku muguzi, kandi ubudakemwa bw'iyonyandiko bukaba bwagenzurwa n'Ubuyobozi;
- 14° «**Inomero yihariye y'imashini**» (MRC) inomero yihariye y'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi igaragaza ko bwemewe ;
- 15° «**inomero y'imashini y'inyemezabwishyu**»: inomero yihariye y'imashini itanga inyemezabwishyu igaragaza ko yemewe;
- 16° «**POS**»: ahatangirwa inyemezabwishyu;
- 17° «**Ugurisha imashini**»: isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye wanditse mu Rwanda kandi wabihereye uruhushya n'Ubuyobozi, rwo kugira ibyemezo bya CIS cyangwa SDC byakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga no kuzigurisha nk'uzikora cyangwa uhagarariye uzikora;
- together as one system;
- 12° «**Signature**»: receipt data used for integrity verification by the Authority;
- 13° «**Receipt**»: certified retail receipt or wholesale receipt or receipt for the provision of services provided to the customer, whose integrity can be verified by the Authority;
- 14° «**Machine Registration Code (MRC)**»: CIS's unique serial number with designation of its certificate;
- 15° «**SDC serial number**»: sales Data Controller's unique serial number with specification of its certificate;
- 16° «**POS**»: Point Of Sale;
- 17° «**Supplier**»: company or physical person registered in Rwanda licensed by the Authority for holding certificates for CIS and/or SDC, manufactured in or outside Rwanda, and selling it to the market as a manufacturer or a representative of the manufacturer;
- à reçu connectés ensemble comme un seul système;
12. « **Signature**»: données que comporte le reçu dont l'Autorité se sert pour la vérification de la sincérité de ce reçu;
13. «**Reçu**»: document certifié constatant la vente au détail ou en gros ou un récépissé délivré pour la fourniture de services au client dont la sincérité peut être vérifiée par l'Autorité;
14. «**Code d'enregistrement de la machine (CEM)**»: numéro de série unique avec désignation de son certificat;
15. «**Numéro de série de la machine à reçu**»: numéro de série unique de la machine à reçu avec désignation de son certificat;
16. «**PDV**»: point de vente;
17. «**Fournisseur**»: personne physique ou société enregistrée au Rwanda sous licence de l'Autorité pour la tenue de certificats du SFC et/ ou de la machine à reçu, fabriqués à l'intérieur ou hors du Rwanda, et sa vente sur le marché en tant que fabricant ou représentant du fabricant;

18° «**ushyikiriza abaguzi imashini**»: isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye wanditse mu Rwanda, akaba afitanye n’ugurisha imashini amasezerano yo kuzishyikiriza abaguzi, kandi wabihereye uruhushya n’Ubuyobozi rwo kugurisha CIS cyangwa SDC mu Rwanda.

18° “**distributor**”: company or natural person registered in Rwanda, having a distribution agreement with Supplier, and a license by the Authority to sell CIS or SDC in Rwanda.

18. «**distributeur**»: société ou personne physique enregistrée au Rwanda ayant un accord de distribution avec le fournisseur et une licence de l’Autorité pour vendre le SFC ou la machine à reçu au Rwanda.

**Ingingo ya 3: Kwiyandikisha k’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

**Article 3: Registration as an electronic billing machine user**

**Article 3: Enregistrement en tant qu’utilisateur de machine de facturation électronique**

Umusoreshwa wese wamenyeshejwe, nk’uko biteganywa n’ingingo ya 9 y’iri teka, agomba kwiyandikisha nk’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi.

Any taxpayer informed under Article 9 of this Order shall be required to register with the Authority as a certified electronic billing machine user.

Tout contribuable informé tel que prévu à l’article 9 du présent arrêté est tenu de s’inscrire auprès de l’Autorité comme utilisateur de la machine de facturation électronique agréée.

Umusoreshwa wese usonewe inshingano iteganyijwe mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, ashobora kwiyandikisha mu Buyobozi ku bushake cyangwa agasabwa kwiyandikisha nk’ukoresha imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi, hashingiwe ku buremere bw’impungenge nk’uko bigenwa na Komiseri Mukuru.

Any taxpayer who is exempted from the obligation under Paragraph One of this Article may voluntarily register or may be required to register with the Authority as a certified electronic billing machine user, based on the level of risk assessment determined by the Commissioner General.

Toute personne exemptée de l’obligation prévue au premier alinéa du présent article peut s’inscrire volontairement ou peut être tenue de s’inscrire auprès de l’Autorité comme utilisateur de la machine de facturation électronique agréée, sur base du niveau d’évaluation des risques déterminés par le Commissaire Général.

Uhereye igihe iri teka ritangiye gukurikizwa, imashini zitanga inyemezabwishyu zujuje ibisabwa n’uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe hakoreshejwe Imashini y’Ikoranabuhanga, kandi zahawe uburenganzira n’Ubuyobozi, ni zo zonyine zishobora gukoreshwa mu gutanga inyemezabwishyu nk’uko ziteganywa mu ngingo ya 7 y’iri Teka.

Upon commencement of this Order, only machines for issuing receipts that are found to be compliant with certified electronic billing machine specifications, and have been duly authorized by the Authority are utilised to generate receipts required under Article 7 of this Order.

Dès l’entrée en vigueur du présent arrêté, seules les machines pour la délivrance de reçus qui sont jugées conformes aux spécificités de machine de facturation électronique agréée dûment autorisées par l’Autorité, sont utilisées lors de la délivrance des reçus en vertu de l’article 7 du présent arrêté.

**Ingingo ya 4: Isonerwa ku bisabwa n'iri teka**

Komiseri Mukuru, ashingiye ku mpamvu z'umuntu ku giti cye, ashobora kumusonera gukoresha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi buteganwa n'iri teka, igihe hari ubundi buryo bushobora gukoreshwa mu gutanga amakuru yizewe ajyanye no kugenzura.

Ibigenderwaho mu gutanga ubusonerwe biteganywa n'Amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

**Ingingo ya 5: Kugenzura imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

Ubuyobozi bufite uburenganzira bwo kugenzura imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi yandikishijwe hakurikijwe iri teka, mu gihe icyo ari cyo cyose cy'amasaha y'akazi, mu rwego rwo kugenzura niba ikurikiza ibisabwa, imikoreshereze yayo ndetse n'andi mabwiriza ashobora gutangwa agenga imikoreshereze y'iyi mashini.

Abakozi b'uwahawe uburenganzira bwo gukoresha imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bagomba kuyerekana igihe cyose babisabwe kugira ngo ikorerwe ubugenzuzi n'abakozi b'Ubuyobozi babishinzwe.

Imashini yose y'Ikoranabuhanga igaragaye mu igenzura ko itujuje ibisabwa, irafatirwa kandi uwayikoreshegaho agahanwa hakurikijwe

**Article 4: Exemption from the obligations under this Order**

The Commissioner General may exempt from the obligations under this Order, if the need for reliable information on financial supervision may be provided by other means upon an individual case.

The criteria for exemption shall be prescribed by the Commissioner General Rules.

**Article 5: Inspection of a certified electronic billing machine**

The Authority shall reserve the right to inspect any certified electronic billing machines registered under this Order, at any time during work hours, to verify compliance of certified electronic billing machines with the specification, the conditions of their use as well as other regulations that may be issued governing their use.

Store personnel, under the supervision of the user, shall present the machine for inspection and audit by the concerned Authority personnel, whenever required.

Any certified electronic billing machine found to be non-compliant following inspection, shall be subject to seizure and the user shall be sanctioned as

**Article 4: Exonération des obligations prévues par le présent arrêté**

Le Commissaire Général peut dans certains cas spécifiques, accorder une exonération des obligations prévues dans le présent arrêté, s'il s'avère que les informations fiables sur la supervision financière peuvent être fournies par d'autres moyens.

Les critères d'exonération sont déterminés par les Instructions du Commissaire Générales.

**Article 5: Inspection de machine de facturation électronique agréée**

L'Autorité se réserve le droit d'inspection de toutes les machines de facturation électronique agréées enregistrées en conformité avec le présent arrêté, à n'importe quel moment durant les heures de travail, dans le but de vérifier s'ils se conforment aux règlements de leur utilisation et aux autres dispositions qui peuvent être émises quant à leur utilisation.

Le personnel de l'utilisateur doit présenter la machine pour inspection et audit par le personnel de l'Autorité, chaque fois qu'il en est requis.

Lors de l'inspection, toute machine de facturation électronique agréée ne remplissant pas les conditions prescrites, est saisie et son utilisateur est

ibiteganywa n'iri teka.

prescribed under this Order.

sanctionné, conformément aux dispositions du présent arrêté.

Ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ashobora guhita ayikoresha atagombye gutegereza igenzura n'uburenganzira butangwa n'Ubuyobozi, igihe yujuje ibintu bikurikira:

Any user of a certified electronic billing machine may immediately use it without the need for prior inspection and authorization by the Authority, if the following conditions are met:

L'utilisateur d'une machine de facturation électronique agréée peut l'utiliser immédiatement, sans qu'il y ait besoin d'une inspection préalable ou autorisation de l'Autorité, si les conditions ci-après sont remplies:

1° imashini ikoreshwa mu buryo bwo gutanga inyemezabuguzi n'imashini y'inyemezabwishyu zemewe zaguzwe ku mucuruzi wabiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi;

1° the CIS and SDC model are procured from authorized dealer;

1° le SFC et la machine à reçu ont été achetés auprès d'un fournisseur agréé;

2° umucuruzi w'izo mashini yari asanzwe yarazandikishije mu Buyobozi, hakurikijwe uburyo bwo kwandikisha buteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

2° the dealer of the CIS and SDC has already registered those machines with the Authority, in accordance with the registration procedure provided for by Commissioner General Rules.

2° le fournisseur du SFC et de la machine à reçu les a déjà faits enregistrés auprès de l'Autorité, conformément aux procédures d'enregistrement établies par le Commissaire Général.

Icyakora, abasoreshwa basanganywe izo mashini bagomba gutangira kuzikoresha nyuma y'isuzumwa no guhabwa uburenganzira n'Ubuyobozi.

However, for taxpayers that already have existing certified electronic billing machines shall use them after they are inspected and upon authorization by the Authority.

Cependant, les contribuables possédant déjà les machines de facturation électronique agréées ne les utilisent qu'après l'inspection et l'autorisation de l'Autorité.

**Ingingo ya 6: Ibiranga uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe**

**Article 6: CIS Features**

**Article 6: Composantes du SFC**

Uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe bugizwe n'uburyo bwose bwo kwandika amafaranga, uburyo bwerekana igiciro bwanditse ku kintu cyangwa bugizwe n'indi mashini ikoreshwa mu bucuruzi ikorana n'imashini y'inyemezabwishyu (SDC), byujuje imikorere isabwa na Komiseri Mukuru.

CIS is comprised of any cash register model, POS system under any form of hardware or similar business machine connected to SDC, with functions prescribed by Commissioner General.

Le SFC est composé de tout modèle d'enregistreur d'argent, de n'importe quel moyen d'indication des prix faite par écrit ou d'une machine de commerce similaire connectés à la machine à reçu, avec des fonctions définies par le Commissaire Général.

Uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe bugomba kohereza amakuru y'inyemezabwishyu akenewe, kugira ngo imashini itange amakuru yose ku nyemezabwishyu. A CIS shall be able to send to its SDC the receipt data needed in order to produce the receipt's SDC information. Un SFC doit être à mesure d'envoyer à sa machine à reçu les données nécessaires pour l'inscription des informations de la machine à reçu.

**Ingingo ya 7: Ibigomba kugaragara ku nyemezabwishyu**

**Article 7: Données à faire figurer au reçu**

Uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe, bugomba gutanga inyemezabwishyu zigomba kuba byibuze zigaragaraza amakuru akurikira: A Certified Invoicing System shall generate receipts which show, among others, the data enumerated in items below as minimum required information: Un système de facturation certifiée doit livrer des reçus comportant entre autres, les données énumérées ci-dessous contenant le minimum d'informations nécessaires:

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 1° izina ry'umusoreshwa;   | 1° taxpayer's name;  | 1° le nom du contribuable;   |
| 2° inomeru iranga umusoreshwa;   | 2° taxpayer identification number;   | 2° le numéro d'identification fiscale;   |
| 3° aho ubucuruzi bukorwa;  | 3° address at which the sale takes place;  | 3° l'adresse du lieu de vente ;  |
| 4° inomeru iranga umukiriya ishobora gushyirwaho cyangwa ntishyirweho;   | 4° optional tax identification number of the client;   | 4° le numéro facultatif d'identification fiscale du client;  |
| 5° ubwoko bw'inyemezabwishyu n'ubw'igikorwa cy'ubucuruzi;  | 5° receipt type and transaction type;  | 5° le type de reçu et de transaction commerciale;  |
| 6° inomeru yihariye y'inyemezabwishyu, igenda izamuka nta mubare usimbutse kuri buri bwoko bw'inyemezabwishyu;   | 6° serial number of the receipt, from an uninterrupted ascending number series per receipt type;   | 6° le numéro de série du reçu, établi par ordre croissant et ininterrompu par type de reçu;  |
| 7° ibijyanye n'ibicuruzwa, cyangwa serivisi ubwoko bwabyo, uko bingana, igiciro ndetse n'ibindi bishobora gukorwa, nko gutesha agaciro inyemezabwishyu cyangwa kuyikosora; | 7° registered items or services with description, quantity, price, with any other action that may be done, such as cancellations or corrections; | 7° l'enregistrement d'articles ou de services avec description, quantité, prix, et autres modifications possibles, telles que l'annulation ou la correction; |

8° igiteranyo by'ibicuruzwa;	cy'ibiciro	8° total sales amount;	8° le montant total des ventes;
9° igipimo kigenderwaho mu gusora;		9° tax rates applied;	9° les taux d'imposition appliqués;
10° igipimo cy'umusoro cyongerwa ku giciro cy'igicuruzwa;		10° the tax added to the sale amount;	10° la taxe additionnée sur le prix de vente;
11° uburyo bwo kwishyura;		11° means of payment;	11° le mode de paiement;
12° amakuru y'imashini y'inomezabwishyu harimo:		12° SDC information including:	12° les informations en rapport avec la machine à reçu dont:
a. itariki n'igihe bishyirwaho n'imashini y'inomezabwishyu (SDC);		a. date and time stamped by SDC;	a. la date et l'heure inscrites par la machine à reçu;
b. inomeru y'ubwoko bw'inomezabwishyu igezweho;		b. sequential receipt type number;	b. le numéro de séquence du type de reçu ;
c. umukono wo ku nyomezabwishyu;		c. receipt signature;	c. la signature du reçu;
d. inomeru iranga imashini itanga inyemazabwishyu;		d. SDC identification number;	d. le numero d'identification de la machine à reçu;
13° itariki n'igihe bishyirwaho n'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe (CIS);		13° date and time stamped by CIS;	13° la date et heure inscrites par le SFC;
14° inomeru yihariye y'imashini (MRC).		14° machine Registration Code (MRC).	14° le Code d'enregistrement de la machine (CEM).
Buri nyomezabwishyu igizwe n'uruhurirane rw'ubwoko bw'inomezabwishyu n'ubw'ubucuruzi, bugenwa na Komiseri Mukuru.		Each receipt shall be formed from a combination of a receipt type and a transaction type, determined by the Commissioner General.	Chaque reçu est structuré selon la combinaison du type de reçu et de transaction, déterminés par le Commissaire Général.
Ibigomba kugaragara ku nyomezabwishyu bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigomba kubahirizwa mu gihe cy'inomezabuguzi zagaruwe. icyakora, amabwiriza yihariye arebana n'itangwa ry'inomezabuguzi zagaruwe bigenwa na Komiseri Mukuru.		The receipt data requirements referred to in Paragraph One of this Article shall apply to return receipts. However, special provisions for issuing return receipts shall be determined by the Commissioner General.	Les données qui doivent figurer au reçu visés au premier alinéa du présent article doivent également figurer sur le reçu en cas de retours. Toutefois, les dispositions spéciales pour émettre des reçus en cas de retour sont déterminées par le Commissaire Général.

**Ingingo ya 8: Kwemererwa gukoresha Imashini y' ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi** **Article 8: Electronic billing machines accreditation** **Article 8: Accréditation des machines de facturation électronique**

Abinyujije mu itangazo, Komiseri Mukuru amenyeshya igihe cyo gutangira uburenganzira bwo gukoresha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe (CIS) cyangwa Imashini y'inyemezabuguzi (SDC). The Commissioner General shall announce, by Public Notice, the commencement period for submission of application for CIS or SDC accreditation. Le Commissaire Général annonce par avis au public, la date du début de demande de l'accréditation du SFC ou de la machine à reçu.

Uburenganzira bwo gukoresha uburyo bwo gutanga inyemezabwishyu bwemewe, busabwa kuri buri cyiciro cy'ubwoko bwose bw'imashini cyangwa ku bwoko bwose bw'imashini yerekana igiciro ku buryo bwanditse bwagemuwe ku isoko ryo mu Rwanda. Ubwo burenganzira kandi ni ngombwa kuri buri cyiciro cy'imashini nyemezabwishyu zishyizwe ku isoko ryo mu Rwanda. Urwo ruhushya rugaragaza ko ubwoko bw'imashini na programu kwasuzumwe. Uburyo bwakoreshejwe mu isuzuma n'ibyavuyemo bishyirwa muri raporo y'isuzuma igenwa na Komiseri Mukuru. The CIS accreditation shall be required for each version of a machine model or a POS program supplied on the Rwandan market. The SDC accreditation shall be required for each version of a model supplied on the Rwandan market. The accreditation shall indicate that a software version has been tested. The test methods and result shall be documented in a test report determined by Commissioner General. L'accréditation du SFC est exigée pour chaque version d'un modèle de machine ou de programme de PV fournis sur le marché rwandais. L'accréditation de la machine à reçu est exigée pour chaque version d'un modèle de machine fournis sur le marché rwandais. L'accréditation indique que la version du logiciel a été soumise à un essai. Les méthodes d'essai et les résultats doivent être détaillés dans un rapport d'essai déterminés par le Commissaire Général.

Mu gihe cyo gusaba kwemererwa, usaba yerekana imikorere y'ubwo buryo cyangwa isuzuma ry'imashini imbere y'ubuyobozi, kugira ngo bwemeze ko bikurikije amabwiriza agenwa n'iri teka n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru. An actual system demonstration or machine inspection shall be conducted by the applicant at the time of application, and attended by the Authority, to determine if the machine is compliant with the conditions set by this Order and Commissioner General instructions. Lors de la demande d'accréditation, le demandeur doit faire la démonstration du système ou de l'essai de la machine, sous l'assistance de l'Autorité, pour déterminer si la machine remplit les conditions requises par les instructions du Commissaire Général.

Kutubahiriza ibivugwa muri iyi ngingo bifatwa nk'impamvu ihita ikuraho uburenganzira bwari bwaratanze, kandi umucuruzi utabyubahirije agahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka. Any violation of the provisions of this Article is considered as sufficient basis for the immediate revocation of the accreditation granted, and the supplier concerned shall be subject to sanctions. La violation des dispositions du présent article est considérée comme preuve suffisante pour la révocation immédiate de l'accréditation accordée, et le fournisseur concerné est passible des sanctions.

provided for under this Order.

prévues par le présent arrêté.

Uburyo bwose bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe bujyana n'inomero yihariye y'imashini. Ibiranga iyo numero bigenwa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

Each CIS shall be provided with a Machine Registration Code (MRC). MRC specifications are provided for by the Commissioner General's instructions.

Tout SFC doit être fourni avec un Code d'enregistrement de la machine (CEM). Les spécifications du CEM sont déterminées par les instructions du Commissaire Général.

Imashini y'inyemezabuguzi yose igira inomero iyiranga. Ibigize iyo numero biteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru. Ubusonerwe bwo kwemeza uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe bushobora gutangwa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru. Ubwo busonerwe busaba ko uwakoze izo mashini aba yarabigaragaje yemeza ko ubwo buryo bwujije ibisabwa n'iri teka.

Each SDC shall be provided with SDC identification number. SDC identification specifications shall be provided for by the Commissioner General's instructions. Exemption may be granted from the requirement for certification of CIS by the Commissioner General's instructions. Exemption shall presuppose that a manufacturer declaration exists demonstrating that the CIS fulfils the requirements pertaining to this Order.

Chaque machine à reçu est fournie avec son numéro d'identification. Les spécifications sur l'identification de la machine à reçu sont prévues par les instructions du Commissaire Général. La dérogation à la condition de certification du SFC peut être accordée par les instructions du Commissaire Général. Cette exonération est soumise à l'existence d'une déclaration du fabricant attestant que le SFC répond aux conditions posées par le présent arrêté.

Ubusonerwe buvugwa muri iyi ngingo ntibushobora gutangwa ku mashini nyemezabwishyu.

The exemption provided for under this Article shall not be extended to the SDC.

L'exonération visée au présent article ne s'étend pas à la machine à reçu.

**Ingingo ya 9: Ikoreshwa ry'Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

**Article 9: Use of a certified electronic billing machine**

**Article 9: Usage de machine de facturation électronique agréée**

Bubinyujije mu itangazo, Ubuyobozi bumenyeshya igihe cyo gutangira gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi kuri buri cyicyiro cy'abazayikoresha.

The Authority shall announce, by public notice, the commencement period of the obligation to use certified electronic billing machines for each category of users.

L'Autorité annonce, par avis au public, la date du début de l'utilisation des machines de facturation électronique agréées pour chaque catégorie d'utilisateurs.

Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ikoreshwa gusa igihe uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe (CIS)

A certified electronic billing machine shall only be used if both CIS and SDC are certified by the Authority. The Commissioner General shall inform

Une machine de facturation électronique agréée ne peut être utilisée que si elle est agréée par l'Autorité. Le Commissaire Général informe par



n'imashini y'inomezabwishyu (SDC) by public notice which CIS and SDC brand and avis au public la version, le modèle de SFC ainsi  
byemejwe n'Ubuyobozi. Komiseri Mukuru, model is certified. que la machine à reçu agréés.  
abinyujije mu itangazo, amenyesha ubwoko  
bw'imashini bwemejwe n'Ubuyobozi.

Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga A certified electronic billing machine shall be Une machine de facturation électronique agréée  
inyemezabuguzi igomba kuba ijyanye n'icyiciro, suitable to the category, operation and type of user doit être compatible avec la catégorie, l'opération et  
ibikorwa n'ubwoko bw'imirimo y'ubucuruzi business transactions. types de transactions commerciales de  
abayikoresha bakora. l'utilisateur.

**Ingingo ya 10: Kugenzura no gutuma Article 10: Maintenance of a certified electronic Article 10: Entretien de machine de facturation  
imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga billing machine électronique agréée  
inyemezabuguzi ihora ikora neza**

Umusoreshwa wese agomba kumenya ko Every user of certified electronic billing machines Tout utilisateur de machine de facturation  
imashini ze zikorera igenzurwa rya tekiniki mu shall ensure that the electronic billing machines électronique agréée s'assure de l'entretien de celle-  
gihe giteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru. undergo periodic technical maintenance service ci dans la périodicité déterminée par le  
Mukuru. within the time frame prescribed by the Commissaire Général.  
Commissioner General.

Serivisi y'igenzura ivugwa mu gika cya mbere The technical maintenance service mentioned in Le service d'entretien technique visé au premier  
ikorwa n'umutekinisiye w'umucuruzi Paragraph One of this Article shall be performed by alinéa est effectué par le technicien qualifié du  
wazigemuye wabiherewe uburenganzira a qualified supplier's technician approved by the fournisseur agréé par l'Autorité.  
n'Ubuyobozi. Authority.

Amafara ya serivisi yo kwita ku buryo Expenses for periodic maintenance of certified Les dépenses de l'entretien périodique des  
ngarukagihe ku mashini y'ikoranabuhanga mu electronic billing machines shall be covered by the machines de facturation électronique agréées sont  
gutanga inyemezabuguzi yishyurwa user. payées par l'utilisateur.  
n'uyikoresha.

**Ingingo ya 11: Inshingano z'ukoresha imashini y' ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi**

Abakoresha imashini y' Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bafite inshingano zikurikira:

- 1° kugura ibikoresho byuzuye bikoreshwa mu buryo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe ku mucuruzi wabihereye uburenganzira;
- 2° gushyira ahakorerwa ubucuruzi imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi;
- 3° gutanga inyemezabwishyu yakozwe n'imashini y' ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ku mukiriya wese ugura ibintu cyangwa ukoresha serivisi;
- 4° gukora ku buryo imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ishyirwa ahantu horoshye kugera kandi hagaragarira abakiriya;
- 5° gukora ku buryo ibintu cyangwa serivisi byagurishijwe hakoresheje imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bigira izina ridashidikanywaho ndetse n'igipimo cy'umusoro nyacyo;

**Article 11: Obligations of a certified electronic billing machine user**

Users of certified electronic billing machines shall be subject to the following obligations:

- 1° to purchase certified set of electronic billing machines from a licensed supplier;
- 2° to install certified electronic billing machines at the sales location;
- 3° to issue receipt generated by certified electronic billing machines to every customer purchasing items or service;
- 4° to ensure that certified electronic billing machines is placed at a place which is accessible and easily seen by customers;
- 5° to ensure that all items or services sold through certified electronic billing machine have clearly defined name and appropriate tax rate;

**Article 11: Obligation de l'utilisateur de machine de facturation électronique agréée**

Les utilisateurs des machines de facturation électronique agréées sont soumis aux obligations suivantes:

- 1° acheter l'équipement complet de facturation électronique agréées auprès d'un fournisseur agréé;
- 2° installer les machines de facturation électronique agréées au lieu de vente;
- 3° délivrer un reçu établi par une machine de facturation électronique agréée à chaque client qui achète un bien ou un service;
- 4° veiller à ce que les machines de facturation électronique agréées soient placés à un endroit accessible et visible par les clients;
- 5° veiller à ce que tous les articles ou services vendus sous l'usage de la machine de facturation électronique agréée aient un nom clairement défini et un taux de tax approprié;

6° kugaragaza TIN y’umukiriya ku nyemezabuguzi, mbere yo gutangira gutanga inyemezabuguzi, mu gihe bisabwe n’umukiriya wishyuye;	6° to include client’s TIN on the receipt upon request from the client who performs the payment prior to start issuing a receipt,;	6° indiquer le numéro d’identification fiscale du client sur le reçu avant de délivrer un reçu, si le client qui effectue le paiement en fait la demande;
7° gushyira ahashyizwe imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi icyapa cy’inyunganizi gikubiyemo ibi bikurikira:	7° to put a conspicuous notice containing the following information at a place where the certified electronic billing machine is installed:	7° afficher à l’endroit où la machine de facturation électronique est installée une pancarte comportant les informations suivantes:
a. izina, aderesi n’inomero iranga usora;	a. name of the user, address and the TIN;	a. nom, adresse et le NIF du contribuable;
b. inomero yihariye y’imashini;	b. machine Registration Code;	b. le code d’enregistrement de la machine de facturation électronique;
c. inomero ya seri y’imashini y’inyemezabwishyu;	c. SDC Serial Number;	c. le numéro de série de la machine à reçu;
d. amagambo “igihe imashini igize ikibazo, abakozi bacuruza bagomba gutanga inyemezabwishyu zanditse n’intoki zemewe n’ubuyobozi”;	d. statement “In case of machine failure, sales personnel shall issue manual receipts authorized by the Authority”;	d. la mention “En cas de panne de la machine, le personnel de l’utilisateur livrera un reçu manuel reconnu par l’Autorité”;
e. amagambo “NTA KWISHYURA IGIHE UDAHAWA INYEMEZABWISHYU”;	e. statement “DO NOT PAY IF A RECEIPT IS NOT ISSUED”;	e. la mention “NE PAYEZ PAS SI VOUS NE RECEVEZ PAS DE RECU”;
8° kwemerera ubugenzuzi bw’imashini y’Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi no kuyikorera ubugenzuzi ku byerekeranye n’ubuziranenge n’ubudasobwa bwayo;	8° to make certified electronic billing machine available for control with respect to its being intact and the correctness of its operations;	8° assurer la disponibilité de la machine de facturation électronique agréée pour son contrôle eu égard à son son état intact et de justesse opérationnelle;
9° kwifashisha serivisi zabugenewe mu gukora igenzura ritegetswe ry’imikorere y’imashini, mu gihe bisabwe na	9° to perform compulsory technical inspection of certified electronic billing machine with appropriate service point, once such	9° conduire obligatoirement une inspection technique de la machine de facturation électronique agréée par un service

Komiseri Mukuru;	obligation is requested by the Commissioner General;	pproprié, une fois demandé par le Commissaire Général;
10° kubika kopi z'ibyanditse hakoreshejwe iyo mashini mu gihe cy'imyaka icumi (10);	10° to store the copies of certified electronic billing machines journal records within ten (10) years;	10° garder les copies d'enregistrement des rapports des machines de facturation électronique agréées pendant dix (10) ans ;
11° kugenzura neza ko ahawe igitabo gikubiyemo amabwiriza yo gukoresha imashini igihe uwayigurishije ayitanze;	11° to ensure that the user manual is received at the time of supply by the dealer;	11° s'assurer que le manuel d'utilisateur est reçu au moment de la livraison par le fournisseur;
12° kugenzura neza ko umucuruzi w'imashini yari yarayandikishije mu Buyobozi igihe yayizanaga ku isoko;	12° to ensure that the supplier has registered certified electronic billing machine at the time of supply with the Authority;	12° s'assurer que le fournisseur a fait enregistrer la machine de facturation électronique agréée auprès de l'Autorité au moment de la livraison;
13° kumenyesha ubuyobozi ko ahakorerwaga ubucuruzi hahindutse binyuze mu nzira zigenwa na Komiseri Mukuru;	13° to report change of sales location to the Authority through procedure prescribed by the Commissioner General;	13° informer l'Autorité du changement de lieu de vente par les procédures déterminées par le Commissaire Général ;
14° kudahagarika ikoreshwa ry'Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe kirenze amasaha cumi n'abiri (12) atabanje kubimenyesha ubuyobozi;	14° not to stop using certified electronic billing machine for more than twelve (12) hours without prior notification to the Authority;	14° ne pas arrêter d'utiliser la machine de facturation électronique agréée pendant douze (12) heures sans en informer au préalable l'Autorité;
15° kumenyesha Ubuyobozi imikorere mibi y'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe cy'amasaha atandatu (6);	15° to report malfunctions of certified electronic billing machine to the Authority within six (6) hours;	15° informer l'Autorité du mauvais fonctionnement de la machine de facturation électronique agréée dans un délai de six (6) heures;
16° kubika mu Rwanda imashini y'inyezabwishyu;	16° to keep the SDC in Rwanda;	16° garder la machine à reçu au Rwanda;

<p>17° mu gihe imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi igurishijwe cyangwa se igakurwaho, imashini y'inyemezabwishyu yayo igomba kubikwa n'uwayikoreshaga;</p>	<p>17° to preserve the SDC in the event of sale or scrapping of a certified electronic billing machine;</p>	<p>17° en cas de vente ou de destruction de la machine de facturation électronique agréée, la machine à reçu doit être préservée par l'utilisateur;</p>
<p>18° imashini y'inyemezabwishyu igomba kubikwa n'uwayikoreshaga nibura mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) ahantu hizewe kandi hagenwe n'uwayikoze. Ibyo kandi bigomba gukorwa no ku mashini zasimbuwe kugira ngo zivanweho cyangwa se zasimbuwe kubera indi mpamvu iyo ari yo yose;</p>	<p>18° to preserve the SDC for at least twelve (12) months in a secure manner recommended by manufacturer. This also shall apply to a SDC which has been replaced to be dismantled or has been replaced for some other reason;</p>	<p>18° la machine à reçu doit être préservée par l'utilisateur pendant au moins douze (12) mois de manière sécurisée recommandée par le fabricant. Cela s'applique également à la machine à reçu qui a été remplacée pour être démantelée ou pour une autre raison;</p>
<p>19° kugira amasezerano y'ubugure yemewe n'umucuruzi ubifitiye uburenganzira;</p>	<p>19° to have a valid purchase contract for the certified electronic billing machines from an authorized supplier;</p>	<p>19° avoir un contrat valable pour l'achat de la machine de facturation électronique agréée auprès d'un fournisseur autorisé;</p>
<p>20° ntashobora gutangira ubucuruzi bwe adafite imashini y' ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi, kandi ikaba yarashyizwe ahantu hacururizwa;</p>	<p>20° not to start business activity without acquisition of a certified Electronic billing machine with and its installation at sales location;</p>	<p>20° ne pas démarrer l'activité commerciale sans l'acquisition de la machine de facturation électronique agréée et sans l'avoir installée à l'emplacement de vente;</p>
<p>21° gutanga amakuru afatika ku nyandiko asahiraho uruhushya rwo gutangira gukoresha imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi kugira ngo iyo mashini ihabwe umuyoboro utuma itangira gukoreshwa;</p>	<p>21° to provide accurate information about sales outlet where electronic billing machine shall be operating on the application form for system activation;</p>	<p>21° fournir des informations précises sur les points de vente où la machine de facturation électronique agréée doit être opérationnelle sur le formulaire de demande pour l'activation du système;</p>
<p>22° guha Ubuyobozi raporo ijyanye n'isimbuza ry'imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu masaha cumi n'abiri</p>	<p>22° to report to the Authority about electronic billing machine replacement in twelve (12) hours after Electronic billing machine is replaced or moved out from registered sales</p>	<p>22° donner rapport à l'Autorité sur le remplacement d'une machine de facturation électronique agréée dans douze (12) heures après que la machine ait été</p>

<p>(12) uhereye igihe ubwo buryo bwashimurijwe cyangwa se bwakuwe ahantu hagenewe kugurishirizwa kubera impamvu runaka;</p>	<p>outlet for any reason;</p>	<p>remplacée ou déplacée hors du point de vente enregistré pour une raison quelconque;</p>
<p>23° gusaba Ubuyobozi kuvana imashini ye ku muyoboro utuma imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ikoresha mu gihe ahagaritse ibikorwa bye by'ubucuruzi;</p>	<p>23° to submit request to the Authority for electronic billing machine deactivation in case of cessation of business activity;</p>	<p>23° soumettre la demande à l'Autorité pour la désactivation de la machine de facturation électronique agréée en cas de cessation d'activité;</p>
<p>24° gutanga inyemezabuguzi yemewe itanzwe n'imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi hatitawe ko umukiriya yaba ayishaka cyangwa atayishaka, mu gihe cyose hari nibura imashini imwe ikora iri ahantu hacururizwa;</p>	<p>24° issue certified receipt printed by Electronic billing machine, regardless if client is requiring or rejecting to take certified receipt, in case there is at least one electronic billing machine functioning properly at sales location;</p>	<p>24° délivrer un reçu imprimé par la machine de facturation électronique agréée, indépendamment de la volonté du client d'en exiger ou ne pas en exiger la remise, dans le cas où il y a au moins une machine de facturation électronique agréée qui fonctionne correctement au point de vente;</p>
<p>25° gutanga inyandiko yo gusubiza amafaranga yanditswe n'imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe haba hari nibura imashini imwe ikora neza aho bacururiza no kubika inyandiko ziyanye n'iryo subiza hakurikijwe amabwiriza ya Komiseri Mukuru;</p>	<p>25° to issue certified refund receipt printed by certified electronic billing machine in case that there is at least one certified electronic billing machine functioning properly at sales location and document refund in accordance with refund procedure specified by Commissioner General's instructions;</p>	<p>25° délivrer un reçu de remboursement imprimé par la machine de facturation électronique agréée dans le cas où il y a au moins une machine de facturation électronique qui fonctionne correctement au point de vente et garder les documents en rapport avec le remboursement conformément à la procédure de remboursement déterminée par les instructions du Commissaire Général;</p>
<p>26° gutanga inyemezabuguzi ebyiri zanditswe n'intoki hatitawe ko umuguzi ashaka cyangwa se adashaka inyemezabuguzi mu gihe nta mashini y'ikoranabuhanga mu gutanga</p>	<p>26° to issue invoices written by hand in two specimens, regardless if the client is requiring or rejecting to take invoice, in case there is no certified electronic billing machine functioning properly at the sales</p>	<p>26° émettre des factures écrites à la main en deux exemplaires, sans tenir compte de la volonté du client de prendre ou de ne pas prendre la facture, au cas où il n'y a pas de machine de facturation électronique agréée</p>

- inyemezabuguzi ikora neza ihari no kubika nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) imwe muri izo nyemezabuguzi hamwe n'indi y'umwimerere itangwa n'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi nyuma y'uko zongera gukora nk'uko bisanzwe;
- 27° gutanga inyemezabuguzi yo gusubiza amafaranga mu gihe bibaye ngombwa ko hari asubizwa ku nyemezabuguzi yari yatanze kubera ko basanze hari harabayemo ikosa; iyo nyemezabuguzi yo gusubiza amafaranga igomba kubikwa ikurikirana na ya nyemezabuguzi y'umwimerere hamwe n'imyandiko zose z'ibimenyetso zijyanye n'uko gusubiza amafaranga nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru;
- 28° kumenyesha Ubuyobozi mu nyandiko mu masaha cumi n'abiri (12) ko imashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi idakora mu gihe habayeho kwibwa, cyangwa se ukundi kononekara kwaterwa n'impamvu zidasanzwe nk'imyuzure, inkongi y'umuriro, umutingito, impanuka y'ubwikorezi n'ibindi nk'iby. Iryo menyesha rigomba kuba riherekejwe na kopi ya raporo y'umuyobozi ubifitiye ububasha. Mu gihe ibikorwa by'ubucuruze bikomeje, umusoresha agomba kugura ibindi bikoresho
- location and at least for ten (10) years and keep second specimen of invoice handwritten together with original certified receipt printed after certified electronic billing machine is recovered;
- 27° to issue certified refund receipts in case of necessary balance correction for previously issued certified receipt due to entry error. Refund receipt in this case shall be in consecutive order from original receipt followed by documented evidence, in accordance with refund procedure specified by Commissioner General's instructions;
- 28° to notify the Authority in writing about termination of certified electronic billing machines operation in twelve (12) hours due to theft or damage by force majeure like flood, fire, earthquake, accident in transportation or similar. This notification shall be accompanied by copy of report from competent authority. If business activity is continuing, a taxpayer shall purchase a new certified electronic billing machine within eight (8) working days;
- qui fonctionne correctement au point de vente et garder, au moins pendant dix (10) ans, le deuxième spécimen de la facture écrite à la main avec la facture originale émise après que la machine de facturation électronique ait été remise en état de fonctionnement normal;
- 27° délivrer un reçu de remboursement certifié en cas de correction de la différence nécessaire pour le reçu certifié précédemment émis si on se rend compte qu'il y a eu une erreur d'entrée. Dans ce cas, le reçu de remboursement doit être dans l'ordre consécutif du reçu original, suivie par des preuves documentées conformément à la procédure de remboursement déterminée par les instructions du Commissaire Général;
- 28° notifier à l'Autorité par écrit l'arrêt des opérations des machine de facturation électronique agréée dans (12) heures en cas de vol ou de dommages causés par la force majeure tel que l'inondation, l'incendie, le tremblement de terre, l'accident de transport ou faits similaires. Cette notification doit être accompagnée par une copie du rapport de l'autorité compétente. Si l'activité commerciale se poursuit, le contribuable est obligé d'acheter une nouvelle machine de facturation électronique agréée dans les huit (8) jours ouvrables;

by'Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe cy'iminsi umunani(8) y'akazi;

29° kugira imashini y'inyemezabwishyu (SDC) ikora neza ikaba ikorana igihe cyose n'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi(CIS);

30° kutagira ikintu akora ku mashini y'Ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi akoresha amajaniha anyuranye y'umusoro ku bicuruzwa na serivise, usibye ibiteganijwe n'Ubuyobozi;

31° izindi nshingano zose zishobora gushyirwaho na Komiseri Mukuru.

29° to keep the proper functional SDC connected to CIS all the time;

30° not perform operations on certified electronic billing machine applying different tax rates for goods and services other than the ones officially prescribed by the Authority;

31° any other obligation that may be determined by the Commissioner General.

29° garder la machine à reçu qui fonctionne correctement connectée au SFC en permanence;

30° ne pas effectuer des opérations sur la machine de facturation électronique agréée en appliquant des taux de taxe différents pour les biens et services autres que ceux prescrits officiellement par l'Autorité;

31° toute autre obligation pouvant être déterminée par le Commissaire Général.

**Ingingo ya 12: Gutanga uburenganzira k'ugurisha n'ushyikiriza abaguzi ibicuruzwa uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe n'iimashini y'inyemezabwishyu**

**Article 12: Licensing of CIS and SDC supplier and its distributors**

**Article 12: Octroi de licence aux fournisseurs et distributeurs des SFC et des machines à reçu**

Kugurisha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi cyangwa imashini z'inyemezabwishyu bwemewe bikorwa n'ugurisha cyangwa ushyikiriza abaguzi ibicuruzwa wabiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi. Ibisabwa kugira ngo umucuruzi ahabwe ubwo burenganzira bigenwa n'Amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

Any supply of CIS or SDC devices shall be made by a supplier or a distributor duly licensed by the Authority. Conditions to license the suppliers or distributor are determined by Commissioner General's instructions.

Toute livraison du SFC ou de la machine à reçu est faite par un fournisseur ou un distributeur dûment autorisé par l'Autorité. Les conditions d'octroi de la licence sont fixées par les instructions du Commissaire Général.



**Ingingo ya 13: Inshingano z'ugurisha uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu**

Umucuruzi w'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu afite inshingano zikurikira:

- 1° kugenzura ko uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi cyangwa imashini nyemezabwishyu n'ibikoresho bikenerwa kuri iyo mashini bijyanye n'ibipimo ndetse n'ibisabwa ku rwego mpuzamahanga bigenwa n'ubuyobozi ;
- 2° kugurisha no kugemurira gusa abakoresha ibikoresho by'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi cyangwa imashini nyemezabwishyu byemewe;
- 3° kwereka ubuyobozi urugero rw'imashini ikoresha mu buryo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu ndetse n'ibindi byangombwa bisabwa n'Ubuyobozi mu gihe cyo gusaba kwemererwa ;
- 4° kwishyura amafaranga atangwa ku igeragezwa n'iyerekanwa ry'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu bisabirwa kwemerwa kugurishwa;

**Article 13: Obligations of a supplier of CIS or SDC**

The supplier of CIS or SDC shall have the following obligations:

- 1° to ensure that CIS or SDC and their accessories are manufactured according to the international standards and specifications set by the Authority;
- 2° to sell and distribute to users only accredited CIS or SDC devices ;
- 3° to provide the Authority with sample of CIS or SDC devices and all documentation required by the Authority when applying for a certificate;
- 4° to cover the expenses for testing and demonstration of CIS or SDC for which license is requested;

**Article 13: Obligations du fournisseur du SFC ou de la machine à reçu**

Le fournisseur du SFC ou de la machine à reçu est soumis aux obligations ci-dessous:

- 1° s'assurer que le SFC ou la machine à reçu et leurs accessoires sont fabriqués selon les normes et les spécifications internationales déterminées par l'Autorité;
- 2° vendre et distribuer uniquement aux utilisateurs les appareils du SFC ou de la machine à reçu accrédités;
- 3° fournir à l'Autorité un échantillon de l'appareil SFC ou de la machine à reçu et toutes les documentations requises lors de la demande de certification;
- 4° couvrir les dépenses d'essai et de démonstration du SFC ou de la machine à reçu pour lesquels la licence est demandée;

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 5° guha Ubuyobozi inomero ya seri y'imashini mpamyabwishyu mbere yo kuyigurisha;   | 5° to submit to the Authority the SDC serial number prior to sale ;   | 5° fournir à l'autorité le numero de série de la machine à reçu avant toute vente;  |
| 6° gutanga garanti yo gukomeza gutanga ibikoresho bikenerwa byo gusimbuza ibidakora izo mashini zikenera mu gihe cy'imyaka itatu (3) nibura uhereye ku itariki izo mashini zaguriweho.   | 6° to guarantee the continuous supply of spare parts for CIS and /or SDC for a minimum period of three (3) years starting from the date of sale;  | 6° garantir l'approvisionnement des pièces de rechange du SFC ou de la machine à reçu pour une période minimale de trois (3) ans à dater du jour de la livraison;   |
| 7° gukemura ikibazo cyavutse mu ikoresha ry' izo mashini mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani(48) uhereye igihe uzikoresha abimumenyesheje;  | 7° to repair certified electronic billing machine within forty eight (48) hours of being reported by the user ;   | 7° réparer la machine de facturation électroniques agréées dans un délai de quarante huit (48) heures après la demande de l'utilisateur;  |
| 8° gutanga amahugurwa ku bakoresha ubwo buryo n'iyi mashini;   | 8° to provide training to users;  | 8° fournir la formation aux utilisateurs;   |
| 9° guha Ubuyobozi raporo mu buryo bugenwa na Komiseri Mukuru, ikubiyemo imashini z'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe cyangwa imashini nyemezabwishyu zagurishijwe, inomero y'ubwoko, itariki yo kugurishwa, inomero iranga usora uyikoresha (TIN) n'aho ubucuruzi bwe bukorerwa; | 9° to file a report to the Authority, in a manner prescribed by the Commissioner General, that lists the CIS or SDC devices sold, including the manufacture's serial number, model number, date of sale, user's TIN and business address; | 9° faire le rapport à l'Autorité, selon les modalités définies par le Commissaire Général, indiquant les appareils du SFC ou des machines à reçu vendus, y compris le numéro de série la fabrication, le numéro du modèle, la date de vente, le NIF de l'utilisateur et l'adresse du lieu de vente; |
| 10° kubika amakuru ajyanye n'imashini z'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe na numero y'imashini nyemezabwishyu zatumijwe hanze n'izagurishijwe, harimo numero y'imashini (MRC), inomero y'imashini  | 10° to keep information of imported and sold CIS or SDC devices, including the MRC, SDC identification number, TIN and business address of the user for at least three (3) years from the date of sale.                                   | 10° garder les informations des SFC ou de la machine à reçu importés et vendus, y compris le CEM, le numéro d'identification de la machine à reçu, le NIF et l'adresse du lieu de vente de l'utilisateur pendant au moins trois (3) ans   |

<p>y'inyemezabwishyu (SDC), inomero iranga uyikoresha wayiguze n'aho abarizwa nibura mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye ku itariki yo kugura ubwo buryo;</p>	<p>à dater du jour de la vente.</p>	
<p>11° kuba afite uruhushya ruteganywa mu ngingo ya 8 y'iri teka, mu gihe habayeho guhindura ibyuma cyangwa ubwoko bumwe cyangwa bwinshi bw'ubwo ubwo buryo bw'imashini zikoresha umuriro mu gutanga inyemezabuguzi;</p>	<p>11° to obtain prior accreditation as per Article 8 of this Order in the case of hardware or software changes performed on one or more CIS models;</p>	<p>11° obtenir l'accréditation préalable prévue à l'article 8 du présent arrêté en cas de modifications sur le matériel ou des logiciels réalisées sur un ou plusieurs modèles de la SFC;</p>
<p>12° gukora ku buryo inomero yihariye y'imashini ya buri buryo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe (CIS) na buri bwoko bw'imashini y'inyemezabwishyu biba bizwi neza n'Ubuyobozi mbere yo kubigurisha no gushyira ahagaragarira buri wese iyo nomero yihariye y'imashini n'ubwoko bw'imashini y'inyemezabwishyu kuri buri mashini yagurishijwe;</p>	<p>12° to ensure that the Machine Registration Code for each CIS and SDC is identified by the Authority before selling it and display sticker with MRC or SDC identification on visible place and in permanent manner for each CIS or SDC sold;</p>	<p>12° s'assurer que le code d'enregistrement de la machine pour chaque SFC et machine à reçu est identifié par l'Autorité avant de le vendre et afficher le CEM ou l'identification de la machine à reçu à l'endroit visible et de manière permanente pour chaque SFC ou machine à reçu vendu (e);</p>
<p>13° gukurikiza ibisabwa byose mu kugurisha no gushyira ku muyoboro utuma imashini zitangira gukora mu buryo bugenwa n'Ubuyobozi;</p>	<p>13° to follow procedure for certified electronic billing machine sale and activation in a manner designated by the Authority;</p>	<p>13° respecter la procédure de vente des machines de facturation électronique agréées et de leur activation telle que déterminée par l'Autorité;</p>
<p>14° guha umuguzi uzakoresha Imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi yasabwe mu nyandiko isaba ko ishyingirwa ku muyoboro w'Ubuyobozi utuma ikoreshwa, mu gihe</p>	<p>14° to deliver certified electronic billing machine requested on the Authority activation form to the user in the time designated for delivery on the form and any possible delay shall be justified and</p>	<p>14° livrer à l'utilisateur la machine de facturation électronique agréée demandée sur le formulaire d'activation de l'Autorité dans le délai prévu pour la livraison, tout retard éventuel devant être justifié et un</p>

<p>cyo kuyitanga cyateganyijwe kuri iyo nyandiko kandi ugukererwa ko kuyitanga uko ari ko kose kugatangirwa ibisobanuro ndetse n'inyandiko y'uko gukorerwa ikamenyeshwa umuguzi n'Ubuyobozi;</p>	<p>notice of delay shall be addressed to both the user and the Authority;</p>	<p>avis de retard adressé à la fois à l'utilisateur et à l'Autorité;</p>
<p>15° gutanga agatabo kagaragaza imikorere y'imashini mu gihe cyo kuyigurisha;</p>	<p>15° to include user manual with certified electronic billing machine upon equipment delivery;</p>	<p>15° délivrer le manuel de l'utilisateur en même temps que la machine de facturation électronique agréée à la livraison d'équipement;</p>
<p>16° kubika inyandiko zerekeranye n'amasosiyete ashidikiriza izo mashini abaguzi kandi akamenyeshwa Ubuyobozi mu nyandiko mu gihe hari impinduka zabaye muri iyo gahunda yo kuzishidikiriza abaguzi;</p>	<p>16° keep records of Distributor companies and notify the Authority in writing if any changes in distribution network occur;</p>	<p>16° tenir des registres des entreprises de distributeurs et notifier à l'Autorité par écrit en cas de changements dans le réseau de distribution;</p>
Companies also, are obliged to indicate annual tax declaration accompanied by a balance sheet and full accounts, established on the day of closure of the tax period.

En même temps que la déclaration fiscale annuelle, elles présentent un bilan et des comptes complets établis au jour de la clôture de l'exercice fiscal.



<p><b>Icyiciro cya 2: Ibyerekeye gusubika imenyeshya ry'umusoro</b>  <b>Ingingo ya 16: Kongera igihe cy'imenyeshya</b></p>	<p><b>Section 2: Postponement of tax declaration</b>  <b>Article 16: Filing extension</b></p>	<p><b>Section 2 : Du report des déclarations d'impôt</b>  <b>Article 16 : Prorogation du délai de remise de la déclaration</b></p>
<p>Umusoreshwa ashobora gusaba Komiseri Mukuru kongererwa igihe cyo kumenyeshya umusoro mu gihe atanze impamvu kandi akagaragaza ingorane zifatika zimutera kutamenyeshereza umusoro ku gihe. Umusoreshwa yandikira Komiseri Mukuru mbere y'uko itariki y'imenyeshya irenga.</p>	<p>The taxpayer may apply to the Commissioner General for an extension of the deadline for filing the tax declaration if sufficient proof of the reasons and difficulties faced in filing the tax declaration on time is given. The taxpayer makes a written request to the Commissioner General before the original filing date expires.</p>	<p>Le contribuable peut solliciter du Commissaire Général une prorogation du délai de remise de la déclaration d'impôt s'il apporte des preuves suffisantes des difficultés incontournables qu'il éprouve pour remettre la déclaration dans le délai imparti. Le contribuable adresse une demande écrite au Commissaire Général avant l'expiration du délai de remise de la déclaration..</p>
<p>Komiseri Mukuru ashobora kongerera umusoreshwa igihe cy'imenyeshya ry'umusoro abinyujije mu nyandiko.</p>	<p>The Commissioner General may provide the taxpayer in writing with an extension of the deadline for filing the tax declaration.</p>	<p>Le Commissaire Général peut accorder par écrit au contribuable un report de la date limite prévue pour la remise de la déclaration d'impôt.</p>
<p>Kongererwa igihe cy'imenyeshya ntacyo bihindura ku muni wo kwishyura umusoro cyangwa ngo bihagarike kwiyongera ku inyungu z'ubukererwe.</p>	<p>Extension of a deadline for tax declaration neither affects the deadline for the tax payment nor suspends the accrual of interest.</p>	<p>Le report de cette date est sans effet sur la date limite de paiement de l'impôt et ne suspend pas le cours des intérêts.</p>
<p><b>Icyiciro cya 3: Ibyerekeye imenyeshya ry'umusoro ufatirwa n'ubwishyu</b></p>	<p><b>Section 3: Withholding declarations and payments</b></p>	<p><b>Section 3 : Des déclarations d'impôt retenu à la source et des paiements</b></p>
<p><b>Ingingo ya 17: Inyandiko zisabwa uwafatiriye umusoro</b></p>	<p><b>Article 17: Records to be kept by withholding agents</b></p>	<p><b>Article 17 : Les documents à conserver par l'agent qui a retenu l'impôt</b></p>
<p>Umuntu ushinze gufatira umusoro abika kandi akereka Ubuyobozi bw'Imisoro, mu rwego rw'igenzura, inyandiko za buri gihe cy'isoreshya zigaragaza:</p>	<p>A withholding agent maintains and makes available for inspection by the Tax Administration, records showing, in relation to each tax period:</p>	<p>L'agent chargé de retenir l'impôt à la source conserve et tient à la disposition de l'Administration fiscale, pour inspection, les documents montrant pour chaque exercice fiscal :</p>
<p>1°ubwishyu bwakorewe uwishyuwe; 2°umusoro wafatiriwe kuri ubwo bwishyu.</p>	<p>1°payments made to a payee; 2°tax withheld from those payments.</p>	<p>1° les paiements faits à un bénéficiaire ; 2° l'impôt retenu sur ces paiements.</p>
<p>Ufatira umusoro yohereza kopi y'inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu</p>	<p>The withholding agent sends a copy of records mentioned in paragraph one of this article in a</p>	<p>L'agent chargé de retenir l'impôt à la source transmet au Commissaire Général une copie des documents à tenir en</p>

buryo, ishusho n'igihe bigenwa na Komiseri Mukuru kandi akishyura mu Buyobozi bw'Imisoro, umusoro yafatiriye mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ukwezi yakiriyemo ubwishyu.

**Ingingo ya 17 bis: Igihe cy'imenyekanisha ry'umusoro ku bihembo**

*(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya 3 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

Ku basoreshwa bafite igicuruzo rusange ku mwaka kingana cyangwa kiri muni ya miliyoni magana abiri (200.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda, imenyekanisha ry'umusoro ku bihembo ritangwa rimwe mu gihembwe hamwe n'umusoro ugomba kwishyurwa mu gihe cy'iminsi 15 nyuma y'irangira ry'igihembwe kijyanye n'umusoro ku bihembo.

Umusororeshwa uvugwa mu gika kibanziriza iki ashobora guhitamo kumenyekanisha ku bushake buri kwezi umusoro ku bihembo.

Komiseri Mukuru ashiraho amabwiriza asobanura uburyo bwo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku bihembo ku gihembwe.»

manner, form and the intervals prescribed by the Commissioner General and pays in the Tax Administration the tax withheld within fifteen (15) days following the end of the month in which he or she received the payments.

**“Article 17 bis: Time for declaration of Pay As You Earn (PAYE)**

*(As provided by article 3 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

For taxpayers whose annual turnover is equal or less than two hundred million (200.000.000) Rwandan francs, the Pay As You Earn shall be quarterly and deposited with payment of the tax due within 15 days after the end of the quarter to which the Pay As You Earn is referred.

The taxpayer referred to in the preceding Paragraph may opt for a monthly voluntary declaration of the Pay as You Earn.

The Commissioner General shall determine the modalities of declaration and payment of Pay As You Earn on a quarterly basis.”

vertu de l'alinéa premier du présent article, selon les modalités, la forme et la périodicité prescrites par le Commissaire Général, et transfère l'impôt retenu aux comptes de l'Administration fiscale dans les quinze (15) jours après la fin du mois au cours duquel le paiement a été effectué.

**«Article 17 bis: Délai de la déclaration de la taxe professionnelle sur les rémunérations (TPR)**

*(Tel que prévu par l'article 3 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :*

Pour les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions (200.000.000) de francs rwandais, la déclaration de la taxe professionnelle sur les rémunérations est trimestrielle et est déposée avec paiement de la taxe due endéans 15 jours après la fin du trimestre auquel la taxe professionnelle sur les rémunérations se rapporte.

Le contribuable visé à l'alinéa précédent peut opter pour la déclaration mensuelle de la taxe professionnelle sur les rémunérations.

Le Commissaire Général détermine les modalités de déclaration et paiement de la TPR trimestriellement.»

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE IKORWA RY'INYANDIKO IGENA UMUSORO**

**CHAPTER IV: ISSUANCE OF A NOTICE OF ASSESSMENT**

**CHAPITRE IV : DE L'ÉTABLISSEMENT D'UNE NOTE D'IMPOSITION**

**Ingingo ya 18: Igihe hakorwa inyandiko igena umusoro**

**Article 18: Cases of issuance of a notice of assessment**

**Article 18: Cas d'établissement d'une note d'imposition**

Inyandiko igena umusoro ikorwa mu gihe:

A notice of assessment is issued when:

Une note d'imposition est établie lorsque :

1° umusoresha yateguye inyandiko y'imenyeshya ry'umusoro kuri akishyura umusoro mu gihe giteganyijwe;  
2° umusoresha yateguye inyandiko y'imenyeshya ry'umusoro mu gihe giteganyijwe, ariko ntiyishyurire umusoro igihe;

1° the taxpayer files the tax declaration and pays the tax due on time;

1° le contribuable introduit la déclaration d'impôt et paye l'impôt dans le délai imparti ;

2° the taxpayer files the tax declaration on time but has not paid the tax on time;

2° le contribuable introduit la déclaration d'impôt dans le délai imparti mais n'a pas payé l'impôt à l'échéance prévue ;

3° Ubuyobozi bw'Imisoro busoresheje umusoresha nyuma y'iperereza n'igenzura;

3° the Tax Administration applies to the taxpayer after investigations and audit;

3° l'Administration fiscale applique la procédure d'imposition contradictoire ou d'imposition d'office;

4° hari ibimenyetso simusiga by'uko uburyo bwo kwakira umusoro bubangamiwe, biturutse ku miterere y'umutungo w'umusoresha cyangwa umusoresha afite umugambi wo kudatanga umusoro.

4° there are serious indications that the possibilities for effective tax collection are in jeopardy, due to the financial position of the taxpayer or due to the taxpayer's intentions to evade taxation.

4° il existe des indications sérieuses que le recouvrement effectif de l'impôt est menacé en raison de la situation financière du contribuable ou de son intention de faire obstacle à ce recouvrement.

Ubuyobozi bw'Imisoro bwoherereza umusoresha kopi y'inyandiko igena umusoro.

The Tax Administration sends a copy of the notice of assessment to the taxpayer.

L'Administration fiscale adresse une copie de la note d'imposition au contribuable.

Umusoresha yishyura umusoro agomba gutanga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) inyandiko igena umusoro imugezeho, uretse icyo umusoro wari warishyuye.

The taxpayer pays the tax due within seven (7) days from the receipt of notice of assessment, unless the tax was already paid.

Le contribuable paye l'impôt dû dans les sept (7) jours de la réception de la note d'imposition, sauf si l'impôt a été déjà acquitté.

Inyandiko igena umusoro ni ikimenyetso cyemewe n'amategeko gishingirwaho mu kwishyura umusoro, inyungu z'ubukererwe, amahazabu n'amafaranga yose atangwa mu kwishyura.

The notice of assessment constitutes full legal basis for the recovery of tax, interest, penalties and all costs incurred collection.

La note d'imposition constitue un titre exécutoire complète pour le recouvrement de l'impôt, des intérêts, des amendes et des frais de recouvrement.

**Ingingo ya 19: Ibikubiye mu nyandiko igena umusoro**

Inyandiko igena umusoro igaragaza:

- 1° amazina y'umusoreshwa, numero asoreraho n'aho abarizwa;
- 2° uburyo umusoro ubarwa n'umusoro ugomba kwishyurwa ;
- 3° imenyeshya ry'umusoro cyangwa inyandiko iyikosora, inyandiko igena umusoro ishingiyeho;
- 4° itariki inyandiko igena umusoro yakoreweho;
- 5° aho Komiseri Mukuru ugezweho ubujurire abarizwa;
- 6° ibisabwa kugira ngo ubujurire bukorwe.

**Article 19: Content of the notice of assessment**

The notice of assessment mentions:

- 1° the taxpayer's name, taxpayer identification number and address;
- 2° the modalities of calculation of the tax and the amount of tax to be paid;
- 3° the tax declaration or its rectification note, the assessment notice on which the declaration is based;
- 4° the date of issuance of the notice of assessment;
- 5° the address of the Commissioner General to which an appeal has to be sent;
- 6° the conditions to be fulfilled in order to lodge an appeal.

**Article 19 : Contenu de la note d'imposition**

La note d'imposition mentionne :

- 1° le nom du contribuable, son numéro d'identification fiscale et son adresse ;
- 2° le calcul de l'impôt et le montant de l'impôt à payer ;
- 3° la déclaration d'impôt ou le redressement sur lesquels se fonde la note d'imposition
- 4° la date d'établissement de la note d'imposition;
- 5° l'adresse du Commissaire Général auprès duquel la réclamation doit être introduite ;
- 6° les conditions d'introduction de la réclamation.

**UMUTWE WA V: IBYEREKEYE IGENZURA N'IPEREREZA**      **CHAPTER V: AUDIT AND INVESTIGATIONS**      **CHAPITRE V: DES CONTRÔLES ET VÉRIFICATIONS**

**Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye ingingo rusange**

**Section one: General provisions**

**Section première : Dispositions générales**

**Ingingo ya 20: Ibisabwa mu igenzura n'iperereza**

**Article 20: Conditions in auditing and investigation**

**Article 20 : Obligations en cas de contrôle ou de vérification**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya mbere y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009):*

*(As modified and completed by article one of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 19 of 11/05/2009):*

*(Tel que modifié et complété par l'article premier de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n° 25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n°19 du 11/05/2009) :*

“Mu gihe cy'igenzura, Ubuyobozi bw'Imisoro busabwa kumenyesha, mu nyandiko, umusoreshwa ibi bikurikira:

“In case of audit, the Tax Administration is required to inform in writing, the taxpayer the following:

« En cas de contrôle, l'Administration fiscale est tenue d'informer le contribuable par écrit de ce qui suit:

1° ko azakorerwa igenzurwa nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko rikorwa Iyo umusoreshwa adashobora kuboneka mu gihe cy'iminsi irindwi (7) yandikira Ubuyobozi bw'imisoro asaba ko icyo gihe cyongerwa. Ariko kongera igihe ntibigomba kurenga iminsi cumi n'itanu (15) kandi bikorwa rimwe gusa;

1° that he or she will be audited at least seven (7) days before the audit is conducted. If the taxpayer is not ready in seven (7) days, he writes to the tax administration requesting for an extension. This extension should not exceed fifteen (15) days and can only be allowed once;

1° du contrôle au moins sept (7) jours avant. Lorsque le contribuable n'est pas prêt à être vérifié dans les sept (7) jours, il écrit à l'Administration Fiscale en sollicitant la prorogation de ce délai. Cette prorogation ne peut pas aller au delà de quinze (15) jours et n'est accordée qu'une seule fois;

2° aho igenzura rizakorerwa n'igihe rishobora kuzamara;

2° the place where the audit is to be conducted and the possible duration of the audit;

2° de l'endroit où le contrôle doit avoir lieu et de sa durée estimative ;

3° inyandiko iyo ari yo yose yihariye Ubuyobozi bw'Imisoro bukeneye kubona cyangwa ibimenyetso byihariye bisabwa.

3° any specific document the tax administration wants to see or any specific information it requires.

3° de tout document particulier que l'Administration fiscale souhaite consulter ou de tout renseignement particulier qu'elle demande.

Mu gihe cy'igenzura, umusoreshwa asabwa kwakira neza ikipe y'abagenzuzi b'imisoro no

In case of audit, the taxpayer is required to receive the tax audit team and to do the following:

En cas de contrôle, le contribuable est tenu de recevoir l'équipe des vérificateurs et de mettre à sa disposition :

gukora ibi bikurikira:

1° kuyiha aho gukorera;

2° kuyigezaho ibitabo n'inyandiko bivugwa mu ngingo ya 12, iya 13 n'iya 15 z'iri tegeko.

1° to provide the team with suitable premises;

2° to give the team books and records referred to in Articles 12, 13 and 15 of this Law.

1° un local de travail convenable ;

2° les livres et documents visés aux articles 12, 13 et 15 de la présente loi.

Igenzurwa risozwa n'inyandikomvugo ishyirwaho umukono n'umusoreshwa n'umugenzuzi. Iyo nyandiko mvugo igaragaza uko igenzura ryagenze, amakosa yagaragaye, n'inyandiko umusoreshwa atashoboye kugaragaza.

Audit is concluded by a statement of audit signed by both the taxpayer and the auditor. The statement of audit indicates the audit process, errors discovered, books and documents which were not provided by the taxpayer during audit.

La vérification est sanctionnée par un procès verbal signé par le contribuable et le vérificateur. Ce procès verbal indique le déroulement de la vérification, les erreurs constatées et les documents que le contribuable n'a pas présentés au cours de la vérification.

Umusoreshwa ntiyemerewe gutanga, ku rwego urwo ari rwo rwose rw'ubujurire, izindi nyandiko cyangwa ibitabo atagaragaje mu gihe cy'igenzura.

A taxpayer shall not be allowed to provide at any stage of appeal, any additional evidence that had not been produced during the audit.

Le contribuable n'est pas autorisé à produire, à n'importe quel niveau de recours un document additionnel qu'il n'avait pas fourni pendant la vérification.

Ibiteganyijwe mu gika kibanziriza iki ntibikurikizwa, iyo umusoreshwa abashije gutanga impamvu zifatika zatumye atagaragaza ibimenyetso mu gihe cy'igenzura“.

The preceding paragraph shall not apply in cases where the taxpayer has reasonable grounds justifying his/her inability to provide the required evidence during the audit period“.

Le paragraphe précédent ne s'applique pas lorsque le contribuable parvient à prouver qu'il était dans l'impossibilité de produire ces documents additionnels au cours de la vérification ».

**Ingingo ya 20 bis: Ibisabwa mu igenzura ryo gusubiza umusoro**

*(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya 2 y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n°19 yo kuwa 11/05/2009):*

**Article 20 bis: Conditions in refund audit**

*(As provided by article 2 of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n°19 of 11/05/2009):*

**Article 20 bis : Conditions en cas d'audit de restitution**

*(Tel que prévu par l'article 2 de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n° 25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 19 du 11/05/2009) :*

“Iyo habaye igenzura rigamije gusubiza umusoro cyangwa igenzura rigamije gusuzuma ikintu runaka cyihariye, Ubuyobozi bw'Imisoro busabwa kumenyesha, mu nyandiko, umusoreshwa ibi bikurikira:

“In case of a refund audit or issue oriented audit, the Tax Administration shall be required to inform in writing, the taxpayer the following:

« En cas d'audit de restitution ou d'audit spécifiquement orienté, l'Administration fiscale est tenue d'informer le contribuable par écrit de ce qui suit:

1° ko azakorerwa igenzurwa nibura iminsi itatu (3) mbere y'uko rikorwa;

1° that he or she shall be audited at least three (3) days before the audit is conducted;

1° du contrôle au moins trois (3) jours avant;

2° aho igenzura rizakorerwa n'igihe rishobora kumara;

3° inyandiko iyo ari yo yose yihariye Ubuyobozi bw'Imisoro bukeneye kubona cyangwa ibimenyetso byihariye bisabwa”.

**“Ingingo ya 20 ter: Igenzura rikorewe mu biro**

*(Nk’uko yashyizweho n’ingingo ya 4 y’itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y’isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

“Igenzura rikorewe mu biro rikorwa n’umugenzuzi mu biro bye ku kazi habonetse zimwe mu mpamvu zikurikira:

1° ibyacuujwe by’umusoro ku nyongeragaciro bitangana n’ibyacuujwe by’umusoro ku nyungu nta mpamvu;

2° amamenyekanisha y’imisoro adahura n’imisoro yishyuwe;

3° umusoroshwa yakuye mu nyungu zisoreshwa ibyatunze umwuga bitemewe;

4° fagitiri imwe cyangwa nyinshi zitamenyekanishijwe;

5° ikindi gihe cyose ubuyobozi bw’imisoro bwasanga bufite inyandiko zihagije zatuma hacibwa umusoro.

Mu gihe cy’igenzura rikorewe mu biro, si

2° the place where the audit is to be conducted and the possible duration of the audit;

3° any specific document the tax administration wants to see or any specific information it requires”.

**“Article 20 ter: Desk audit**

*(As provided by article 4 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

“Desk audit shall be conducted by an auditor in his/her office on any of the following grounds:

1° turnover of Value added Tax is not corresponding to the turnover of income tax without justification;

2° tax declarations are not corresponding to paid taxes;

3° the taxpayer deducted from tax base non deductible expenses;

4° one or more invoices were not declared;

5° any other situations where the tax administration has sufficient documents that can be used to assess taxes.

2° de l’endroit où le contrôle doit avoir lieu et de sa durée estimative ;

3° de tout document particulier que l’Administration fiscale souhaite consulter ou de tout renseignement particulier qu’elle demande ».

**«Article 20 ter: Audit au bureau**

*(Tel que prévu par l’article 4 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :*

«L’audit au bureau est conduit par un auditeur dans son bureau pour l’un quelconque des motifs suivants:

1° le chiffre d’affaires de la Taxe sur la Valeur Ajouté ne correspond pas au chiffre d’affaires de l’impôt sur le revenu sans raison;

2° les déclarations des impôts ne correspondent pas aux impôts payés;

3° le contribuable a déduit dans la base imposable des dépenses non déductibles;

4° une ou plusieurs factures n’ont pas été déclarées ;

5° tout autre cas où l’administration fiscale dispose des documents suffisants lui permettant d’établir les impôts.

Dans un audit au bureau, il n’est pas nécessaire

ngombwa kumenyesha umusoreshwa ko azagenzurwa. Ariko umusoreshwa ahamagarwa kugira ngo atange ibisobanuro mbere y'uko ahabwa inyandiko imuca umusoro.”

#### **Ingingo ya 21: Irindi genzura**

Ubuyobozi bw'Imisoro bugomba gukorera umusoreshwa igenzura inshuro imwe gusa ku musoro runaka cyangwa mu gihe runaka cy'isoreshwa. Irindi genzura riba ngombwa iyo habonetse izindi mpamvu zifatika nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru.

#### **Icyiciro cya 2: Ibyerekeye inshingano zo gutanga ibisobanuro**

##### **Ingingo ya 22: Uburenganzira ku bitabo no ku nyandiko**

Abisabwe n'umukozi wemewe, umusoreshwa agomba kumworohera kubona ibitabo n'inyandiko zivugwa muri iri tegeko, kimwe n'izindi nyandiko zifitanye isano na zo.

##### **Ingingo ya 23: Ibisobanuro bitangwa n'umusoreshwa**

Ibisobanuro byatswe n'Ubuyobozi bw'Imisoro mu nyandiko bigomba gutangwa mu minsi itarenze irindwi (7) y'akazi guhera igihe yabimenyesherejwe, keretse gusa iyo umusoreshwa agaragaje ingorane zifatika yahuye na zo mu gutegura no gutanga ibisobanuro asabwa.

Bisabwe n'Ubuyobozi bw'Imisoro mu nyandiko, kopi y'ibitabo by'ibaruramari cyangwa kopi ya

Under desk audit it shall not be necessary to inform in writing the taxpayer that he/she will be audited. However, the taxpayer shall be invited for explanation before issuance of notice of assessment.”

#### **Article 21: New audit**

The Tax Administration shall audit a taxpayer only once in respect of a certain tax or in a certain taxable period. A new audit may be necessary if there are concrete reasons as set out by rules issued by the Commissioner General.

#### **Section 2: Obligations to provide information**

##### **Article 22: Access to books and records**

Upon request by an authorized officer, the taxpayer is obliged to give access to books and records kept according to this Law, as well as all related documents.

##### **Article 23: Information given by the taxpayer**

Information demanded in writing by the Tax Administration shall be provided within a period of seven (7) working days, from the time the taxpayer was informed unless the taxpayer gives sufficient proof of difficulties faced in preparing and delivering the requested information.

Upon written request by the Tax Administration, a copy of or any part of the books of accounts kept or

d'informer par écrit le contribuable qu'il fera l'objet d'un audit. Toutefois, le contribuable est invité à fournir des explications avant qu'il ne lui soit remis une note d'imposition. »

#### **Article 21 : Nouveau contrôle**

L'Administration fiscale doit procéder à la vérification du contribuable une seule fois pour le même impôt et pour le même exercice. Un nouveau contrôle n'est possible que s'il y a de nouveaux éléments importants spécifiés par les directives existantes du Commissaire Général.

#### **Section 2 : Des obligations en matière de communication de renseignements**

##### **Article 22 : Accès aux livres et aux documents**

Le contribuable est tenu, sur requête d'un agent autorisé, de donner accès aux livres et documents tenus conformément à la présente loi ainsi qu'à tous les documents connexes.

##### **Article 23 : Renseignements à fournir par le contribuable**

Les renseignements que l'Administration fiscale demande par écrit doivent être fournis dans un délai de sept (7) jours ouvrables, sauf si le contribuable apporte des preuves suffisantes des difficultés qu'il a éprouvées pour établir et fournir les renseignements demandés.

Sur demande écrite de l'Administration fiscale, une copie de tout élément comptable ou de tout document connexe,



bimwe muri ibyo bitabo cyangwa y'indi nyandiko bifitanye isano, harimo urutonde rw'abaguzi n'urw'abagemuriye umusoreshwa, bigomba kugezwa ku Buyobozi bw'Imisoro mu minsi irindwi (7), keretse iyo umusoreshwa agaragaje, mu nyandiko guhera igihe yabimenyesherejwe, ingorane zifatika yahuye na zo mu gutegura no gutanga ibimenyetso asabwa. Umusoreshwa afite uburenganzira bwo kwaka icyemezo cy'uko ibisobanuro yatanze byakiriwe.

**Ingingo ya 24: Amakuru atangwa n'abandi batari umusoreshwa**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 5 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

«Bisabwe n'ubuyobozi bw'imisoro mu nyandiko, inzego z'ubuyobozi zose, zirimo Ubushinjacyaha, ubwanditsi bw' inkiko n'ubuyobozi bubushamikiyeho ndetse n'ibigo Leta ifitemo uruhare cyangwa iyobora, bigomba guha umusoresha amakuru yose akeneye harimo no kwerekana inyandiko zose z'umwimerere, za rojisitiri n'izindi nyandiko zihamya izo nzeho zitunze zidasohowe hanzu y'ikigo.

Ubuyobozi bw'imisoro bufite uburenganzira bwo guhabwa amakuru n'abandi bantu mu gihe bukeneye kumenya imiterere n'imikoreshereze by'umutungo w'umusoreshwa. Bushobora kuboherereza ibibazo byanditse bigomba gusubizwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15). Ibivugwa mu gika kibanziriza iki birubahirizwa no ku bantu cyangwa ibigo bafite inshingano yo kugira ibanga ry'akazi badatanze impamvu izari

any other related document, including lists of clients and lists of suppliers has to be provided to the Tax Administration within seven (7) days, unless the taxpayer gives sufficient proof of difficulties in writing faced in preparing and delivering the requested information. The taxpayer has the right to request for a confirmation of receipt of the information.

**Article 24: Information from third parties**

*(As modified and completed by article 5 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

“On written request by the Tax Administration, all administrative services, including the Public Prosecution, the Courts registry's Office, the subordinate authorities as well as all the public institutions in which the State holds shares or has governance over, shall provide the tax officer with all the information required and show all the original registers and other documents of certification of such institutions in their possession without transferring them outside their premises.

The Tax Administration shall have the right to obtain information from other persons, in case there is need to know fiscal information of taxpayers. The Tax Administration may send written questions which have to be answered within a period of fifteen (15) days.

The preceding Paragraph also shall apply to people or institution who are bound by professional secrecy without any other condition.

y compris des listes de clients et de fournisseurs, doit être fournie à l'Administration fiscale dans un délai de sept (7) jours, sauf si le contribuable apporte des preuves suffisantes des obstacles qu'il a éprouvés pour établir et fournir les renseignements demandés. Le contribuable est en droit d'en demander un accusé de réception.

**Article 24 : Informations fournies par des tiers**

*(Tel que modifié et complété par l'article 5 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :*

«Sur demande écrite de l'administration fiscale, tous les services administratifs, y compris l'Organe National de Poursuite, les greffes des cours et tribunaux et les autorités subalternes ainsi que les organismes et institutions qui relèvent de l'État ou auxquels celui-ci participe, sont tenus de fournir à l'agent autorisé toutes les informations qu'il requiert et de montrer, sans les déplacer, tous les documents originaux, registres et preuves qui sont en leur possession.

L'administration fiscale est en droit de recueillir des informations auprès des tierces personnes en vue de déterminer la situation fiscale d'un contribuable. Elle peut leur adresser des questions écrites, auxquelles il doit être répondu dans un délai de quinze (15) jours.

Le paragraphe précédent s'applique aussi aux personnes physiques ou morales tenues par le secret professionnel sans aucune condition.

zo zose.

Amakuru avugwa muri iyi ngingo arebana n'umusoreshwa asabwa gusa n'ubuyobozi bw'imisoro mu gihe bukora igenzura cyangwa iperereza.»

**Ingingo ya 25: Kwinjira mu kigo no mu nyubako hagamijwe gusaka no gufatira**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 6 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

«Umukozi wemewe ashobora gusura kandi akinjira mu kigo gikorwamo cy'umusoreshwa cyangwa icy'undi muntu wese nta nteguza yanditse atanze iyo ashaka amakuru arebana n'imisoro y'umusoreshwa. Muri icyo gihe, umukozi wemewe ashobora, iyo asanze ari ngombwa, gusaka no gufatira ibintu cyangwa ibitabo by'umusoreshwa bifatanye isano n'ibikorwa by'ubucuruzi.

Umukozi wemewe ashobora na none kwinjira mu mazu cyangwa mu nyubako bituwemo, gusaka no gufatira ibintu cyangwa ibitabo by'umusoreshwa bifatanye isano n'ibikorwa by'ubucuruzi, hagati ya saa moya za mu gitondo na saa kumi n'ebiyiri za nimugoroba, nyuma y'uko Umushinjacyaha ahaye ubuyobozi bw'imisoro uruhushya rwo gusaka. Mu kwaka uru ruhushya, ubuyobozi bw'imisoro busabwa gushyikiriza Umushinjacyaha ibi bikurikira:

The information referred to in this Article concerning the taxpayer is only required by the Tax Administration in case of audit or investigation.”

**Article 25: Entrance into premises for search and seizure**

*(As modified and completed by article 6 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

“The authorized officer may, without written notice, visit and enter into premises of the taxpayer or any other person in search of tax information about the taxpayer. In such case, the authorized officer may, if he/she considers it necessary, search and seize objects or documents related to the business activities of the taxpayer.

The authorized officer may also access the residential buildings or premises, search and seize objects or documents related to the business activities of the taxpayer, between 7:00 am to 6:00 pm, after the Prosecutor delivers a search warrant to the Tax Administration. In applying for a search warrant, the Tax Administration shall provide to the Prosecutor the following:

Les informations visées au présent article concernant le contribuable, ne sont requis par l'administration fiscale qu'en cas d'audit ou d'investigation.»

**Article 25 : Accès aux locaux pour perquisitioner et saisir**

*(Tel que modifié et complété par l'article 6 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :*

«L'agent autorisé peut, sans préavis écrit, visiter, pénétrer dans les locaux du contribuable ou de toute autre personne en quête des informations fiscales du contribuable. Dans ce cas, l'agent autorisé peut, s'il le juge nécessaire, perquisitioner et saisir des objets ou des documents liés aux activités commerciales du contribuable.

L'agent autorisé peut aussi accéder à des lieux ou à des locaux d'habitation, perquisitioner et saisir des objets ou des documents liés aux activités commerciales du contribuable, entre sept heures (7h00) du matin et six heures (18h00) du soir, après que l'officier de poursuite judiciaire délivre un mandat de perquisition à l'administration fiscale. Celle-ci mentionne dans la demande de mandat de perquisition ce qui suit:

1° amazina y'umusoreshwa, aho abarizwa n'icyo akora;	1° the name, address and activity of the taxpayer;	1° le nom, l'adresse et l'activité du contribuable;
2° aho ikigo cyangwa urugo ubuyobozi bw'imisoro bishaka gusaka biri;	2° the location of the premises or buildings the Tax Administration wants to visit;	2° la situation exacte des lieux ou des locaux d'habitation que l'administration fiscale souhaite visiter;
3° ibimenyetso simusiga ubuyobozi bw'imisoro bufite by'uko umusoreshwa yarigishije imisoro;	3° the serious indications of fraud the Tax Administration holds against the taxpayer;	3° les indices sérieux de fraude que l'administration fiscale détient à l'encontre du contribuable;
4° impamvu ubuyobozi bw'imisoro bwaka uruhushya rwo gusaka.	4° the reasons why the Tax Administration wants a search warrant.	4° les raisons pour lesquelles l'administration fiscale souhaite obtenir un mandat de perquisition.
Ubushinjacyaha busuzuma kandi bugafata ibyemezo ku byifuzo by'ubuyobozi bw'imisoro ingingo ku yindi mu gihe gito gishoboka.	The Public Prosecution shall verify and take decisions on the request of the Tax Administration, in the shortest period possible.	L'Organe National de Poursuite statue, cas par cas, sur la demande de l'administration fiscale dans le plus bref délai possible.
Iyo Ubushinjacyaha butanze uruhushya rwo gusaka, kopi yarwo ihabwa umusoreshwa mu gihe cy'isaka.	If the Public Prosecution gives the search warrant, its copy shall be given to the taxpayer during the search.	Si l'Organe National de Poursuite délivre un mandat de perquisition, une copie de la décision est remise au contribuable au moment de la perquisition.
Iyo ubuyobozi bw'imisoro bufite uruhushya rwo gusaka ruvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, bushobora kwiyambaza Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Umukuru w'Abapolisi cyangwa Umuyobozi w'Akarere kugira ngo isaka rikorwe.	In case the Tax Administration has the search warrant referred to in Paragraph 2 of this Article, it may seek the assistance of the Governor of the province or the Mayor of City of Kigali, the commander of Police or the Mayor of the District in order for the search to be conducted.	Lorsque l'administration fiscale détient le mandat de perquisition tel que prévu à l'alinéa 2 du présent article, elle peut demander l'aide et l'assistance du Gouverneur de Province ou du Maire de la Ville de Kigali, du chef de la police ou du Maire de District pour l'exécution du mandat.

**UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE ISORESHWA RIKOZWE N'UBUYOBOZI BW'IMISORO**

**CHAPTER VI: ASSESSMENT BY THE TAX ADMINISTRATION**

**CHAPITRE VI: DE L'IMPOSITION PAR L'ADMINISTRATION FISCALE**

**Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye guteganyiriza usororeshwa kwisobanura**

**Section one: Contradictory procedure**

**Section première : De la procédure contradictoire**

**Ingingo ya 26: Ingingo rusange**

**Article 26: General Provisions**

**Article 26 : Dispositions générales**

Iyo Ubuyobozi bw'Imisoro busanze hari umusoro

When the Tax Administration discovers a

Lorsque l'Administration fiscale découvre une erreur de

wabazwe nabi, utarabazwe, wagaragajwe nabi, watubijwe cyangwa irindi kosa mu nyandiko y'imenyesha ry'umusoro cyangwa mu igenzura, bufite uburenganzira bwo kubikosora.

### **Ingingo ya 27: Inyandiko ikosora**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 2 y'itegeko n° 38/2012 ryo kuwa 20/12/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 4 yo kuwa 28/01/2013):*

“Iyo habayeho gukosora inyandiko igena umusoro, ubuyobozi bw'imisoro bwoherereza umusororeshwa inyandiko ikosora. Iyo nyandiko iba ikubiyemo umushinga w'inyandiko ikosora n'ibindi bintu byose byashingiweho kugira ngo ikosorwa rikorwe. Inyandiko ikosora igaragaramo amahazabu agenwa n'ubuyobozi bw'imisoro iyo habayeho kutubahiriza amategeko agena imitunganyirize y'imisoro.

Umusororeshwa afite uburenganzira bwo kugaragaza mu nyandiko igitekerezo cye ku birebana n'inyandiko ikosora mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). Umusororeshwa ashobora kandi gushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro ibindi bimenyetso cyangwa se ibindi bisobanuro bigaragaza ko inyandiko yakosowe idasobanutse neza. Umusororeshwa afite uburenganzira bwo kwisobanura mu magambo yo yabisabye mu gisubizo cye.

Inyandiko ikosora ishobora gutangwa mu gihe cy'imyaka itanu (5) uherye ku itariki ya mbere Mutarama ikurikira igihe cy'isoresha. Iki gihe kimara imyaka icumi (10) mu gihe habayeho ibikorwa byo kunyereza umusoro.

miscalculation, an omission, a misrepresentation, an understatement of income or any other error in the tax declaration or an assessment, it has the right to issue an adjusted assessment.

### **Article 27: Rectification note**

*(As modified and completed by article 2 of the law n°38/2012 of 20/12/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 4 of 28/01/2013):*

“In case the tax declaration form is rectified, the tax administration shall send a rectification note to the taxpayer. The note shall contain a draft of the adjusted assessment and all the elements leading to the adjusted assessment. The rectification note shall contain administrative fines determined by the tax administration in case of non-compliance with the tax laws.

The taxpayer shall have the right to give his/her written opinion on the rectification note within thirty (30) days. The taxpayer may also transmit additional evidence or information to indicate that the adjusted assessment is incorrect. The taxpayer shall have the right to a hearing on condition that he/she requested for it in his/her reply.

The rectification note may be issued in a period of five (5) years, starting from January 1<sup>st</sup> following the tax period. This period shall be of ten (10) years in case of tax evasion.

calcul, une omission, une déclaration inexacte, une sous-estimation ou toute autre erreur dans la déclaration d'impôt ou dans une cotisation, elle est en droit de procéder à une rectification de l'imposition.

### **Article 27 : Avis de rectification**

*(Tel que modifié et complété par l'article 2 de la loi n°38/2012 du 20/12/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 4 du 28/01/2013) :*

« En cas de rectification du formulaire fiscal, l'administration fiscale transmet un avis de rectification de l'imposition au contribuable. Cet avis comprend un projet de rectification ainsi que tous les éléments qui entraînent celui-ci. L'avis de rectification peut comporter des amendes administratives déterminées par l'administration fiscale en cas de non-respect des lois fiscales.

Le contribuable a le droit de donner par écrit, dans un délai de trente (30) jours, des observations au sujet de l'avis de rectification. Le contribuable peut également transmettre des preuves complémentaires à l'administration fiscale ainsi que tout renseignement démontrant que le redressement est inexact. Le contribuable a le droit d'être entendu, pour autant que la demande d'audition figure dans la réponse.

L'avis de rectification peut être émis pendant une période de cinq (5) ans, à compter du 1<sup>er</sup> janvier de l'année qui suit l'exercice fiscal concerné. Cette période est de dix (10) ans en cas de fraude fiscale.

Inyandiko ikosora iba ntakuka:

1° ku musoreshwa, nyuma y'iminsi mironko itatu (30), iyo ntacyo yavuze ku nyandikoikosora;

2° nyuma y'uko ubuyobozi bw'imisoro bwoherereje umusoreshwa inyandiko imumenyesha ko ibisobanuro bye cyangwa se bimwe muri byo bidafite ishingiro;

3° iyo nyuma y'ibisobanuro mu magambo by'umusoreshwa bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ubuyobozi bw'imisoro bwamumenyesheje mu nyandiko ko ibisobanuro bye cyangwa bimwe muri byo bitemewe.

Isoresha rikosora ritubahirije ibivugwa muri iyi ngingo, nta gaciro rigira, akaba ari yo mpamvu hagomba gukorwa irindi genzura rikorwa inshuro imwe gusa.”

**Ingingo ya 27 bis : Inyandiko ikosora ikorwa mu igenzura ryo gushyiraho umusoro**

*(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n°19 yo kuwa 11/05/2009):*

“Iyo habaye igenzura rigamije gushyiraho umusoro cyangwa igenzura rigamije gushyiraho ikintu runaka cyihariye, umusoreshwa afite uburenganzira bwo kugaragaza mu nyandiko igitekerezo cye ku birebana n'inyandiko ikosora ivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko mu gihe

The rectification note is definitive:

1° to the taxpayer, after a period of thirty (30) days, in case he/she has not reacted to the rectification note;

2° after the tax administration has sent a notification to the taxpayer declaring that none or part of the observations of the taxpayer are not upheld;

3° after the hearing of the taxpayer as mentioned under Paragraph 2 of this Article, followed by a written notification by the tax administration to the taxpayer declaring that none or part of the observations of the taxpayer are not upheld.

Any tax assessment which does not respect provisions of this Article shall be null and therefore, another audit must be carried out only once.”

**Article 27 bis: Rectification note in case of refund audit**

*(As provided by article 4 of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n°19 of 11/05/2009):*

“In case of refund audit or issue oriented audit the taxpayer has the right to give his or her written opinion on the rectification note mentioned in Article 3 of this Law within five (5) days.

L'avis de rectification devient définitif:

1° à l'égard du contribuable s'il n'a pas réagi dans les trente (30) jours à l'avis de rectification;

2° lorsque l'administration fiscale a informé le contribuable que ses observations sont jugées non fondées, en totalité ou en partie;

3° lorsque, conformément à l'alinéa 2 du présent article, le contribuable a été entendu et l'administration fiscale l'a informé que ses observations sont jugées non fondées, en totalité ou en partie.

Tout redressement opéré sans tenir compte des dispositions du présent article est nul, et par conséquent, un nouvel audit doit être engagé une seule fois.»

**Article 27 bis : Avis de rectification en cas d'audit de restitution**

*(Tel que prévu par l'article 4 de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n° 25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n°19 du 11/05/2009):*

« En cas d'audit de restitution ou d'audit spécifiquement orienté, le contribuable a le droit de formuler, dans un délai de cinq (5) jours, des observations et des remarques écrites au sujet de l'avis de rectification mentionné à l'article 3 de la présente loi.

cy'iminsi itanu (5).

Inyandiko ikosora iba ntakuka:

A rectification note is definitive on the taxpayer:

Le redressement devient définitif :

1° ku musoreshwa, nyuma y'iminsi itanu (5), iyo ntacyo yavuze ku nyandiko ikosora;

1° after a period of five (5) days, in case he has not replied to the rectification note;

1° à l'égard du contribuable s'il n'a pas formulé dans les cinq (5) jours d'observations ou remarques sur l'avis de rectification ;

2° nyuma y'uko Ubuyobozi bw'Imisoro bwoherereje umusoreshwa inyandiko imumenyeshya ko ibisobanuro bye cyangwa se bimwe muri byo bidafite ishingiro“.

2° after the Tax Administration has sent a notification to the taxpayer declaring that none or a part of the observations or remarks of the taxpayer are upheld”.

2° lorsque l'Administration fiscale a informé le contribuable que ses observations ou remarques sont jugées non fondées, en totalité ou en partie ».

## Icyiciro cya 2: Ibyerekeye uburyo bw'isoresha nta nteguza

## Section 2: Assessment procedure without notice

## Section 2 : De la procédure d'imposition d'office

### Ingingo ya 28: Ingingo rusange

### Article 28: General Provisions

### Article 28 : Dispositions générales

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 5 y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009):*

*(As modified and completed by article 5 of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 19 of 11/05/2009):*

*(Tel que modifié et complété par l'article 5 de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n°19 du 11/05/2009) :*

“Ubuyobozi bw'Imisoro bufite uburenganzira bwo gusoresha nta nteguza mu gihe:

“The Tax Administration is entitled to start the estimated assessment procedure when:

« L'Administration fiscale est en droit d'entamer la procédure d'imposition d'office lorsque :

1° nta menyesha ry'umusoro ryakozwe;

1° no tax declaration has been made;

1° aucune déclaration d'impôt n'a été introduite ;

2° imenyeshya ry'umusoro ryakozwe nyuma y'umunsi wagenwe mu mategeko y'imisoro nta mpamvu ntarengwa ifatika yabiteye;

2° a tax declaration was filed after the day mentioned in the Law on Taxes and there was no proof given of “force majeure” justifying the delay in filing;

2° une déclaration d'impôt a été introduite après la date stipulée dans la loi relative à l'impôt et qu'il n'existe pas de preuve de l'existence d'un cas de force majeure qui justifie ce retard ;

3° imenyeshya ry'umusoro ritashyizweho

umukono n'ubifitiye ububasha;  
4° imenyeshya ry'umusoro ritaherekejwe n'inyandiko zose za ngombwa;  
5° umusoreshwa atorohereje abashinzwe igenzura ry'imisoro cyangwa ngo atange ibisobanuro yasabwe;  
6° ibitabo n'inyandiko bitakozwe nk'uko bisabwa n'amategeko; cyangwa iyo  
7° hari ibimenyetso simusiga by'inerezwa ry'umusoro”.

### **Ingingo ya 29: Uko isoresha nta nteguza rikorwa**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 3 y'itegeko n° 38/2012 ryo kuwa 20/12/2012 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 4 yo kuwa 28/01/2013):*

“Mu gihe hakozwe isoresha nta nteguza, ubuyobozi bw'imisoro bwoherereza umusoreshwa inyandiko rikubiyemo. Iyo nyandiko igomba kuba igaragaza impamvu zose zatumye rikorwa. Ishobora no kugararamo amahazabu yishyurwa agenwa mu gihe amategeko akena imitunganyirize y'imisoro atubahirijwe. Ibimenyetso byose ubuyobozi bw'imisoro bufite bishobora kwifashishwa mu gukora isoresha nta nteguza.

Umusoreshwa afite uburenganzira bwo kwandika agira icyo avuga ku nyandiko y'isoresha nta nteguza mu gihe cy'iminsi mirongo itatu(30).Ashobora kandi gushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro ubundi buhamya n'ibindi bimenyetso bigaragaza ko isoresha nta nteguza ritakozwe neza. Umusoreshwa afite uburenganzira

3° the tax declaration was not signed by a competent person;  
4° the tax declaration was not accompanied by all necessary documents;  
5° the taxpayer was unwilling to cooperate with a tax audit officer or did not provide the information requested;  
6° books and records were not kept as provided by law; or  
7° there are serious indications of tax fraud”.

### **Article 29: Description of the assessment procedure without notice**

*(As modified and completed by article 3 of the law n°38/2012 of 20/12/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 4 of 28/01/2013):*

“In the event of an assessment without notice procedure, the tax administration shall send a notification of the assessment without notice to the taxpayer. The notice shall contain all reasons why this was applied. It may also contain administrative fines in case of non-compliance with the tax laws. All proofs available to the tax administration can be used to carry out an assessment without notice.

The taxpayer shall have the right to give written observations and remarks to the notification of an assessment without notice within a period of thirty (30) days. He/she may also transmit additional evidence to the tax administration to prove that the assessment without notice was not properly conducted. The taxpayer shall have the right to a

3° la déclaration d'impôt n'est pas dûment signée;  
4° tous les documents nécessaires n'ont pas été joints à la déclaration ;  
5° le contribuable a refusé de coopérer avec un contrôle fiscal ou n'a pas répondu à une demande de renseignements ;  
6° les livres et registres n'ont pas été tenus conformément à la loi ; ou  
7° il existe des indications sérieuses de fraude fiscale ».

### **Article 29 : Description de la procédure d'imposition d'office**

*(Tel que modifié et complété par l'article 3 de la loi n°38/2012 du 20/12/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 4 du 28/01/2013) :*

« En cas de procédure d'imposition d'office, l'administration fiscale envoie un avis d'imposition d'office au contribuable. Cet avis doit contenir tous les éléments qui ont entraîné cette imposition d'office. Il peut également comporter des amendes administratives en cas de non-respect des lois fiscales. Tous les renseignements dont dispose l'administration fiscale peuvent être utilisés pour procéder à l'imposition d'office.

Le contribuable a le droit de formuler, dans un délai de trente (30) jours, des observations et des remarques écrites au sujet de l'avis d'imposition d'office. Il peut également transmettre des preuves complémentaires à l'administration fiscale ainsi que toute information démontrant que l'imposition d'office est inexacte. Le contribuable a le droit d'être entendu, pour autant que la

bwo kwisobanura mu magambo iyo yabisabye mu gisubizo yatanze.

Umusoro utangwa iyo habaye isoresha nta nteguza ntushobora kuba muni y'umusoro wari gutangwa hakoreshejwe uburyo bwo gusoresha inyungu zicishirije.

Isoresha nta nteguza rishobora gukorwa mu gihe cy'imyaka itanu (5) uhereye ku itariki ya mbere Mutarama ikurikira igihe cy'isoresha. Iki gihe kimara imyaka icumi (10) mu gihe habayeho ibikorwa byo kunyereza umusoro.

Iyo hari ibimenyetso simusiga by'uko habayeho irigiswa ry'umusoro, ubuyobozi bw'imisoro bushobora gukora isoresha nta nteguza rihutiyeho, rititaye ku bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo.

Isoresha nta nteguza riba ntakuka:

1° ku musoreshwa, nyuma y'iminsi mironko itatu(30), iyo ntacyo yavuze ku nyandiko ikosora;

2° nyuma y'uko ubuyobozi bw'imisoro bwoherereje umusoreshwa inyandiko imumenyesha ko ibisobanuro bye cyangwa bimwe muri byo bitemewe;

3° iyo nyuma y'ibisobanuro mu nyandiko cyangwa mu magambo by'umusoresha bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ubuyobozi bw'imisoro bwamumenyesheje mu nyandiko ko ibisobanuro yatanze cyangwa bimwe muri byo bitemewe;

4° nyuma yo gukorera umusoreshwa isoresha nta

hearing if he/she requested for it in his/her reply.

In case of an assessment without notice, the amount of taxes cannot be less than the taxes which would be paid if the taxpayer was to pay under presumptive tax regime.

The assessment without notice may be applied in a period of five (5) years, starting from 1<sup>st</sup> January, following the tax period. This period shall be of ten (10) years in case of tax evasion.

If there are serious indications of tax evasion, the tax administration may issue an immediate assessment without notice, disregarding provisions of Paragraphs One and 2 of this Article.

An assessment without notice shall be definitive:

1° to the taxpayer, after a period of thirty (30) days, in case he/she has not replied to the rectification note;

2° after the tax administration has sent a written notification to the taxpayer declaring that all or part of the observations of the taxpayer are upheld;

3° after written or verbal explanations of the taxpayer mentioned under Paragraph 2 of this Article of which the tax administration notified in writing the taxpayer that all or part of the observations of the taxpayer are not upheld;

4° after the conduct of an immediate assessment without notice as described in Paragraph 5 of this

demande d'audition figure dans la réponse.

Le montant de l'impôt établi en cas d'imposition d'office ne peut être inférieur à celui qui aurait été payé si le contribuable était placé sous le régime de l'imposition forfaitaire.

La procédure d'imposition d'office peut être appliquée pendant une période de cinq (5) ans à compter du 1<sup>er</sup> janvier de l'année qui suit l'exercice fiscal concerné. Cette période est de dix (10) ans en cas de fraude fiscale.

S'il existe des indications sérieuses de fraude fiscale, l'administration fiscale peut procéder immédiatement à l'imposition d'office, sans considération des dispositions des alinéas premiers et 2 du présent article.

L'imposition d'office devient définitive:

1° à l'égard du contribuable, s'il n'a pas répondu dans les trente (30) jours à l'avis de rectification;

2° lorsque l'administration fiscale a informé, par écrit, le contribuable que ses observations sont jugées non fondées, en totalité ou en partie;

3° lorsque le contribuable a été entendu conformément à l'alinéa 2 du présent article, et l'administration fiscale l'a informé, par écrit, et que ses observations sont jugées non fondées, en totalité ou en partie;

4° il a été procédé à l'imposition d'office immédiate conformément à l'alinéa 5 du présent article.



nteguza rihutiyeho nk'uko biteganywa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo. Article.

Isoresha nta teguza ritubahirije ibivugwa muri iyi ngingo nta gaciro rigira, akaba ari yo mpamvu hagomba gukorwa irindi genzura rikorwa inshuro imwe gusa.”

An assessment without notice which does not respect provisions of this Article shall be null and therefore, another audit must be carried out only once.”

Toute imposition d'office opérée sans tenir compte des dispositions du présent article est nulle, et par conséquent, un nouvel audit doit être engagé une seule fois.»

## **UMUTWE WA VII: IBYEREKEYE GUKEMURA IMPAKA**

## **CHAPTER VII : SETTLEMENT OF DISPUTES**

## **CHAPITRE VII : DU RÈGLEMENT DES LITIGES**

**Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye kujuririra ubutegetsi**

**Section one: Administrative appeal**

**Section première : Du recours administratif**

**Akiciro ka mbere: Ibyerekeye kujuririra Komiseri Mukuru**

**Subsection one: Appeal to the Commissioner General**

**Sous-section première : Du recours devant le Commissaire Général**

**Ingingo ya 30: Ingingo rusange**

**Article 30: General Provisions**

**Article 30 : Dispositions générales**

Umusoreshwa utanyuzwe n'ibikubiye mu nyandiko igena umusoro ashobora kujuririra Komiseri Mukuru mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'uko ashyikirijwe iyo nyandiko.

The taxpayer who is not satisfied with the contents of the tax assessment notice may appeal to the Commissioner General within thirty (30) days after receipt of the assessment notice.

Le contribuable qui conteste une imposition peut introduire un recours auprès du Commissaire Général dans un délai de trente (30) jours à compter de la réception de la note d'imposition.

**Ingingo ya 31: Imiterere y'ubujurire**

**Article 31: Form of the appeal**

**Article 31 : Forme de la réclamation**

Ubujurire bugomba kuba bwujuje ibi bikurikira:

The appeal has to fulfill the following conditions:

Le recours doit remplir les conditions suivantes :

1° kuba bwanditse;

1° be in writing;

1° être introduit par écrit ;

2° kugaragaza umusoreshwa na numero imuranga;

2° identify the taxpayer and the taxpayer identification number;

2° identifier le contribuable et mentionner son numéro d'identification fiscale ;

3° kugaragaza igihe cy'umusoro;

3° identify the tax period;

3° mentionner l'exercice fiscal;

4° kugaragaza umusoro asoreshwa, impamvu zawo n'igiteye ubujurire;

4° mention the assessment and the object and the grounds for the appeal;

4° mentionner l'imposition, l'objet et les motifs du recours;

5° kuba bwarashyizweho umukono n'umusoresha, cyangwa umuhagarariye

5° be signed by the taxpayer, the taxpayer's legal representative or the representative holding a

5° être signé par le contribuable ou son représentant

wemewe n'amategeko cyangwa uwo yabihereye uburenganzira ufite icyemezo cyo kumuhagararira;

6° kugaragaza ibimenyetso byose n'ingingo z'amategeko bigaragaza ko isoresha ritakozwe neza.

Ubujurire ntibuhagarika iyishyurwa ry'umusoro, inyungu z'ubukererwe n'ibihano. Bisabwe n'umusoreshwa mu nyandiko, Komiseri Mukuru ashobora guhagarika by'agateganyo iyishyuzwa ry'imisoro itumvikanyweho mu gihe cy'ubujurire.

### **Ingingo ya 32: Gufata icyemezo ku bujurire**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 9 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

“Komiseri Mukuru afata icyemezo ku bujurire mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30) akakigeza ku musoreshwa.

Komiseri Mukuru cyangwa undi mukozi wese w'ubuyobozi bw'imisoro ubifitiye ububasha washyizweho na Komiseri Mukuru ashobora kongera indi minsi mironko itatu (30) kuri iki gihe inshuro imwe gusa akabimenyesha umusoreshwa. Iyo Komiseri Mukuru nta cyemezo afashe muri iyo minsi, ubujurire bufatwa nk'aho bufite ishingiro.

Iyo ubujurire bwemewe bwose cyangwa se igice cyabwo, Komiseri Mukuru akuriraho umusoreshwa umusoro ujyanye na bwo, inyungu z'ubukererwe n'ibihano.

mandate;

6° contain all the proofs, and legal arguments against the assessment.

The appeal does not suspend the obligation to pay tax, interest and penalties. Upon written request by the taxpayer, the Commissioner General may suspend payment of the disputed amount of tax for the duration of the appeal.

### **Article 32: Decision on appeal**

*(As modified and completed by article 9 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

“The Commissioner General makes a decision on the appeal within a period of thirty (30) days and sends it to the taxpayer.

The Commissioner General or any other competent staff of the Tax Administration designated by the Commissioner General may extend this period once for another thirty (30) days and informs the taxpayer. When no decision is taken by the Commissioner General within this period, the appeal is assumed to have a basis.

When the appeal is fully or partially accepted, the Commissioner General shall discharge the taxpayer from the respective tax liability, interest and penalties.

légal, ou son mandataire;

6° contenir tous les faits, preuves et arguments juridiques à l'encontre de l'imposition.

Le recours ne suspend pas l'obligation de payer l'impôt, les intérêts et les amendes. Le Commissaire général peut, sur demande écrite du contribuable, suspendre le paiement du montant contesté pendant le déroulement de la procédure de recours

### **Article 32 : Décision sur le recours**

*(Tel que modifié et complété par l'article 9 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :*

“Le Commissaire Général statue sur le recours dans un délai de trente (30) jours et communique sa décision au contribuable.

Le Commissaire Général ou tout autre agent compétent de l'administration fiscale désigné par le Commissaire Général peut prolonger ce délai de trente (30) jours supplémentaires et en informer le contribuable. Si le Commissaire Général ne prend aucune décision dans ce délai, le recours est réputé fondé.

Lorsque le recours est accepté en totalité ou en partie, le Commissaire Général dispense le contribuable de l'obligation de payer l'impôt, les intérêts concernés et les pénalités.

<p>Komiseri Mukuru amenyesha umusoreshwa icyemezo cye mu nyandiko. Umusoreshwa utishimiye icyemezo cya Komiseri Mukuru ashobora kumusaba ko ikibazo cye gikemuka mu bwumvikane.</p>	<p>The Commissioner General shall notify the Taxpayer of the decision in writing. The taxpayer who is not satisfied with the decision of the Commissioner General may request him/her for an amicable settlement.</p>	<p>Le Commissaire Général informe par écrit le contribuable de sa décision. Le contribuable qui n'est pas satisfait de la décision du Commissaire Général peut lui demander le règlement à l'amiable.</p>
<p>Iyo impande zombi zitabashije gukemura icyo kibazo mu bwumvikane, umusoreshwa ashobora kujuririra urukiko rubifitiye ububasha.</p>	<p>In case both parties do not reach an amicable agreement, the taxpayer may make an appeal to the competent court.</p>	<p>Si les deux parties ne parviennent pas à régler à l'amiable le différend, le contribuable peut saisir la juridiction compétente.</p>
<p>Komiseri Mukuru agena uburyo bwo gukemura mu bwumvikane ibibazo bijyanye n'imisoro.”</p>	<p>The Commissioner General shall determine the modalities for amicable settlement of tax issues.”</p>	<p>Le Commissaire Général détermine les modalités du règlement à l'amiable des questions fiscales.»</p>
<p><b>«Ingingo ya 32 bis: Igenzura rishya rishingiye ku bimenyetso byagaragaye mu isuzumwa ry'ubujurire</b> <i>(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya 10 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 03/02/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):</i></p>	<p><b>“Article 32 bis: Conduct of a new audit because of evidence discovered when considering an appeal</b> <i>(As provided by article 10 of the law n°1/2012 of 03/02/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):</i></p>	<p><b>«Article 32 bis: Nouvel audit en raison des preuves découvertes lors de l'examen d'un recours</b> <i>(Tel que prévu par l'article 10 de la loi n°1/2012 du 03/02/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 13 du 26/03/2012) :</i></p>
<p>Mu isuzumwa ry'ubujurire, Komiseri Mukuru afata icyemezo kuri ubwo bujurire akanasaba ko hakorwa irindi genzura rishya iyo:</p>	<p>“The Commissioner General shall decide on the appeal and require the conduct of a new audit when:</p>	<p>Le Commissaire Général décide sur le recours et exige la réalisation d'un nouvel audit lorsque:</p>
<p>1° hari amakosa yakozwe n'umusoreshwa atagaragaye mu igenzura yatumye umusoro wakagombye kwishyurwa ugabanyuka;</p>	<p>1° some of the wrongful acts committed by the taxpayer which were not disclosed by the audit have resulted in the reduction of the amount of tax that would be payable;</p>	<p>1° certaines des fautes commises par le contribuable qui n'ont pas été révélées par l'audit ont conduit à la réduction du montant de l'impôt qui devait être payé;</p>
<p>2° harakoreshejwe ibihano bitari byo mu gihe cy'igenzura;</p>	<p>2° disproportionate penalties were applied during the audit;</p>	<p>2° des pénalités disproportionnées ont été appliquées lors de l'audit ;</p>
<p>3° umusoreshwa atanze ibindi bimenyetso cyangwa ibisobanuro cyangwa Ubuyobozi bw'imisoro bukavana ahandi ibindi bimenyetso bigaragaza ko umusoro waciwe mu buryo butuzuye.</p>	<p>3° the taxpayer provides further evidence or justification or when the Tax Administration has further evidence showing that the tax was imposed improperly.</p>	<p>3° le contribuable fournit d'autres preuves ou justifications ou lorsque l'Administration fiscale dispose d'autres preuves démontrant que l'impôt a été imposé de manière inappropriée.</p>

Iryo genzura rishya rikorwa hubahirijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko. »	Such a new audit shall be conducted in compliance with the modalities provided under this Law.”	Ce nouvel audit est réalisé en conformité avec les modalités prévues par la présente loi.»
<b>Akiciro ka 2: Ibyerekeye kujuririra Komisiyo y'Ubujurire</b>	<b>Subsection 2: Appeal to the Appeals Commission</b>	<b>Sous-section 2 : Du recours devant la Commission d'appel</b>
<i>Ingingo ya 33 – 37: Izi ngingo zavanweho n'itegeko n°74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena Imitunganyirize y'isoresha, igazeti n°19 yo kuwa 11/05/2009.</i>	<i>Article 33 – 37: These articles were repealed by the Law n° 74/2008 of 31/12/2008 of 04/12/2005 on tax procedures, O.G. n° 19 of 11/05/2009</i>	<i>Article 33-37 : Ces articles ont été abrogés par la Loi n° 74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la Loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales, O.G., n° 19 du 11/05/2009.</i>
<b>Icyiciro cya 2: Ibyerekeye kwiambaza ubucamanza</b> <b>Ingingo ya 38: Kuregera urukiko</b>	<b>Section 2: Judicial appeal</b>  <b>Article 38: Appeal with the tribunal</b>	<b>Section 2 : De la saisine des juridictions</b>  <b>Article 38 : L'instance judiciaire</b>
<i>(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 7 y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009):</i> “Umusoreshwa utanyuzwe n'icyemezo cya Komiseri Mukuru ashobora kuregera inkiko. Ikirego cye agishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uhereye igihe yagejeweho icyemezo cya Komiseri Mukuru“.	<i>(As modified and completed by article 7 of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 19 of 11/05/2009):</i>  “The taxpayer who is aggrieved by the decision of the Commissioner General may make a judicial appeal. The appeal is brought before the competent authority within thirty (30) days after the receipt of the decision of the Commissioner General's decision”.	<i>(Tel que modifié et complété par l'article 7 de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n°19 du 11/05/2009) :</i>  «Le contribuable qui conteste la décision de la Commissaire Général peut saisir une juridiction. La demande est introduite devant le tribunal compétent dans les trente (30) jours à compter de la date de la réception de la décision du Commissaire Général ».
<b>Icyiciro cya 3: Ibyerekeye inyungu zishyurwa n'Ibiro by'Imisoro</b>	<b>Section 3: Interest paid by the Tax Administration</b>	<b>Section 3 : Des intérêts payés par l'Administration fiscale</b>
<b>Ingingo ya 39: Inyungu zishyurwa</b>	<b>Article 39: Interest paid</b>	<b>Article 39 : Intérêts à payer</b>
Iyo umusoreshwa akuriweho umusoro, inyungu	In the event the taxpayer is discharged from tax,	Si le contribuable est dispensé de l'impôt, des intérêts et

z'ubukererwe n'ibihano n'icyemezo cy'ubutegetsi cyangwa cy'urukiko cyangwa se iyo adashubijwe, mu gihe giteganywa n'amategeko, imisoro y'ikirenga yishyuye, Ubuyobozi bw'Imisoro bugomba kwishyura inyungu ku mafaranga umusoreshwa agomba gusubizwa.

Inyungu ibarwa hakurikijwe igipimo cy'inyungu y'amabanki gishyirwaho na Banki Nkuru y'Igihugu kandi ishyirwaho uwo mwaka w'isoresha bahereye ku itariki ya mbere Mutarama muri uwo mwaka. Inyungu ibarwa umunsi ku wundi nta gukomatanya uherye ku munsi yishyuriye kugeza ku munsi wo gusubizwa amafaranga na wo ubariwemo.

interest and penalties by an administrative or judicial decision, or when no refund of excess taxes paid is done in the time prescribed by this Law, the Tax Administration has to pay interest on the due refund.

The interest rate is calculated in accordance with the inter bank offered rate of the National Bank of Rwanda and will be set for the current fiscal year starting from January, 1<sup>st</sup>. Interest is calculated on a daily basis, non-compounding, counting from the day of payment until the day of refund, which is included.

des amendes par une décision administrative ou judiciaire ou si le trop versé payé ne lui est pas restitué dans le délai prescrit par la loi, l'Administration fiscale est tenue de payer des intérêts sur le remboursement dû.

Le taux d'intérêt est fixé au taux interbancaire vendeur de la Banque Nationale du Rwanda établi le 1<sup>er</sup> janvier pour l'année civile en cours. Les intérêts sont calculés au jour le jour, non composés, à compter de la date du paiement jusqu'au jour du remboursement y compris.

**UMUTWE WA VIII: IBYEREKEYE  
IBIMENYETSO, UBWOKO BWABYO  
N'ABO  
BISABWA**

**Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye  
inyandikomvugo**

**Ingingo ya 40: Ingingo rusange.**

Umukozi wemewe ushinzwe gukora igenzura n'iperereza afite ububasha bwo gukora inyandikomvugo. Inyandikomvugo ikorwa mu rwego rw'akazi umukozi wemewe ashinzwe. Iba ikubiyemo ibimenyetso n'ubuhamya umukozi wemewe yiboneye ubwe. Igomba kugaragaza amazina ye, ay'umusoreshwa, aho abarizwa, icyo akora n'itariki ikoreweho. Iyo nyandikomvugo ishyirwaho umukono n'umukozi wemewe hamwe n'ukekwaho icyaha. Kopi yayo igomba kohererezwa umusoreshwa.

**Ingingo ya 41: Agaciro k'inyandikomvugo**

Inyandikomvugo ni ubuhamya buhagije bw'ibimenyetso umukozi wemewe yabonye. Ishobora gukoreshwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro mu isoresha nta nteguza kandi ishobora gukoreshwa mu gutanga ubuhamya. Ibikubiye mu nyandikomvugo bishobora kutitabwaho gusa iyo bigaragaye ko umukozi wemewe yakoze uburiganya cyangwa iyo yakoze ikosa rikomeye.

**CHAPTER VIII: PROOF, TYPES OF PROOF  
AND BURDEN OF PROOF**

**Section one: Affidavits**

**Article 40: General Provisions**

An authorized officer, responsible for carrying out audits and investigations, has the power to make affidavits. An affidavit is drawn up in the exercise of the authorized officer's duties. It contains facts and evidence the authorized officer has personally established. It has to indicate clearly the name of the authorized officer, the name, address and activity of the taxpayer and the date on which it has been made. It is jointly signed by the authorized officer and the suspect. A copy of the affidavit has to be sent to the taxpayer.

**Article 41: Legal character of the affidavit**

An affidavit constitutes sufficient proof of the facts and evidence the authorized officer has established. It may be used by the Tax Administration for issuing an assessment without notice and it may be used as testimony. The contents of the affidavit can only be disregarded if it is proved that the authorized officer committed fraud or made a serious mistake.

**CHAPITRE VIII : DES PREUVES, MODES DE  
PREUVE ET CHARGE DE LA PREUVE**

**Section première : Des procès-verbaux**

**Article 40 : Dispositions générales**

L'agent autorisé, compétent pour procéder aux contrôles et aux enquêtes, est habilité à établir des procès-verbaux entrant dans l'exercice de ses fonctions. Le procès verbal contient uniquement les faits et les indices que cet agent a vus personnellement. Il doit mentionner clairement le nom de l'agent autorisé, le nom, l'adresse et l'activité du contribuable, et la date de son établissement. Il est signé par l'agent autorisé et le contrevenant. Une copie du procès-verbal doit être transmise au contribuable.

**Article 41 : Valeur juridique du procès-verbal**

Le procès-verbal constitue la preuve complète des faits et des indices établis par l'agent autorisé. Il peut être utilisé par l'Administration fiscale pour procéder à une imposition d'office et peut être utilisé comme preuve. Son contenu fait foi, sauf à démontrer que l'agent autorisé a commis une falsification ou une erreur grave.

**Igice cya 2: Ibyerekeye uburyo bwo gutanga ibimenyetso**

**Akiciro ka mbere: Ibyerekeye ingingo rusange**

**Ingingo ya 42: Ubwoko bw'ibimenyetso bukoreshwa**

Ubwoko bwose bw'ibimenyetso bukoreshwa buremewe ku Buyobozi bw'Imisoro uretse indahiro.

Ariko, ku byerekeye ubwoko bw'ibimenyetso, bishingiye ku ikoranabuhanga, Minisitiri abinyujije mu iteka, agena ibyo bimenyetso n'uko bikorwa.

**Akiciro ka 2: Ibyerekeye ibimenyetso by'uko umutungo wiyongera**

**Ingingo ya 43: Ingingo rusange**

Iyo Ubuyobozi bw'Imisoro bugaragaje ko umutungo w'umusoreshwa wiyongereye mu mwaka runaka, hanyuma umusoreshwa ntashobore gusobanura impamvu y'ubwo bwiyongere, Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora kongera agaciro k'umutungo w'inyongera ku byo yinjiza bisoreshwa no kwifashisha ako gaciro mu gutanga ibimenyetso.

Mu kwifashisha ubu buhamya, Ubuyobozi bw'Imisoro bushyikiriza umusoreshwa ibimenyetso byose buheraho bugaragaza ko umutungo wiyongereye kimwe n'uburyo bukoresha mu kuwaha agaciro.

**Section 2: Methods of proof**

**Subsection one: General Provisions**

**Article 42: Admissible types of proof**

All types of proof used are allowed to the Tax Administration except the oath.

However, the Minister, through a Ministerial Order, determines the types and the use of electronic evidence.

**Subsection 2: Signs and indications of prosperity**

**Article 43: General Provisions**

When the Tax Administration establishes that a taxpayer shows signs and indications of prosperity in a certain fiscal year, and the taxpayer cannot give an explanation for this apparent prosperity, the Tax Administration may add the value of these signs and indications to the taxable income of the taxpayer and use this as a method of proof.

When using this method of proof, the Tax Administration gives to the taxpayer all proof it uses to indicate the signs and indications of prosperity, as well as the methods of valuation of the cost or value.

**Section 2 : Des modes de preuve**

**Sous-section première : Des dispositions générales**

**Article 42 : Modes de preuve admis**

Tous les modes de preuve sont admis pour l'administration fiscale excepté le serment.

Toutefois, le Ministre détermine par arrêté les moyens et les modalités d'utilisation de preuves électroniques .

**Sous-section 2 : Des signes extérieurs de richesse**

**Article 43 : Dispositions générales**

Lorsque l'Administration fiscale a des signes et des indices qui montrent que le patrimoine du contribuable a augmenté au cours d'un exercice fiscal déterminé et que le contribuable ne peut fournir des explications justifiant cette augmentation, elle peut ajouter aux revenus taxables la valeur de l'augmentation du patrimoine constatée et se servir de ces signes et indices comme moyen de preuve.

Lorsqu'elle utilise ce mode de preuve, l'Administration fiscale communique au contribuable toutes les informations qu'elle utilise pour indiquer les signes extérieurs de richesse ainsi que les méthodes d'évaluation de l'augmentation du patrimoine.

**Icyiciro cya 3: Ibyerekeye abasabwa ibimenyetso**

**Ingingo ya 44: Ibimenyetso bisabwa Ubuyobozi bw'Imisoro**

Ubuyobozi bw'Imisoro busabwa ibimenyetso mu gihe:

- 1° bukosora imenyeshya ry'umusoro ry'umusoreshwa;
- 2° bugaragaza uburyo bupima uko umutungo wiyongereye;
- 3° bwaka Umushinjacyaha w'Intara cyangwa uw'Umujyi wa Kigali uruhushya rwo kubaza umuntu usabwa kugira ibanga ry'akazi uvugwa mu gika cya 4 cy'ingingo ya 24 y'iri tegeko;
- 4° bwaka Umushinjacyaha w'Intara cyangwa uw'Umujyi wa Kigali uruhushya rwo gusaka ruvugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 25 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 45: Igihe umusoreshwa asabwa ibimenyetso**

Umusoreshwa asabwa ibimenyetso iyo:

- 1° Ubuyobozi bw'Imisoro bwakoze isoresha nta nteguza;
- 2° umusoreshwa yajuririye gukosora amakosa yo kwibeshya kutagambiriwe ari mu imenyeshya ry'umusoro;
- 3° umusoreshwa ashaka kunyomoza ibikubiye mu nyandikomvugo.

**Section 3: Burden of proof**

**Article 44: Burden of proof lies with the Tax Administration**

The burden of proof lies with the Tax Administration when:

- 1° rectifying tax declaration of the taxpayer;
- 2° indicating the method of proof based on signs and indications of prosperity;
- 3° it applies for permission from provincial or City of Kigali Prosecutor to ask questions from a person bound by professional secrecy as described in paragraph 4 of article 4 of this law;
- 4° applying to the Provincial or City of Kigali Prosecutor for search warrant as described in paragraph 2 of article 25 of this law.

**Article 45: Burden of proof lies with the taxpayer**

The burden of proof lies with the taxpayer when:

- 1° the Tax Administration conducts a tax assessment without notice;
- 2° the taxpayer starts an appeal procedure to correct an unintentional error in tax declaration;
- 3° the taxpayer wants to disprove the content of an affidavit.

**Section 3 : De la charge de preuve**

**Article 44 : Charge de la preuve incombant à l'Administration fiscale**

La charge de la preuve incombe à l'Administration fiscale lorsque celle-ci :

- 1° procède à un redressement;
- 2° utilise le mode de preuve par les signes extérieurs de richesse ;
- 3° demande au Procureur de Province ou de la Ville de Kigali l'autorisation d'interroger une personne tenue au secret professionnel, conformément à l'article 24 alinéa 4 de la présente loi;
- 4° demande au Procureur de Province ou de la Mairie de la Ville de Kigali un mandat de perquisition, conformément à l'article 25 alinéa 2 de la présente loi.

**Article 45 : Charge de la preuve incombant au contribuable**

La charge de la preuve incombe au contribuable lorsque:

- 1° l'Administration fiscale a procédé à une imposition d'office ;
- 2° le contribuable entame une procédure de recours pour corriger une erreur involontaire dans la déclaration d'impôt ;
- 3° le contribuable souhaite contester le contenu d'un procès-verbal.



**UMUTWE WA IX: IBYEREKEYE UKWISHYUZA**

**Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye ingingo rusange**

**Ingingo ya 46: Kwihanangiriza**

Iyo umusoro utishyuriwe igihe nk'uko bivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 18 y'iri tegeko, Ubuyobozi bw'Imisoro bwoherereza umusororeshwa inyandiko yihanangiriza igaragaza umubare w'amafaranga, inyungu z'ubukererwe n'amahazabu bigomba kwishyurwa n'icyo amategeko ateganya niba bitishyurwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku muni w'urwandiko rwo kwihanangiriza rwagerejwe ku musororeshwa. Icyo gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15), gishobora kutitabwaho iyo bigaragaye ko uburyo bwo kwishyurwa umusoro bubangamiwe.

Niba imisoro itarishyujwe mu myaka cumi (10) ibarwa bahereye ku muni yagombaga kwishyurirwaho, ntiba igikurikiranwe.

Icyo gihe gishobora guhagarikwa mu buryo buteganywa n'amategeko mbonezamubano cyangwa n'uko umusororeshwa yiyemeje gusora, na nyuma yacyo. Iyo igihe cyo kureka gukurikirana imisoro cyasubitswe, nyuma y'imyaka cumi (10) ikurikira inyandiko iheruka y'isubika ry'igihe cyo kudakurikirana imisoro kibanziriza icyo, habaho ikindi gihe cyo guhagarika kwishyurwa nacyo gishobora gusubikwa mu buryo bumwe n'icya mbere, iyo muri icyo gihe umusoro wishyuzwa utaregwe mu nkiko.

**CHAPTER IX: RECOVERY**

**Section one: General Provisions**

**Article 46: Warning**

If a tax is not paid on time according to paragraph 2, article 18 of this law, the Tax Administration sends a warning letter to the taxpayer, indicating the amount of tax, interest and penalties to be paid and the legal action that will follow if the tax, interest and penalties are not paid within fifteen (15) days from the delivery of the warning letter. The 15-day period may be disregarded in case the possibilities for effective tax collection are in jeopardy.

When taxes were not paid within a period of ten (10) years counting from the time it was due, the tax can not be paid.

Such a period can be stopped through procedures determined by the Civil code and by the arrangement of payment the debtor has made with the Tax Administration and after. If the period for taxation is postponed, after 10-year period following the latest postponement notice of taxation period prescription, another 10-year period of stopping may also be postponed in the same manner, if in that period the case of the disputed tax was not filed in the court.

**CHAPITRE IX : DU RECOUVREMENT**

**Section première: Dispositions générales**

**Article 46 : Avertissement**

Si l'impôt n'est pas payé dans les délais prévus à l'alinéa 2 de l'article 18 de la présente loi, l'Administration fiscale adresse au contribuable un avertissement indiquant le montant de l'impôt, des intérêts et des amendes à payer ainsi que les poursuites légales qui seront intentées au cas où l'impôt, les intérêts et les amendes ne seraient pas payés dans le délai de quinze (15) jours à compter de l'envoi de l'avertissement. Ce délai de quinze (15) jours peut être ignoré en cas de risque de non-recouvrement effectif de l'impôt.

Il y a prescription pour le recouvrement des impôts après dix (10) ans à compter de la date d'exigibilité.

Ce délai peut être interrompu de la manière prévue par le Code Civil ou par une renonciation du contribuable au temps couru de prescription. En cas d'interruption de la prescription, une nouvelle interruption susceptible d'être interrompue de la même manière est acquise dix (10) ans après le dernier acte interruptif de la précédente prescription, s'il n'y a pas d'instance en justice.

**Ingingo ya 46 bis: Abasangiye uburyozwe bw'ideni ry'umusoro**

*(Nk'uko yashyizweho n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 1/2012 ryo kuwa 20/12/2012 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 04 yo kuwa 28/01/2013):*

“Abayobozi bafite uruhare mu buryo butaziguye mu igenzura no mu micungire y'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, baryozwa bose hamwe imisoro iyo sosiyete ibazwa, iyo bigaragaye ko, ku bushake cyangwa ku burangare bwabo batumye isosiyete iryozwa iyo misoro. Abanyamigabane na bo baryozwa imisoro y'isosiyete iyo bafite uruhare mu micungire y'isosiyete cyangwa mu mikoreshereze mibi y'umutungo wayo ku buryo bituma idashobora kuzuza inshingano zayo zijyanye n'imisoro. Urukiko rubifitiye ububasha rwemeza uburyozwe bw'abayobozi n'abanyamigabane buvugwa muri iyi ngingo.”

**Ingingo ya 47: Kwishyura mu byiciro**

Umusoresha ashobora gusaba Komiseri Mukuru kujya yishyura mu byiciro. Komiseri Mukuru afite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza n'ibyangombwa bisabwa abaka urwo ruhushya. Kwishyura mu byiciro ntibishobora kurenza umwaka umwe. Iyo umusoresha atishyuye nk'uko yabiyemeje mu masezerano, asabwa guhita yishyurira rimwe amafaranga yose yari asigaye.

**Article 46 bis: Joint responsibility for payment of taxes**

*(As provided by article 4 of the law n°1/2012 of 20/12/2012 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 28/01/2013):*

“Directors who are directly involved in the control and management of a private company shall be jointly liable for any tax liabilities incurred by the company if it can be reasonably concluded that they intentionally or negligently caused the company to incur the tax liabilities. Shareholders who become involved in the management of the company and/or misuse company's funds shall also liable for any tax liability if they led to the company's inability to meet its tax obligations. A competent court shall determine the liability of the directors and shareholder(s) under this Article.”

**Article 47: Payment in Installments**

The taxpayer may apply to the Commissioner General for paying in installments. The Commissioner General has the competence to set out the rules and conditions to apply for such an installment payment. Payment in installments cannot exceed one year. Failure of the taxpayer to pay under the conditions of the installment plan results in an immediate obligation to pay the remaining amount due.

**Article 46 bis: Responsabilité solidaire de la dette fiscale**

*(Tel que prévu par l'article 4 de la loi n°38/2012 du 20/12/2012 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n° 4 du 28/01/2013) :*

« Les administrateurs qui sont directement impliqués dans le contrôle et la gestion d'une société privée sont solidairement responsables de la dette fiscale encourue par la société s'il est raisonnablement conclu qu'ils ont intentionnellement ou par négligence causé à la société le non paiement de l'impôt. Les actionnaires impliqués dans la gestion de la société ou dans la mauvaise gestion des fonds de la société sont également responsables de la dette fiscale lorsqu'ils ont entraîné l'incapacité de la société à respecter ses obligations fiscales. La juridiction compétente détermine la responsabilité des administrateurs et actionnaires en vertu du présent article.»

**Article 47 : Plan d'apurement échelonné**

Le contribuable peut demander au Commissaire Général le paiement échelonné de sa dette fiscale. Le Commissaire Général fixe les conditions et les modalités d'introduction de la demande. L'échelonnement ne peut pas dépasser une année. Le non-respect par le contribuable des conditions du plan d'apurement échelonné entraîne l'obligation immédiate du paiement du solde dû.

## Icyiciro cya 2: Ibyerekeye ifatiramutungo

### Ingingo ya 48: Gufatira umutungo w'umusoreshwa

Iyo umusoro utishyuye mu minsi cumi n'itanu (15) nk'uko bivugwa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko, Ibiro by'Imisoro bishobora gufatira umutungo w'umusoreshwa, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa, waba uri mu maboko y'umusoreshwa cyangwa undi muntu. Ibyafatiriwe bitezwa cyamunara nyuma y'iminsi umunani (8) umusoreshwa amenyeshejwe inyandikomvugo y'ifatira.

Iyo Ubuyobozi bw'Imisoro bufite ibimenyetso simusiga by'uko umusoreshwa agurisha ibicuruzwa bisoreshwa kandi akaba atabariyemo umusoro ku nyongeragaciro, Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora gufatira ibyo bicuruzwa. Iyo, mu minsi cumi n'itanu (15), umusoreshwa atabashije kugaragaza ko yubahirije ingingo zikubiye mu itegeko rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora kugurisha ibyo bicuruzwa mu cyamunara.

Gufatira no guteza cyamunara umutungo wafatiriwe bikurikiza amategeko y'imbonezamubano n'ubucuruzi. Ku birebana n'isoresha, abahesha b'inkiko bo mu Buyobozi bw'Imisoro banganya ububasha n'abahesha b'inkiko bigenga.

## Section 2: Seizure

### Article 48: Attachment of the taxpayer's property

When tax is not paid within fifteen (15) days as mentioned in article 46 of this law, the Tax Administration may attach any movable or immovable property of the taxpayer, whether held by the taxpayer or any other person. The seized property is sold under a public auction after eight (8) days the taxpayer is notified of the affidavit.

If the Tax Administration has serious indications that a supplier is selling taxable goods and such goods have previously not been charged with value added tax, the Tax Administration can seize those goods. If the supplier cannot provide evidence of compliance with the provisions of the value added tax law within fifteen (15) days, the Tax Administration can sell these goods at a public auction.

The seizure and selling of the attached goods takes place according to the law on civil and commercial procedures. In the field of taxation, the bailiffs of the Tax Administration have the same competence as Private court bailiffs.

## Section 2 : De la saisie

### Article 48 : Saisie des biens du contribuable

Si un impôt n'est pas payé dans un délai de quinze (15) jours prévu par l'article 46 de la présente loi, l'Administration fiscale peut procéder à la saisie de tout bien, meuble ou immeuble, appartenant au contribuable, qu'il soit détenu par le contribuable ou par un tiers. Les biens saisis sont vendus aux enchères publiques huit (8) jours après la notification du procès-verbal de saisie au contribuable.

Si l'Administration fiscale a de sérieuses indications qu'un fournisseur vend des marchandises imposables sans y inclure la TVA, l'Administration fiscale peut procéder à la saisie de ces marchandises. Si le contribuable ne parvient pas, dans les quinze (15) jours, à démontrer qu'il s'est conformé aux dispositions de la loi sur la taxe sur la valeur ajoutée, l'Administration Fiscale peut vendre ces marchandises aux enchères publiques.

La saisie et la vente des biens confisqués ont lieu conformément à la loi sur la procédure civile et commerciale. En matière d'imposition, les huissiers de l'Administration fiscale ont la même compétence que les huissiers de justice indépendants.

**Ingingo ya 49: Abandi bantu bafitiye umwenda umusoresha**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 8 y'itegeko n° 74/2008 ryo kuwa 31/12/2008 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 19 yo kuwa 11/05/2009:.*

“Iyo umusoro utishyuwe mu minsi cumi n'itanu (15) nk'uko bivugwa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko, Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora gusaba umuntu ufitiye umusoresha umwenda, banki n'abandi bantu bantu babikiye umusoresha amafaranga kuwishyura kugira ngo arangize ikibazo cye cy'umusoro.

Iyo Ubuyobozi bw'Imisoro bukeka ko umuntu afitiye umusoresha umwenda, cyangwa amubikiye amafaranga busabwa:

- 1° kwandikira uwo muntu;
- 2° kumusaba gusobanura neza ibirebana n'umwenda afitiye umusoresha cyangwa amafaranga amubikiye;
- 3° kumumenyesha ko agomba kwishyura Ubuyobozi bw'Imisoro, hakurikijwe amasezerano afitanye n'umusoresha cyangwa se kubera ibyo asabwa;

4° koherereza umusoresha kopi z'amabaruwa yose yoherereje uwo muntu umurimo umwenda.

Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera igihe yaboneye inyandiko y'Ubuyobozi bw'Imisoro, ufitiye umusoresha umwenda

**Article 49: Third parties**

*(As modified and completed by article 8 of the law n°74/2008 of 31/12/2008 modifying and complementing law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 19 of 11/05/2009):*

“If a tax is not paid within fifteen (15) days as mentioned in article 46 of this law, the Tax Administration may require any debtors, bankers and other persons in possession of a taxpayer's funds to pay to the Tax Administration the amount due to the taxpayer against the taxpayer's tax liability.

In case the Tax Administration assumes that a person is a debtor or is in possession of a taxpayer's funds, it is required to:

- 1° send a notification to that person;
- 2° ask that person to give a clear explanation of the amount due to the taxpayer or the amount which he/she detains for him;
- 3° inform the debtor that he or she is required to pay to the tax administration in accordance with the terms and conditions of the contract with the taxpayer or with respect to obligations of the taxpayer;

4° send copies of all the letters to the taxpayer he or she sent to the debtor.

The debtor of the person in possession of a taxpayer's funds has the obligation within a period of fifteen (15) days from the time of receipt of the

**Article 49 : Tiers détenteurs**

*(Tel que modifié et complété par l'article 8 de la loi n°74/2008 du 31/12/2008 modifiant et complétant la loi n°25/2005 du 04/12/2005, portant création des procédures fiscales, J. O n°19 du 11/05/2009) :*

« Si l'impôt n'est pas payé dans le délai de quinze (15) jours conformément à l'article 46 de la présente loi, l'Administration fiscale peut exiger de tout débiteur, banques et autres personnes détenant les fonds du contribuable de lui verser le montant dont le contribuable est redevable afin de régler le problème de sa dette fiscale.

Lorsque l'Administration fiscale présume qu'une personne est un débiteur d'un contribuable ou détient ses fonds, elle est tenue

- 1° d'adresser une notification au débiteur ;
- 2° de lui demander de donner un aperçu clair de sa dette envers le contribuable ou du montant des fonds du contribuable qu'il détient ;
- 3° d'indiquer que le débiteur est tenu d'effectuer le paiement de la dette en apurement de la dette fiscale du contribuable, aux conditions du contrat qui le lie au contribuable ou conformément à ses obligations envers le contribuable;

4° d'envoyer au contribuable des copies de toutes les lettres adressées au débiteur.

Le débiteur ou la personne détenant les fonds du contribuable est tenu, dans un délai de quinze (15) jours :

cyangwa umubikiye amafaranga agomba:

1° gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro ibisobanuro mu nyandiko ku mwenda agomba umusoreshwa cyangwa amafaranga amubikiye;

2° kumenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Imisoro ko nta mwenda afitiye umusoreshwa igihe ubwo buyobozi bwamwandikiraga;

3° kwishyura amafaranga ungana n'umusoro hakurikijwe amasezerano afitanye n'umusoreshwa cyangwa se ibyo amugomba.

Iyo ufitiye umusoreshwa umwenda cyangwa umubikiye amafaranga atubahirije ibisabwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, afatwa nk'ufitiye Ubuyobozi bw'Imisoro umwenda ungana n'amafaranga y'umusoro yishyuzwa.

Iyo ufitiye umusoreshwa umwenda cyangwa umubikiye amafaranga yubahirije ibisabwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, akurirwaho umwenda yari afitiye umusoreshwa ungana n'amafaranga yishyuye Ubuyobozi bw'Imisoro”.

**Icyiciro cya 3: Ibyerekeye ingwate z'Isanduku ya Leta**  
**Ingingo ya 50 : Uburenganzira bwihariye**

Iyo umusoreshwa yahombye, umusoro, ibihano n'inyungu z'ubukererwe agomba kwishyura hakurikijwe iri tegeko, kandi hubahirijwe itegeko rigenga amasosiyete n'andi mategeko y'imbonezamubano n'ubucuruzi, byishyurwa mbere y'indi myenda abereyemo abandi bantu.

note from the tax administration to:

1° give written explanations to the Tax Administration of the amount due or;

2° notify the Tax Administration in writing that he or she owed no debt to the taxpayer or he or she is not in possession of taxpayer's funds by the time when the Tax Administration notified him or her;

3° pay the amount which is equivalent to the tax in accordance with the contract with the taxpayer or with respect to obligations to the taxpayer.

If the debtor or the person in possession of a taxpayer's funds does not comply with the conditions mentioned in paragraph 3 of this article, he or she is assumed as liable to debt of the Tax Administration the amount equal to tax liability.

If the debtor or the person in possession of a taxpayer's funds complies with the conditions mentioned in paragraph 3 of this article, he or she is discharged of the debt liability to the taxpayer for the amount paid to the Tax Administration”.

**Section 3: Guarantees of the Public Treasury**  
**Article 50: Priority right**

Where a taxpayer has been declared insolvent, any tax, penalty or interest he or she is obliged to pay in accordance with this Law, and in respect of the law governing companies, and other laws relating to civil and commercial matters, have priority over other debts he or she owes other parties.

1° de donner à l'Administration fiscale un aperçu clair du montant dû ;

2° si la personne n'est pas un débiteur du contribuable ou ne détient pas les fonds du contribuable au moment de la notification par l'Administration fiscale, elle est tenue d'en informer ladite Administration ;

3° de payer ce montant en apurement de la dette fiscale, aux conditions du contrat qui le lie au contribuable ou conformément à ses obligations envers le contribuable.

Si le débiteur ou le détenteur des fonds du contribuable ne respecte pas les conditions énoncées à l'alinéa 3 du présent article, il est considéré comme redevable à l'Administration fiscale du montant de l'impôt dû par le contribuable.

Si le débiteur ou le détenteur des fonds du contribuable respecte les conditions énoncées à l'alinéa 3 du présent article, il est libéré de sa dette à concurrence du montant payé à l'Administration fiscale ».

**Section 3 : Des garanties du Trésor**  
**Article 50 : Droit de priorité**

Au cas où un contribuable a été déclaré insolvable, toute taxe, pénalité ou tout intérêt dus en vertu de la présente loi, et en conformité avec la loi sur les sociétés et autres lois relatives aux matières civiles et commerciales, ont priorité sur les autres dettes du contribuable insolvable.

**Akiciro ka mbere: Ibyerekeye uburenganzira ku mutungo n'ingwate zigenwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 51: Uburenganzira ku mutungo wimukanwa**

Kugira ngo bubashe kwishyura umusoro, inyungu z'ubukererwe, amahazabu n'andi mafaranga yakoreshejwe mu kwishyura, Ubuyobozi bw'Imisoro bufite uburenganzira ku musaruro n'umutungo wose wimukanwa by'umusoreshwa aho waba uri hose.

Ubwo burenganzira bureba kandi umusaruro n'umutungo wimukanwa by'abantu bavugwa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko, iyo basangiye uburyozwe ku buryo umusoro, inyungu z'ubukererwe, amahazabu n'amafaranga yakoreshejwe, byakwishyuzwa ku mutungo uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ubwo burenganzira bushobora kubahirizwa mu gihe cy'imyaka ibiri (2) uhereye ku itariki umusoro wagombye kuba warishyuriweho. Iyo habayeho kujuririra ubutegetsi cyangwa urukiko, ubu burenganzira bwongererwa igihe cy'imyaka ibiri (2) nyuma y'umunsi icyemezo ndakuka cy'ubutegetsi cyangwa urukiko cyafatiweho.

Gufatira umusaruro cyangwa umutungo mbere y'uko ubu burenganzira burangira bibugumishaho kugeza igihe ibintu byimukanwa bigurishirijwe.

**Subsection one: Liens and legal mortgage**

**Article 51: Special Lien**

For the recovery of tax, interest, fines and other costs used in collection, the Tax Administration holds a lien on the income and all movable property of the taxpayer, wherever it may be located.

The lien affects income and movable property of persons mentioned under article 7 of this law when they share any responsibility, to the extent that the tax, interest, fines and expenses incurred can be executed on the property mentioned under paragraph one of this article.

The lien can be executed in a period of two (2) years, starting from the date the tax should have been paid. In case of administrative or judicial appeal, the lien is extended for two (2) years after the date of the final administrative or judicial decision was taken.

The seizure of income or property before the expiration of the lien preserves the lien until the movable property is sold.

**Sous-section première : Privilège et hypothèque légale**

**Article 51 : Privilège sur les biens meubles**

Pour le recouvrement de l'impôt, des intérêts, des amendes et des frais de recouvrement, l'Administration fiscale possède un privilège sur l'ensemble des revenus et des biens meubles du contribuable, quel que soit le lieu où ils se trouvent.

Le privilège concerne également les revenus et les biens meubles des personnes visées à l'article 7 de la présente loi lorsqu'elles partagent une responsabilité quelconque, si le recouvrement de l'impôt, des intérêts, des amendes et des frais peut être opéré sur les biens visés à l'alinéa premier du présent article.

Le privilège peut être exercé pendant une période de deux (2) ans à compter de la date à laquelle l'impôt aurait dû être acquitté. En cas de recours administratif ou judiciaire, le privilège est prorogé de deux (2) ans à compter de la date de la décision administrative ou judiciaire finale.

En cas de saisie des biens ou des revenus avant l'expiration du privilège, ce dernier demeure effectif jusqu'à ce que les biens meubles soient vendus.

**Ingingo ya 52: Uburenganzira ku mitungo itimukanwa**

*(Nk'uko yahinduwe kandi yuzuzwa n'ingingo ya 3 y'amabwiriza ya Komiseri Mukuru n° 11/2012 yo kuwa 23/02/2012 ahindura kandi yuzuza amabwiriza ya komiseri mukuru n° 002/2007 yo kuwa 15/06/2007 ashyira mu bikorwa itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, Igazeti ya Leta n° 13 yo kuwa 26/03/2012):*

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa kuva ku muni yasohokwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 23/02/2012

Komiseri Mukuru w'Ikigo  
cy'Imisoro n'Amahôro

**Mary BAINE**  
(sé)

the installment payment plan. Failure to respect the payment plan by the taxpayer results in enforcement and payment of the total tax due immediately.

### **Article 26: Coming into force**

*(As modified and completed by article 3 of the Commissioner General's rules n°11/2012 of 23/02/2012 modifying and complementing the Commissioner General rules n° 002/2007 of 15/06/2007 implementing the law n° 25/2005 of 04/12/2005 on tax procedures, O. G n° 13 of 26/03/2012):*

These Rules come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 23/02/2012

Commissioner General of the Rwanda  
Revenue Authority

**Mary BAINE**  
(sé)

contrat de paiement échelonné doit être signé entre le requérant et l'Administration Fiscale. Au cas où le requérant ne respecte pas son engagement, il est tenu de s'acquitter immédiatement du paiement de la totalité de l'impôt dû.

### **Article 26 : Entrée en vigueur**

*(Tel que modifié et complété par l'article 3 des directives du Commissaire Général n°11/2012 du 23/02/2012 modifiant et complétant les directives du Commissaire Général N° 002/2007 du 15/06/2007 portant mise en application de la loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant creation des procédures fiscales, J.O n° 13 du 26/03/2012):*

Ces Directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 23/02/2012

Commissaire Général de  
l'Office Rwandais des Recettes

**Mary BAINE**  
(sé)



**MABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU N° 005/2009 YO KUWA 15/05/2009 AHINDURA KANDI YUZUZA AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU N° 002/2007 YO KUWA 15/06/2007 ASHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO N° 25/2005 RYO KUWA 04/12/2005 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'ISORESHA**  
**Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,**

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha cyane cyane mu ngingo yaryo ya 58;

Asubiye ku mabwiriza ya Komiseri Mukuru n° 002/2007 yo kuwa 15/06/2007 ashyira mu bikorwa itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 19;

**Ashyizeho amabwiriza akurikira:**

**Ingingo ya mbere: Ibisabwa mu guhagararira abandi mu misoro**

Ingingo ya 19 y „Amabwiriza ya Komiseri Mukuru n° 002/2007 yo kuwa 15/06/2007 ashyira mu bikorwa itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha ihinduwe kandi yujujwe k'uburyo bukurikira:

« Umusoresha afite uburenganzira bwo guhagararirwa n'umuntu wabigize umwuga

**COMMISSIONER GENERAL RULES N° 005/2009 OF 15/05/2009 MODIFYING AND COMPLETING COMMISSIONER GENERAL RULES N° 002/2007 OF 15/06/2007 IMPLEMENTING THE LAW N° 25/2005 OF 04/12/2005 ON TAX PROCEDURES**

**The Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority,**

Given Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax procedures especially in its article 58;

Having reviewed Commissioner General rules n° 002/2007 of 15/06/2007 implementing the Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax Procedures, especially in its article 19;

**Issues the following rules :**

**Article One: Conditions and modalities of representation**

Article 19 of Commissioner Rules n° 002/2007 of 15/06/2007 implementing the Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax Procedures is modified and completed as follows:

“A taxpayer has the right to be represented by a

**DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL N° 005/2009 DU 15/05/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT LES DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL N° 002/2007 DU 15/06/2007 PORTANT MISE EN APPLICATION DE LA LOI N° 25/2005 DU 04/12/2005 PORTANT CREATION DES PROCEDURES FISCALES**

**Le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes,**

Vu la loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales, spécialement en son article 58 ;

Revu les directives du Commissaire Général n° 002/2007 du 15/06/2007 portant mise en application de la loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales, spécialement en son article 19;

**Emet les directives suivantes :**

**Article Premier : Conditions et modalités de représentation**

L'article 19 des directives du Commissaire Général n° 002/2007 du 15/06/2007 portant mise en application de la loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des procédures fiscales est modifié et complété comme suit:

« Un contribuable a le droit d'être représenté par un avocat

<p>mu mishyikirano agirana n'Ubuyobozi bw'Imisoro. Uretse abunganira abandi mu Nkiko, usaba guhagararira abandi mu Misoro, asabwa kuba yujuje ibi bikurikira :</p>	<p>qualified professional during any communication with the Tax Administration. Except advocates, qualified professional requesting to represent a taxpayer should fulfil the following:</p>	<p>ou un professionnel. A l'exception des avocats, une personne demandant l'autorisation de représenter les contribuables doit remplir les conditions suivantes:</p>
<p>1. kuba afite impamyabumenyi ihanitse mw'ibaruramari, mu misoro, mw'ishami ry'Imari, Ubukungu, cyangwa Icungamutungo;</p>	<p>1. is a holder of a Bachelors Degree in Accounts, taxation, Finance, Economics or Management;</p>	<p>1. être titulaire d'un diplôme de licence en comptabilité, fiscalité, Finances Economie ou Gestion;</p>
<p>2. kuba ari inyangamugayo, by'umwihariko atarigeze akurikiranwaho icyaha cyo kunyereza umutungo wa Leta cyangwa gukoresha inyandiko mpimbano;</p>	<p>2. is of high integrity, in particular not to have been criminally prosecuted for embezzlement of public funds or charged with falsification of documents;</p>	<p>2. être d'une forte intégrité, spécialement n'avoir pas été condamné pour détournement ou faux et usage de faux;</p>
<p>3. kuba afite icyemezo gitangwa n'ubutabera cy'uko nta byaha akurikiranwaho ;</p>	<p>3. presents a copy of a Judicial Police Statement</p>	<p>3. présenter une copie d'extrait du casier judiciaire</p>
<p>4. Kuba atarirukaniwe icyaha cya ruswa. Ku bahoze ari abakozi b'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro bagomba kuba nibura bamaze imyaka 3 bavuye mu kazi.</p>	<p>4. Was not expelled from his/her job on corruption charges. Former Rwanda Revenue Authority employees must have spent at least 3 years post after termination of their working contracts;</p>	<p>4. n'avoir pas été renvoyé pour corruption. En ce qui concerne les employés de l'Office Rwandais des Recettes, leurs contrats de travail doivent avoir été résiliés au moins trois ans avant ;</p>
<p>5. Kuba afite uburambe bw'imyaka byibuze ibiri mu kazi k'ibaruramari, igenzura cyangwa indi mirimo isa nayo ;</p>	<p>5. Have an experience of at least 2 years in the field of accounts, audit or other related fields.</p>	<p>5. Avoir une expérience d'au moins deux ans dans le domaine de comptabilité, d'audit ou dans un autre qui est connexe ;</p>
<p>6. ku byerekeye amasosiyete y'ubwifatanye, buri muntu asabwa gutanga impampuro asabwa kandi aryoza ibikorwa bye;</p>	<p>6. In case of partnership, each partner is obliged to submit the required documents and He/She becomes liable for his/her own acts or omissions;</p>	<p>6. en ce qui concerne les sociétés en partenariat, chaque partenaire est obligé de transmettre les documents requis et il est responsable de ses propres actes ou omissions;</p>
<p>7. Kwandikira Komiseri w'Imisoro y'Imbere mu Gihugu asaba uburenganzira bwo guhagararira abasoresha. Ibaruwa isaba igomba kuba iherekejwe n'ibi bikurikira:</p>	<p>7. Address the application to the Commissioner General requesting to represent the taxpayers. The application letter should be accompanied by:</p>	<p>7. Adresser au Commissaire Général une demande pour agrément de représenter les contribuables. La lettre de demande doit être accompagnée des documents suivants :</p>

- |   |   |   |
|---|---|---|
| a) Kopi ya registre y'Ubucuruzi   | a) Copy of certificate of registration of business.   | a) Une copie du registre de commerce ;  |
| b) Umwirondoro na kopi y'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;  | b) Curriculum vitae and a certified copy of academic certificate;   | b) Un curriculum vitae et une copie certifiée du diplôme ;  |
| c) icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi mirongo itanu adasubizwa;                                 | c) Proof of payment of fifty thousand francs non refundable   | c) Une quittance de payement de cinquante mille francs rwandais non remboursables ;   |
| d) Kuba afite konti muri banki, agasanduku k'iposita, e-mail, kugira aho abarizwa n'amasezerano y'ubukode | d) Have a bank account, postal address, e-mail, an office and rental contract   | d) Fournir des preuves de possession d'un compte bancaire, d'une boîte postale, d'un e-mail, d'un bureau et d'un contrat de bail ;                                  |
| e) Ku banyamahanga, basabwa kugaragaza ikarita ko bari mu rugaga rw'ibaruramali rwemewe. »                | e) For foreigners, they should provide a card certifying that they are members of Institutes of Certified Public Accounts in their respective countries.” | e) En ce qui concerne les étrangers, ils doivent présenter leurs cartes attestant qu'ils sont membres des ordres des experts comptables de leurs pays respectifs. » |

**Ingingo ya 2 : Ikarita itangwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro**

Ubuyobozi bw'Imisoro butanga amakarita ku bahawe uburenganzira bwo uhagararira abandi mu misoro.

**Article 2 : Card issued by the Tax Administration**

The Tax Administration issues cards to the approved qualified professionals to represent the taxpayers in fiscal matters.

**Article 2 : Des cartes délivrées par l'Administration Fiscale**

L'Administration Fiscale délivre des cartes aux personnes qualifiées qui ont reçu l'agrément de représenter les contribuables.

**Ingingo ya 3 : Igihe uburenganzira bwo guhagararira abandi bumara**

Icyemezo cyo kwemererwa guhagararira abasoreshwa kimara imyaka itatu ishobora kongerwa.

**Article 3: Duration of license**

The license to represent the taxpayers is valid for 3 years renewable.

**Article 3: Durée de l'agrément**

L'agrément de représenter les contribuables a une validité de trois ans renouvelable.

**Ingingo ya 4 : Imirimo ikorwa n'abahagararira abasoreshwa**

Imirimo ikorwa n'abahagararira abasoreshwa ni izi zikurikira :

- Gufasha umusoreshwa gukora ibaruramari ;
- Gutegura no kugeza ku Kigo cy'Imisoro n'Amahoro imenyesha musoro ;
- Guhararira umusoreshwa mu igenzura ry'Imisoro no mu nzego z'ubujurire.

**Ingingo ya 5 : Kwamburwa Uburenganzira bwo guhagararira abasoreshwa**

Komiseri Mukuru ashobora kwaka uwuhagararira abasoreshwa icyemezo cyo guhagararira abasoreshwa mu gihe gishobora kugera ku myaka itatu iyo yitwaye nabi cyangwa yitesheje icyizere.

**Ingingo ya 6 : Kujuririra Minisitiri**

Uwambuwe uburenganzira bwo guhagararira abasoreshwa ashobora kujuririra Minisitiri ufite imari mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi 15 kibarwa uhereye igihe yashyikirijwe ibaruwa imuhagarika.

**Article 4 : Duties of representatives**

Duties of representatives are as follows :

- Assist the taxpayer in daily management of books of accounts;
- prepare and submit taxpayers tax declarations to Tax Administration
- Represent the taxpayer in tax audits and appeals.

**Article 5: Suspension of representation**

The Commissioner General may suspend the right to represent the taxpayers for the period of three years in case of misconduct or loss confidence.

**Article 6 : Appeal to the Minister**

The person denied of the right to represent the taxpayers may appeal to the Minister with finance in his attribution within 15 days counted from the date of receipt of suspension letter.

**Article 4 : Les fonctions des représentants des contribuables**

Les fonctions des représentants des contribuables sont les suivantes :

- Assister le contribuable dans la gestion quotidienne de ses documents comptables ;
- préparer et déposer les déclarations fiscales du contribuable à l'Administration Fiscale ;
- Représenter le contribuable au cours de la vérification et au niveau d'appel.

**Article 5 : Suspension de la représentation**

Le Commissaire Général peut suspendre pendant un délai n'excédant pas trois ans un représentant des contribuables pour mauvaise conduite ou perte de confiance.

**Article 6: Recours auprès du Ministre**

Le représentant des contribuables suspendu peut introduire un recours contre cette suspension auprès du Ministre ayant les finances dans ses attributions dans un délai de quinze (15) jours à compter de la réception de la lettre de suspension.

**Ingingo ya 7 : Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Amabwiriza yose abanziriza aya kandi anyuranyije nayo avanyweho.

**Ingingo ya 8 : Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa kuva ku muni yasohokereye mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Kigali, kuwa 15/05/2009

**Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro  
n'Amahoro Mary BAINÉ  
(sé)**

**Article 7 : Repealing of inconsistent provisions**

All previous rules contrary to these rules are hereby abrogated.

**Article 8 : Commencement**

These Rules come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda Kigali, on 15/05/2009

**Commissioner General of Rwanda Revenue  
Authority Mary BAINÉ  
(sé)**

**Article 7: Disposition abrogatoire**

Toutes les directives antérieures contraires aux présentes directives sont abrogées.

**Article 8: Entrée en vigueur**

Ces directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Kigali, le 15/05/2009

**Commissaire Général de l'Office Rwandais des  
Recettes Mary BAINÉ  
(sé)**

**AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU N°13/2012 YO KUWA 26/04/2012 ASHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO N°25/2005 RYO KUWA 04/12/2005 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'ISORESHA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGAZA UBU**

**COMMISSIONER GENERAL RULES N°13/2012 OF 26/04/2012 IMPLEMENTING LAW N°25/2005 OF 04/12/2005 ON TAX PROCEDURES AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL N°13/2012 DU 26/04/2012 PORTANT MISE EN APPLICATION DE LA LOI N°25/2005 DU 04/12/2005 PORTANT CREATION DES PROCEDURES FISCALES TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,

The Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority,

Le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes,

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17 bis; Ashyizeho Amabwiriza akurikira :

Given the Law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax Procedures as modified and complemented to date, especially in its article 17 bis;

Vu la Loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant création des Procédures Fiscales telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 17 bis;

Issues the following Rules:

Emet les Directives suivantes:

**Ingingo ya mbere: icyo agamije**

**Article One: Objective**

**Article Premier: Objet**

Aya mabwiriza ashya mu bikorwa Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 04/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

These Rules implement the law n° 25/2005 of 04/12/2005 on Tax Procedures as modified and complemented to date

Ces Directives mettent en application la Loi n° 25/2005 du 04/12/2005 portant Création des Procédures Fiscales telle que modifiée et complétée à ce jour.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2 : Définitions**

Ku birebana n'iyubahirizwa ry'aya Mabwiriza, ibisobanuro by'amagambo avugwa mu mategeko y'imisoro ni byo byitabwaho, keretse hari igisobanuro gitandukanye gitangwa muri aya mabwiriza.

For the purpose of these Rules, definitions of terms mentioned in the fiscal laws apply unless a different meaning is expressly provided in these Rules.

Aux fins de l'application de ces Directives, la signification des termes définis dans les lois fiscales est d'application à moins qu'une signification différente ne soit expressément indiquée dans les présentes directives.

**Ingingo ya 3: Uburyo bwo kumenyekanisha umusoro ku bihembo**

Abasoreshwa bafite igicuruzo rusange ku mwaka kingana cyangwa kiri muni ya miliyoni magana abiri (200.000.000 FRW) z'amafaranga y'u Rwanda bakora imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusoro ku bihembo buri gihembwe. Ku bijyanye n'amezi ya Werurwe, Mata na Gicurasi 2012, kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku bihembo w'icyo gihembwe bigomba gukorwa bitarenze tariki ya 15/06/2012.

Ibihembwe bikurikira bimenyekanishwa kandi bikishyurwa bitarenze amatariki akurikira:

- 15 Nzeri;
- 15 Ukuboza; na
- 15 Werurwe.

Abasoreshwa bafite ibyacurujwe bingana cyangwa biri muni y'amafaranga y'amanyarwanda miliyoni magana abiri (200.000.000 FRW) ku mwaka, bahisemo gukora imenyekanisha no kwishyura buri kwezi, basabwa kubanza kubimenyeshya Ubuyobozi bw'Imisoro mu nyandiko.

Iryo hitamo ntirishobora gusubirwamo mbere y'imyaka nibura ibiri.

Abasoreshwa bashya basabwa kumenyekanisha buri gihembwe bagomba kumenyekanisha no kwishyura bitarenze tariki 15 z'ukwezi gukurikira igihembwe biyandikishijemo.

**Article 3: Modalities of Pay As You Earn (PAYE) declaration**

Taxpayers whose annual turnover is equal or less than two hundred million (200.000.000 RWF) declare Pay As You Earn on quarterly basis. For the months of March, April and May 2012, the deadline for declaration and payment of this quarter is on 15/06/2012.

The deadline for the declaration and payment for the subsequent quarters are fixed on:

- 15 September;
- 15 December; and
- 15 March.

The taxpayers whose annual turnover is equal or less than two hundred million Rwandan francs (200.000.000 RWFR), who opt to declare and pay on a monthly basis are required to inform the Tax Administration in writing.

The option to declare and pay on a monthly basis is irrevocable for at least two years.

The taxpayers who are newly registered in the system of quarterly declaration must declare and pay not later than the 15th day of the month following the end of the quarter in which this registration took place.

**Article 3 : Modalités de déclaration de la Taxe Professionnelle sur les Rémunérations (TPR)**

Les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions (200.000.000 FRWS) de francs rwandais déclarent et paient trimestriellement la taxe professionnelle sur les rémunérations. Pour les mois de mars, avril et mai 2012, la date limite de déclaration et paiement de ce trimestre est fixée au 15/06/2012.

La date limite de déclaration et paiement pour les trimestres suivants est fixée au:

- 15 Septembre ;
- 15 Decembre; et
- 15 Mars.

Les assujettis dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur ou égal à deux cent millions de francs rwandais (200.000.000 FRWS), qui optent pour la déclaration et paiement mensuels sont tenus d'en informer l'Administration Fiscale par écrit.

Cette option de déclaration et paiement mensuels est irrévocable pendant au moins deux ans.

Les assujettis qui sont nouvellement inscrits dans le système de déclaration et paiement trimestriels doivent déclarer et payer au plus tard le 15 du mois suivant la fin du trimestre au cours duquel cette inscription a eu lieu.

**Ingingo ya 4: ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza**

Amabwiriza yose abanziriza aya kandi anyuranyije nayo avanyweho.

**Ingingo ya 5: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa kuva ku muni yasohokweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Kigali, kuwa 26/04/2012**  
(sé)

**Ben KAGARAMA**

**Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahôro**

**Article 4: Abrogating provision**

All previous Rules contrary to these Rules are repealed.

**Article 5: Commencement**

These Rules come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Kigali, on 26/04/2012**  
(sé)

**Ben KAGARAMA**  
**Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority**

**Article 4 : Disposition abrogatoire**

Toutes les Directives antérieures et contraires aux présentes Directives sont abrogées.

**Article 5 : Entrée en vigueur**

Ces Directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Kigali, le 26/04/2012**

(sé)

**Ben KAGARAMA**  
**Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes**



**ITEGEKO N° 26/2006 RYO KUWA 27/05/2006 RIGENA KANDI RISHYIRAHO IMITUNGANYIRIZE Y'UMUSORO KU BYAGUZWE WAKWA KU BICURUZWA BIMWE NA BIMWE BITUMIJWE MU MAHANGA N'IBIKORERWA MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repbulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**  
**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 4 Mata 2006;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 80, iya 81, iya 90, iya 93, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 25/2005 ryo kuwa 4/12/2005 rigena imitunganyirize y'isoresha;

Isubiye ku Itegeko n° 18/98 ryo kuwa 31/12/1998 rihindura ibipimo by'umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bitumijwe mu mahanga n'ibikorerwa mu Rwanda nk'uko

**LAW N° 26/2006 OF 27/05/2006 DETERMINING AND ESTABLISHING CONSUMPTION TAX ON SOME IMPORTED AND LOCALLY MANUFACTURED PRODUCTS.**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT TO BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**  
**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of April 4, 2006;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in its articles 62, 66, 67, 80, 81, 90, 93, 108, 118 and 201;

Given the law n° 25/2005 of 4/12/2005 on tax procedures;

Given the law n° 18/98 of 31/12/1998 modifying the consumption tax rates to be collected upon some imported and locally manufactured products as modified and complemented to date;

**LOI N° 26/2006 DU 27/05/2006 PORTANT ORGANISATION ET INSTAURATION DU DROIT D'ACCISE SUR CERTAINS PRODUITS IMPORTES ET DE FABRICATION LOCALE.**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**  
**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 4 avril 2006;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 80, 81, 90, 93, 108, 118 et 201 ;

Vu la Loi n° 25/2005 du 4/12/2005 portant création des procédures fiscales;

Revu la Loi n° 18/98 du 31/12/1998 modifiant les taux de la taxe de consommation à percevoir sur certains produits importés et de fabrication locale, telle que modifiée et complétée à ce jour ;

ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Icyiciro cya mbere: Ibirebwa n’iri tegeko, ibisobanuro by’amagambo n’ahantu iri tegeko rikurikizwa**

**Ingingo ya mbere:**

Iri tegeko rigena umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bitumizwa mu mahanga n’ibikorera mu Rwanda n’uburyo ugenzurwa.

**Ingingo ya 2:**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe atya:

1° **“Komiseri Mukuru”** ni Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro;

2° **”Amateka”** ni amateka ashirwaho na Minisitiri abinyujije mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda;

3° **“Uruganda”** ni inyubako, ibikoresho cyangwa ibyuma byifashishwa mu gukora cyangwa guhindura ibintu bitangirwa imisoro;

4° **“Itegeko”** ni itegeko ryerekeye umusoro ku byaguzwe;

5° **“ Minisitiri”** ni Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

6° **” Ikigo”** ni Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Section one: Products which this law applies to, definitions of its terms and field of application**

**Article One:**

This law determines the consumption tax to be collected on some imported and locally manufactured products as well as modalities for its verification.

**Article 2:**

In this law, the following terms are defined as follows:

1° **“Commissioner General”** is the Chief Head of Rwanda Revenue Authority;

2° **“Order”** refers to order issued by the Minister through the Official Gazette of the Republic of Rwanda;

3° **“Factory”** means any plant, machinery or appliance used in manufacturing or processing taxable products;

4° **“The law”** means the law on consumption tax;

5° **“Minister”** means the Minister in charge of Finance;

6° **“Authority”** is the Rwanda Revenue Authority;

**ADOPTÉ :**

**CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Section première: Des produits auxquels la présente loi est applicable, de la signification des termes et du champ d’application de la présente loi**

**Article premier :**

La présente loi régit l’organisation et l’instauration du droit d’accise sur certains produits importés et de fabrication locale ainsi que les modalités de sa vérification.

**Article 2 :**

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont la signification suivante:

1° **« Commissaire Général »** signifie le Commissaire Général de l’Office Rwandais des Recettes ;

2° **« Arrêté »** signifie l’acte édicté par le Ministre et publié au Journal Officiel de la République du Rwanda ;

3° **« Industrie »** signifie les installations, équipements ou appareils qui servent à la fabrication ou à la transformation des produits taxables ;

4° **« Loi »** signifie la loi relative au droit d’accise ;

5° **« Ministre »** signifie le Ministre ayant les finances dans ses attributions ;

6° **« Office »** signifie l’Office Rwandais des Recettes ;

7° “**Umuntu**” ni umuntu cyangwa ikigo bivugwa mu ngingo z’iri tegeko;

8° “**Ibicuruzwa bisoreshwa**” ni ibintu byakorewe mu Rwanda cyangwa bitumizwa mu mahanga bicibwa umusoro ku byaguzwe;

9° “**Igipimo cy’igihano**” ni amafaranga magana ane (400 Frw) cyangwa akandi gaciro kemezwa na Minisitiri abinyujije mu Iteka;

10° “**Umukozi wemewe**” ni umukozi w’Ikigo wahawe ububasha na Komiseri Mukuru bwo kugenzura, gukora iperereza, gutanga impapuro zaka umusoro, gukora inyandikomvugo, kwishyura umusoro cyangwa gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kubahiriza ibikubiye muri iri tegeko kandi unafite icyangombwa cy’akazi kimuranga;

11° “**Itebure y’umusoro**” ni ikimenyetso, gishyirwa ku gihahwa gicibwa umusoro ku byaguzwe, kigaragaza ko kizagarishwa mu Rwanda.

#### **Ingingo 4: Ibicuruzwa n’ibipimo byabyo by’umusoro**

*(Nk’uko yahinduwe kandi yuzuzwa n’ingingo ya Iy’Itegeko no 57/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko n° 26/2006 ryo kuwa 27/05/2006 rigena kandi rishyiraho imitunganyirize y’umusoro ku byaguzwe wakwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bitumijwe mu mahanga n’ibikorera mu Rwanda nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:*

7° “**Person**” means any legal or physical person mentioned in the provisions of this law;

8° “**Taxable products**” refers to products manufactured in Rwanda or imported into Rwanda subject to consumption tax;

9° “**Penalty unit**” means four hundred Rwandan francs (RWF 400) or any such value prescribed by the Minister, through an order;

10° “**Authorised officer**” is the employee of the Authority the Commissioner General gives powers to inspect, investigate, issue tax declaration documents, prepare statements, recover tax or to perform any act aimed at respecting provisions of this law and who is in possession of an employee identification;

11° “**Tax stamp**” is a sign affixed on a product subject to consumption tax indicating that the product will be sold in Rwanda.

#### **Article 4: Products and corresponding rates**

*(As modified and completed by article 1 of the Law no 57/2011 modifying and complementing Law n° 26/2006 of 27/05/2006 determining and establishing consumption tax on some imported and locally manufactured products as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:*

7° « **Personne** » signifie toute personne physique ou morale mentionnée dans les dispositions de la présente loi ;

8° « **Produits taxables** » signifie les biens fabriqués ou importés au Rwanda frappés du droit d’accise ;

9° « **Unité d’amende** » équivaut à quatre cents Francs Rwandais (400 FRW) ou toute autre valeur déterminée par le Ministre par voie d’arrêté ;

10° « **Agent autorisé** » signifie tout agent de l’Office muni de la carte de service à qui le Commissaire Général a conféré le pouvoir de vérification, d’investigation, de délivrance des documents fiscaux, d’établissement des procès-verbaux, de recouvrement des taxes ou d’exercice de toute autre activité permettant d’assurer le respect des dispositions de la présente loi ;

11° « **Vignette fiscale** » signifie un signe que l’on appose sur un produit passible du droit d’accise qui atteste que ce produit sera mis à la consommation sur le marché local.

#### **Article:Produits et taux correspondants**

*(Tel que modifié et complété par l’article 1 de la loi no 57/2011 du 31/12/2011 modifiant et complétant la Loi n° 26/2006 du 27/05/2006 portant organisation et instauration du droit d’accise sur certains produits importés et de fabrication locale telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit :*

<b>Ibicuruzwa</b>	<b>Ibipimo</b>	<b>Products</b>	<b>Tax rate</b>	<b>Produits</b>	<b>Taux d'imposition</b>
Imitobe y'imbutu	5%	Fruit Juices	5%	Jus de fruits	5%
Limonades, soda n'indi mitobe	39%	Limonade, Sode and other juices	39%	Limonades, sodas et autres jus	39%
Amazi mvaruganda	10%	Mineral Water	10%	Eau minérale	10%
Byeri	60%	Beer	60%	Bière	60%
Divayi	70%	Wine	70%	Vin	70%
Ibyotsi, Likeri na Wisiki	70%	Brandies, liquors and whisky	70%	Eaux-de-vie, liqueurs et whiskies	70%
Itabi	150%	Cigarettes	150%	Tabacs	150%
Lisansi (itari iy'indege) na mazutu	183 Frw/ilitiro kuri lisansi 150 Frw/ilitiro kuri mazutu	Premium (excluding benzene) and Gas oil	183 Rwf/liter on premium 150Rwf/liter on Gas oil	Essence (exception faite du benzene) et mazout	183 Frw/litre pour l'essence 150 Frw/litre pour le mazout
Amavuta	37%	Lubricants	37%	Librifants	37%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri munsu ya 1500 cc	5%	Vehicles with an engine capacity of less than 1500 cc	5%	Véhicules avec un moteur d'une puissance inférieure à 1500 cc	5%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hagati ya 1500 na 2500 cc	10%	Vehicles with an engine capacity of between 1500 and 2500 cc	10%	Véhicules avec un moteur d'une puissance variant entre 1500 et 2500 cc	10%
Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hejuru ya 2500 cc	15%	Vehicles with an engine capacity of above 2500 cc	15%	Véhicules avec un moteur d'une puissance supérieure à 2500 cc	15%
Amavuta y'ifu	10%	Powdered milk	10%	Lait en poudre	10%
Itumanaho rikoresheje telefoni	8%	Telephone communications	8%	Communications téléphoniques	8%

**Ingingo ya 4 bis: Isonerwa**

Ibintu bihawe imiryango y'abagiraneza kimwe n'ibikoresho by'abari bahagarariye u Rwanda bavuye muri za Ambassade cyangwa mu Miryango Mpuzamahanga, iby'impunzi z'Abanyarwanda zitahutse, iby'Abanyarwanda batahutse bamaze nibura amezi cumi n'abiri (12) mu mahanga, bisanzwe bikurirwaho amahoro ya Gasutamo, bisonewe umusoro ku byaguzwe wishyurwa muri Gasutamo.

**Ingingo ya 5:**

Umusoro uvugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko ntureba imodoka z'ubwoko bwa minibisi ishobora gutwara abantu batari hasi ya cumi na bane (14), kamyo na kamyoneti "simple cabine" zakorewe gutwara ibintu, imodoka zifite ibyuma bikonjeshya, imodoka zikoresheya mu bukerarugendo, imodoka z'abashoramari b'abanyamahanga n'abanyarwanda batuye mu mahanga n'abakozi babo b'abanyamahanga.

**Icyiciro cya 3: Agaciro gasoreshwa n'igihe cyo kwaka umusoro ku byaguzwe****Ingingo ya 6:**

Agaciro gasoreshwa ku bihahwa byatumijwe mu mahanga kabarwa hakurikijwe igiciro cy'ibyo bicuruzwa bigeze i Kigali hiyongereyeho amahoro ya Gasutamo n'amafaranga y'ububiko; naho ku byakorewe mu Rwanda ni igiciro cy'ikiguzi uwo musoro utabariwemo.

**Ingingo ya 7:**

Umusoro utangwa igihe:

1° ibicuruzwa, bisoreshwa, bivanywe mu ruganda, ku birebana n'ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda;

**Article 4 bis : Exemption**

Goods for charitable organizations and personal effects of Rwandan diplomats returning from foreign diplomatic missions, Rwandan refugees returning home and returnees who had stayed at least twelve months (12) in a foreign country entitled to tax relief under the Customs law are exempted from the Consumption Tax at importation.

**Article 5:**

The tax mentioned in article 4 of this law is not concerned with vehicles in the mini bus category that can carry not less than fourteen (14) persons, lorries and light duty vehicles manufactured to carry goods, refrigerating vehicles, tourist vehicles, foreign investors' and diaspora Rwandan investors and their foreign employees' vehicles.

**Section 3: Taxable value and time for tax imposition****Article 6:**

The taxable value on imported products shall be calculated according to Cost, Insurance and Freight upon arrival in Kigali while on locally manufactured products, it shall be calculated according to selling price exclusive of taxes.

**Article 7:**

The tax shall be payable when:

1° the taxable products are cleared out of the factory for consumer use in case of locally

**Article 4 bis : Exonération**

Les biens destinés à des associations caritatives ainsi que les effets personnels des diplomates de retour d'une mission diplomatique, des réfugiés rwandais qui retournent au pays et des personnes de retour au pays après un séjour de douze mois (12) au moins dans un pays étranger, qui bénéficient de l'exonération en vertu de la législation douanière sont exemptés du paiement du droit d'accises payable à l'importation.

**Article 5 :**

Le taux d'imposition visé à l'article 4 de la présente loi ne s'applique pas à la catégorie de véhicules minibus pouvant transporter au moins quatorze (14) personnes, camions et camionnettes simple cabine affectés au transport des marchandises, véhicules frigorifiques, véhicules de tourisme, véhicules des investisseurs étrangers et des Rwandais vivant à l'étranger ainsi que de leurs employés étrangers.

**Section 3 : De la valeur taxable et du moment d'imposition du droit d'accise****Article 6 :**

L'assiette imposable du droit d'accise est la valeur CIF Kigali majorée des droits d'entrée et des frais d'entreposage pour les produits importés tandis que pour ceux fabriqués localement l'assiette imposable est le prix de vente hors taxe.

**Article 7 :**

La taxe est due au moment où :

1° les produits taxables sont livrés hors de l'industrie pour la consommation dans le cas des produits de

2° ibicuruzwa biri muri Gasutamo hakurikijwe itegeko rigenga imikorere ya Gasutamo.

**Ingingo ya 8:**

Ibicuruzwa bisoreshwa byoherejwe hanze y'Igihugu bisonewe umusoro ku byaguzwe. Ariko uwasonewe uwo musoro, agomba kugaragaza ko yujuje ibyangombwa bisabwa abohereza ibintu mu mahanga.

**UMUTWE WA II: KUMENYEKANISHA, KWISHYURA NO KUGENZURA UMUSORO**

**Icyiciro cya mbere: Imenyekanisha**

**Ingingo ya 9:**

Mu gushyira mu bikorwa iri tegeko, ukwezi kugabanyijwemo ibihe bitatu (3) bikurikira:

- 1° kuva ku itariki ya mbere kugeza ku itariki ya 10 y'ukwezi;
- 2° kuva ku itariki ya 11 kugeza ku itariki ya 20 y'ukwezi;
- 3° no kuva ku itariki ya 21 kugeza ku mpera z'ukwezi.

Umusoresha agomba kuzura imenyekanisha rye yubahirije ibihe bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 10:**

Bitarenze iminsi itanu (5) ikurikira ibihe bivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko, umusoresha wishyura umusoro ku byaguzwe, asabwa kugeza ku buyobozi

manufactured products;

2° the taxable products are due for clearing at the customs under the customs system in case of imports.

**Article 8:**

Taxable export products are exempted from consumption tax. However, the exporter exempted from such a tax is obliged to indicate that he or she has fulfilled all the conditions exporters are required to fulfil.

**CHAPTER II: DECLARATION, PAYMENT AND ASSESSMENT OF TAX**

**Section one: Declaration**

**Article 9:**

For purposes of implementing this law, a month is divided into the following three periods:

- 1° from 1<sup>st</sup> to 10<sup>th</sup> of every month;
- 2° from 11<sup>th</sup> to 20<sup>th</sup> of every month and;
- 3° from 21<sup>st</sup> towards the end of the month.

A taxpayer is required to file his or her declaration in respect of provisions of paragraph one of this article.

**Article 10:**

The taxpayer who pays consumption tax is required to deliver to tax administration a declaration sheet and the proofs of how

fabrication locale;

2° les produits sont en douane en vertu de la loi portant régime douanier.

**Article 8 :**

Les produits auxquels s'applique la taxe lorsqu'ils sont exportés sont exonérés du droit d'accise. Néanmoins, l'exportateur qui bénéficie de l'exonération de cette taxe doit justifier qu'il remplit les conditions exigées aux exportateurs.

**CHAPITRE II : DE LA DECLARATION, DU PAIEMENT ET DE LA VERIFICATION DE LA TAXE**

**Section première : De la déclaration**

**Article 9 :**

Dans le cadre de l'application de la présente loi, le mois calendrier est divisé en trois périodes de déclaration suivantes :

- 1° du 1er au 10 du mois ;
- 2° du 11 au 20 du mois;
- 3° du 21 à la fin du mois.

Le contribuable est tenu de remplir ses déclarations en respectant les périodes visées à l'alinéa premier du présent article.

**Article 10 :**

Le contribuable doit, dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours qui suivent les périodes visées à l'article 9 de la présente loi, soumettre à l'administration fiscale

bw'imisoro urupapuro rw'imenyekanisha n'ibimenyetso by'uko umusoro ku byaguzwe wishyuwe.

Umusoro ku byaguzwe bitumijwe mu mahanga utangirwa rimwe n'amahoro ya Gasutamo. Minisitiri, abicishije mu iteka, agena izindi mpapuro ziherekeza imenyekanisha.

**Ingingo ya 11:**

Hubahirijwe ibihe bivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko, buri musoreshwa wese agomba:

1° gutunga ibitabo by'ibaruramari byuzuzwa hakurikijwe amategeko agenga ibaruramari ry'Igihugu;

2° gutanga ibisobanuro nk'uko imenyekanisha ribisaba.

**Icyiciro cya 2: Igenzura**

**Ingingo ya 12:**

Kugenzura bikorwa mu buryo no mu gihe cyagenwe mu iteka rya Minisitiri. Iryo genzura rirangizwa n'igikorwa cyo kwishyura usoreshwa umusoro utishyuwe iyo uhari, inyungu n'ihazabu.

Zimwe mu mpamvu zituma habaho igenzura ni izi zikurikira:

1° kuba nta menyekanisha ryakozwe;

2° amamenyekanisha akosheje, atuzuye cyangwa asa n'ataragaza imibare y'ibanze.

**UMUTWE WA III: IGENGA RY'UMUSORO KU BYAGUZWE**

**Icyiciro cya mbere: Ububasha n'imirimo by'abakozi bemewe**

consumption tax was paid in a period not exceeding five (5) days following periods mentioned in article 9 of this law.

The consumption tax on imports shall be paid concurrently with custom duties.

The Minister, through an order, shall determine other sheets to accompany the declaration.

**Article 11:**

In respect of periods prescribed under article 9 of this law, every taxpayer is required to:

1° keep the books of accounts filed in accordance with national accounting standards;

2° provide information as the declaration form requires.

**Section 2: Assessment**

**Article 12:**

An assessment shall be conducted in the manner and in periods prescribed by the Ministerial Order. Such an assessment shall be concluded by an action for recovery of the tax due, interest and fines.

Certain reasons which lead to assessment are as follows:

1° non conduction of declaration;

2° returns found to be incorrect, inadequate, or intended to conceal some basic data.

**CHAPTER III: ADMINISTRATION OF CONSUMPTION TAX**

**Section one: Powers and functions of authorized officers**

le document de déclaration ainsi que les documents attestant le paiement du droit d'accise.

Le droit d'accise sur les produits importés est perçu simultanément avec les droits de douane.

Le Ministre détermine, par voie d'arrêté, d'autres documents devant accompagner la déclaration.

**Article 11 :**

Dans le respect des périodes prévues par l'article 9 de la présente loi, chaque contribuable doit :

1° tenir les livres comptables remplis conformément aux lois régissant la comptabilité nationale;

2° fournir des explications conformément au modèle de déclaration requis.

**Section 2 : De la vérification**

**Article 12 :**

Les modalités et la période de vérification sont déterminées par Arrêté Ministériel. Une telle vérification se termine par une action de mise en recouvrement de la taxe due, des intérêts et des amendes.

Les conditions susceptibles d'entraîner une telle vérification sont notamment :

1° l'absence du dépôt de déclaration ;

2° les déclarations incorrectes, inadéquates ou tendant à dissimuler des données essentielles.

**CHAPITRE III : DE L'ADMINISTRATION DU DROIT D'ACCISE**

**Section première : Des compétences et fonctions des agents autorisés**

**Ingingo ya 13:**

Umukozi wemewe afite uburenganzira bwo kwinjira mu ruganda igihe cyose uruganda rukora. Afite ububasha bwo gukora igenzura cyangwa isuzuma iyo bigaragaye ko ari ngombwa. Kubera iyo mpamvu, umukozi wemewe afite ububasha bw'umugenzacyaha iyo akora akazi ke.

**Ingingo ya 14:**

Hatabangamiwe itegeko rigenga imikorere ya Gasutamo, ibicuruzwa byose bicibwa umusoro ku byaguzwe bitumizwa mu mahanga, byaca mu nzira y'ubutaka, mu mazi, mu kirere cyangwa mu iposita, bigomba gukorerwa igenzura n'umukozi wemewe.

**Ingingo ya 15:**

Umukozi wemewe wese ahabwa ibimenyetso bimuranga mu mirimo ye, akanabyereka umuntu ubisabye. Umukozi wemewe, mu mirimo ye, ashobora gusaba umusoreshwa kumuha, mu nyandiko, ibisobanuro abona ko ari ngombwa.

**Ingingo ya 16:**

Iyo umukozi wemewe abona ko umusoreshwa ahisha ibicuruzwa bimwe na bimwe kugira ngo atishyura umusoro ku byaguzwe, ashobora gufatira ibyo bintu akabiragiza ikigo. Agomba kandi gusiga gihamya yasinywe na nyir'ibyo bintu cyangwa umuhagarariye.

**Ingingo ya 17:**

Iyo nyir'ibintu byafatiriwe, hakurikijwe ingingo ya 16 y'iri tegeko, atabashije gutanga ibisobanuro mu minsi

**Article 13:**

An authorised officer shall have the right to free access to a factory at any time it is operating. He or she shall have the right to carry out any inspection or verification if considered necessary. Due to such a reason, the authorised officer shall have prosecution powers during the performance of his or her duties.

**Article 14:**

Without prejudice to the customs system, all taxable imported products subject to consumption tax, whether by land, water, air or post, shall be subject to the control by an authorized officer.

**Article 15:**

Every authorised officer shall be issued with means of identification during his or her duties and shall produce them on demand to any person who requires them. An authorised officer on his or her duties may require the tax payer to give him or her in writing any necessary information.

**Article 16:**

Where an authorized officer finds that a tax payer conceals certain products in order to evade consumption tax, he or she may seize the products and put them into the custody of the Authority. He or she may also issue a receipt of acknowledgement signed by the owner of the products or his or her representative.

**Article 17:**

Where the owner of the products seized in accordance with article 16 of this law does

**Article 13 :**

Tout agent autorisé a libre accès à toutes les installations chaque fois que l'usine fonctionne. Il a la compétence de procéder à toute inspection ou vérification quand il est jugé nécessaire. Pour cette raison, l'agent autorisé jouit des pouvoirs d'Officier de police judiciaire dans l'exercice de ses fonctions.

**Article 14 :**

Sans préjudice de la loi portant régime douanier, tous les produits soumis au droit d'accise importés soit par voie terrestre, maritime, aérienne ou postale doivent faire l'objet de contrôle par l'agent autorisé.

**Article 15 :**

Dans l'exercice de ses fonctions, tout agent autorisé est muni des pièces d'identification qu'il exhibe à toute personne qui en fait la demande. L'agent autorisé peut, dans l'exercice de ses fonctions, demander au contribuable de lui fournir par écrit toutes les explications qu'il estime nécessaires.

**Article 16 :**

Lorsque l'agent autorisé a une raison de croire qu'un contribuable cache certains de ses produits pour se soustraire au droit d'accise, il peut saisir ces biens et les mettre sous la garde de l'Office. Il doit à cet effet délivrer un reçu signé par le propriétaire des produits ou son représentant.

**Article 17 :**

Lorsque le contribuable dont les biens ont été saisis en vertu de l'article 16 de la présente loi ne parvient pas à



cumi n'itanu (15), ko yubahirije ingingo zikubiye muri iri tegeko, ibyo bintu bishobora gutezwa icyamunara.

Icyo gihe gishobora kugabanywa iyo bigaragaye ko ibyo bintu bishobora kwangirika vuba.

Iyo ibyo bintu bishobora kwangiza ubuzima bw'abantu n'ubw'ibindi binyabuzima, bigomba guhita bikurwaho. Icyo gikorwa cyishyurwa na nyirabyo.

**Ingingo ya 18:**

Mu kurangiza inshingano ze ziteganywa n'iri tegeko, umukozi wemewe akorera mu bwisanzure busesuye. Nta muntu n'umwe ushobora kumubangamira, cyangwa kwivanga mu mirimo ashinzwe, usibye ubuyobozi bubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 19:**

Abantu, ibigo bya Leta, amasosiyeti n'amashyirahamwe y'ubucuruzi asabwe kugeza ku mukozi wemewe, ibintu byose byafasha mu gushyira mu bikorwa ibivugwa muri iri tegeko.

Amabanga atangwa hakurikijwe ibivugwa muri iyi ingingo cyangwa muri gahunda yo kuzuzanya inshingano zisabwa n'iri tegeko ntahishurirwa umuntu uwo ari we wese, keretse iyo Komiseri Mukuru asanga ko kubikora gutyo biri mu nyungu z'Igihugu, akaba ari bwo abitegeka mu nyandiko isobanura amabanga agomba guhishurwa n'uburyo agomba guhishurwa.

not provide information in fifteen (15) days, stating whether he or she complied with the provisions of this law, such products may be sold by public auction.

Such a period may be reduced in case it is proved that such products are perishable.

In case such products can deteriorate human and other biological health, they shall be immediately destroyed. Such an act shall be at the expense of the owner of the products.

**Article 18:**

In fulfilment of his or her duties provided for by this law, an authorised officer shall be independent. No person shall obstruct or interfere with him or her in his or her duties with an exception of competent authorities.

**Article 19:**

Individuals, government institutions, commercial and business associations are obliged to provide with the authorised officer all the relevant information regarding the implementation of provisions of this law.

Secrets revealed in accordance with provisions of this article or in fulfilment of duties required by this law shall not be disclosed to any person unless the Commissioner General finds it is in the national interest, upon which he or she shall order it in writing specifying the information to be disclosed and the procedures of its disclosure.

fournir des explications endéans quinze (15) jours pour justifier qu'il a respecté les dispositions de la présente loi, ces biens peuvent être soumis à la vente publique.

Ce délai peut être réduit si les biens sont susceptibles de se détériorer rapidement.

Si ces biens sont susceptibles de nuire à la santé humaine et à celle des autres êtres vivants, ils sont automatiquement détruits. Cette destruction se fait aux frais du contribuable.

**Article 18 :**

L'agent autorisé agit en toute liberté dans l'exercice de ses fonctions déterminées par la présente loi. Personne ne peut faire obstacle à ses activités ni s'immiscer dans ses fonctions exception faite des autorités compétentes.

**Article 19 :**

Les personnes physiques, les établissements publics, les sociétés et associations de commerce sont tenus de fournir à l'agent autorisé toutes les informations en rapport avec l'application des dispositions de la présente loi.

Les renseignements de nature confidentielle fournis en vertu des dispositions du présent article ou en vue de remplir les attributions déterminées par la présente loi ne peuvent être communiqués que si le Commissaire Général estime qu'il est dans l'intérêt de la nation de la faire; auquel cas, il émet un ordre écrit spécifiant les renseignements de nature confidentielle à communiquer et les modalités de leur communication.

**Icyiciro cya 2: Uburenganzira n'inshingano z'abasoresha**

**Ingingo ya 20:**

Umusoresha afite uburenganzira bwo kwigenzura hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko n'amateka arebana na ryo.

**Ingingo ya 21:**

Impaka zose zivutse hagati y'Ikigo n'umusoresha zirebana n'umusoro ku byaguzwe zishyikirizwa Komiseri Mukuru ugomba gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) guhera igihe zamugereyeho.

**Ingingo ya 22:**

Umusoresha utishimiye icyemezo cya Komiseri Mukuru, afite uburenganzira, mu gihe kitarenze iminsi cumi (10), bwo kujuririra Inama y'ubujurire yashyizweho n'iteka rya Minisitiri, inafata ibyemezo mu izina rye. Icyemezo cy'Inama y'ubujurire gishobora kuregerwa mu Rukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 23:**

